**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**URWEGO RW'UMUVUNYI**

# RAPORO Y'IBIKORWA BY'URWEGO RW'UMUVUNYI 2021-2022

Kigali, Nzeri 2022

# ISHAKIRO


Ishakiro ..... III

Urutonde rw'imbonerahamwe ..... VI

Urutonde rw'ibishushanyo ..... IX

Urutonde rw'amagambo mpine ..... X

Ijambo Ry'ibanze ..... 1

Iriburiro ..... 2

1. Gukumira no kurwanya akarengane na ruswa ..... 7

1.1. Gukumira akarengane na ruswa ..... 7

1.1.1. Amahugurwa yahawe ibyiciro binyuranye ..... 7

1.1.2. Ubukangurambaga muri gahunda yo gukumira no kurwanya akarengane na ruswa mu Turere ..... 19

1.1.3. Ubukangurambaga hifashishijwe itangazamakuru ..... 19

1.1.4. Amahugurwa y'abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye ..... 21

1.1.5.Ibikorwa byakozwe n'amahuriro y'urubyiruko yo kurwanya ruswa ..... 28

1.1.6.Kwizihiza umunsi nyafurika wo kurwanya ruswa ..... 31

1.1.7. Kwizihiza umunsi mpuzamahanga wo kurwanya ruswa ..... 32

1.1.7.1. Ibiganiro kuri radiyo na televiziyo ..... 33

1.1.7.2.Ubukangurambaga bwo kurwanya ruswa mu ntara ..... 34

1.1.7.3. Inama nyunguranabitekerezo ku ngamba zo gukumira no kurwanya ruswa muri serivisi z'imyubakire ..... 36

1.1.7.4. Forumu y'urubyiruko igamije kurwanya ruswa ..... 38

1.1.7.5. Inama nyunguranabitekerezo ku ngamba zo kurwanya ruswa mu mitangire y'amasoko mu Nzego n'ibigo bya Leta ..... 39

1.1.7.6. Guhemba abanyamakuru bahize abandi mu gukora inkuru zicukumbuye kuri ruswa ..... 41

1.1.7.7. Umunsi mpuzamahanga wahariwe kurwanya ruswa ..... 44

1.1.8. Icyumweru cyahariwe ubukangurambaga ku ndangagaciro n'ubwangamugayo mu gukumira no kurwanya akarengane na ruswa ..... 47

1.2. Kurwanya akarengane na ruswa ..... 49

1.2.1. Kwakira no gusuzuma ibibazo by'akarengane ..... 49

1.2.1.1. Ibibazo byagejejwe ku Rwego rw'Umuvunyi mu nyandiko ........................................ 54

1.2.1.2. Ibibazo byakiriwe muri gahunda yo gukumira no kurwanya akarengane mu Turere 15 twasuwe muri 2020-2021 ........................................ 68

1.2.1.3.Ibibazo by'ingenzi byagaragaye mu Turere twasuwe n'Urwego rw'Umuvunyi .......... 80

1.2.2. Gusuzuma ibibazo byerekeye gusubirishamo imanza ku mpamvu z'akarengane .......... 86

1.2.2.1. Imanza zakiriwe n'Urwego rw'Umuvunyi zikanasesengurwa ........................................ 86

1.2.2.2. Uko imanza zasesenguwe hakurikijwe ibyiciro byazo ........................................ 89

1.2.3. Kurwanya ruswa ........................................ 94

1.2.3.1. Gusesengura amakuru ya ruswa ........................................ 94

1.2.3.2. Ishyirwa mu bikorwa rya Politiki y'igihugu yo kurwanya ruswa ........................................ 96

1.2.3.3. Ibikorwa by'inama ngishwanama yo kurwanya akarengane na ruswa ku rwego rw'Igihugu ........................................ 108

1.2.3.4. Akanama ka tekiniki k'inama ngishwanama yo kurwanya akarengane na ruswa ..... 114

1.2.3.5.Inama ngishwanama yo kurwanya akarengane na ruswa ku rwego rw'akarere (DACACI) ........................................ 115

1.2.3.6. Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ingingo ya 3 y'Itegeko no 54/2018 ryo ku wa 13/08/2018 ryerekeye kurwanya ruswa ........................................ 120

2. Kugira inama Inzego za Leta n'iz'abikorera kugira ngo imikorere yazo irusheho kunogera abaturage ........................................ 124

2.1. Igenzura ku mikorere y'Inzego no ku ishyirwa mu bikorwa rya gahunda za Leta .......... 125

2.2.Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'inama zatanzwe n'Urwego rw'Umuvunyi............ 143

3. Kwakira no kugenzura imenyekanishamutungo ry'abantu bateganywa n'itegeko ............. 146

3.1. Kwakira imenyekanishamutungo ........................................ 146

3.2. Igenzura ry'imenyekanishamutungo ........................................ 149

4. Kwakira no kugenzura inyandiko zigaragaza imitungo y'Imitwe ya Politiki ..................... 151

5. Gukurikirana iyubahirizwa ry'itegeko ngenga rigena imyitwarire y'abayobozi ................ 152

5.1. Gusesengura amadosiye arebana n'imyitwarire y'abayobozi ........................................ 152

5.2. Kugenzura no gukurikirana iyubahirizwa ry'amahame agenga imyitwarire y'abayobozi 153

6. Gushyikirana no gukorana n'Inzego zo ku rwego rw'Akarere no ku rwego mpuzamahanga 153

7. Guhuza ibikorwa no gucunga abakozi, imari n'umutungo by'Urwego rw'Umuvunyi ........ 162

7.1. Amahugurwa y'abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi ........................................ 162

7.2. Ingengo y'imari ........................................................................................................ 167

Umwanzuro ........................................................................................................ 172

Imigereka.............................................................................................. 174

**URUTONDE RW'IMBONERAHAMWE**

Imbonerahamwe n° 1: Ibyiciro by'abahuguwe n'ubwitabire bwabo muri buri Karere ........................ 9

Imbonerahamwe n° 2: Abanyeshuri bahuguwe n'ibigo babarizwamo .............. 21

Imbonerahamwe n° 3: Ikigereranyo cy'imibare y'abahuguwe mu myaka itatu 26

Imbonerahamwe n° 4 : Abanyamuryango b'Amahuriro y'Urubyiruko yo kurwanya ruswa bahuguwe ........................ 29

Imbonerahamwe n° 5: Abanyamakuru batsinze amarushanwa n'ibyiciro babarizwamo........................ 42

Imbonerahamwe n° 6: Umubare w'ibibazo Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye .

50 Imbonerahamwe n° 7: Ibyiciro by'ibibazo Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye ........................ 52

Imbonerahamwe n° 8: Ibibazo byagejejwe ku Rwego rw'Umuvunyi mu nyandiko ........................ 56

Imbonerahamwe n° 9: Ibyiciro by'ibibazo byasuzumwe mu mwaka wa 2021-2022 ........................ 59

Imbonerahamwe n° 10: Ibibazo byakiriwe muri cyber cafés ........................ 63

Imbonerahamwe n° 11: Ibibazo byasuzumwe uyu mwaka byarakiriwe mu mwaka wa 2020-2021........................ 64

Imbonerahamwe n° 12: Ibibazo byakiriwe mu 2020-2021 byari bigikurikiranwa mu Nzego........................ 65

Imbonerahamwe n° 13: Ibibazo byinjiye mu nyandiko mu myaka itatu ishize. 67

Imbonerahamwe n° 14: Ibibazo byakiriwe muri gahunda yo gukumira no kurwanya akarengane mu Turere 15 twasuwe muri 2020-2021........................ 70

Imbonerahamwe n° 15: Ibyiciro by'ibibazo byakiriwe muri gahunda yo gukumira no kurwanya akarengane mu Turere ........................ 77

Imbonerahamwe n° 16: Ibibazo byakiriwe muri gahunda yo gukumira no kurwanya akarengane mu myaka itatu ........................ 85

Imbonerahamwe n° 17: Uko imanza zakiriwe n'uko zasesenguwe mu mwaka wa 2020-2021 ........ 87

Imbonerahamwe n° 18: Imanza zasabiwe gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane n'izahakaniwe........ 88

Imbonerahamwe n° 19: Ibyiciro by'imanza zasesenguwe........ 90

Imbonerahamwe n° 20: Uko imanza zakiriwe mu gihe cy'imyaka itanu........ 92

Imbonerahamwe n° 21: Uko Ubugenzuzi Bukuru bw'Inkiko bwasuzumye imanza bwashyikirijwe n'Urwego rw'Umuvunyi mu myaka itanu........ 93

Imbonerahamwe n° 22: Amadosiye ya ruswa yakurikiranwe ........ 95

Imbonerahamwe n° 23 : Amadosiye yakurikiranwe mu myaka itatu........ 96

Imbonerahamwe n° 24: Uko Inzego/Ibigo byatanze raporo ku ishyirwa mu bikorwa rya Politiki y'Igihugu yo kurwanya ruswa ........ 97

Imbonerahamwe n° 25: Ibirego byakiriwe bikanakurikiranwa n'Ubushinjacyaha ........ 103

Imbonerahamwe n° 26: Ikigereranyo cy'uko Inzego/Ibigo byatanze raporo mu gihe cy'imyaka itatu ........ 107

Imbonerahamwe n° 27: Imitungo yasuwe n'idakoreshwa........ 109

Imbonerahamwe n° 28: Uko Inama Ngishwanama zatanze raporo........ 115

Imbonerahamwe n° 29: Ibikorwa byakozwe n'Inama Ngishwanama zo kurwanya akarengane na ruswa ku rwego rw'Akarere........ 116

Imbonerahamwe n° 30: Ikigereranyo cy'uko raporo zatanzwe mu gihe cy'imyaka itatu........ 119

Imbonerahamwe n° 31: Inzego n'Ibigo byashyizeho Komite zo kurwanya ruswa ........ 121

Imbonerahamwe n° 32: Uko imyanzuro-nama yatanzwe n'Urwego rw'Umuvunyi zashyizwe mu bikorwa........ 144

Imbonerahamwe n° 33: Uko imenyekanishamutungo ryakozwe ........ 146

Imbonerahamwe n° 34: Imenyekanishamutungo ryo mu myaka itatu ............ 148

Imbonerahamwe n° 35: Abagenzuwe n'ibyagaragaye.................................... 149

Imbonerahamwe n° 36: Uko igikorwa cyo kugenzura imitungo cyagenze mu myaka itatu ........................................................................................... 150

Imbonerahamwe n° 37: Amahugurwa yakozwe n'Abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi ..................................................................................... 163

Imbonerahamwe n° 38: Imikoreshereze y'ingengo y'imari yahawe Urwego rw'Umuvunyi ..................................................................................... 167

## URUTONDE RW'IBISHUSHANYO

Igishushanyo n° 1: Umubare w'ibibazo byose byasuzumwe............................. 51

Igishushanyo n° 2: Ibyiciro by'ibibazo Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye.........54

Igishushanyo n° 3: Ibibazo byakiriwe muri gahunda yo gukumira no kurwanya akarengane mu Turere 15 twasuwe muri 2020-2021 ......................................... 75

Igishushanyo n° 4: Ibyiciro by'imanza zasesenguwe.......................................... 91

**URUTONDE RW'AMAGAMBO MPINE**

| | |
|---|---|
| **ACTA** | : Administrative Control and Transparency Authority |
| **ADF** | : Agaciro Development Fund |
| **AOMA** | : African Ombudsman and Mediators Association |
| **AORC** | : African Ombudsman Research Center |
| **APNAC** | : African Parliamentarians Network Against Corruption |
| **ATL** | : Aviation Traveling and Logistics |
| **BDF** | : Business Development Fund |
| **BNR** | : Bank Nationale du Rwanda |
| **BPMIS** | :Building Permit Management Information System |
| **BRD** | : Banque Rwandaise de Développement |
| **CAACC** | : Commonwealth Africa Anti Corruption Centre |
| **CAJEDED** | : Campagne des Jeunes pour un Développement Durable |
| **CARAES** | : Caritate Aegrorum Servi (Neuro-Psychiatric Hospital) |
| **CHENO** | : The Chancellery of Heroes, National Orders and Decorations of Honour |
| **CHUB** | : Centre Hospitalier Universitaire de Butare |
| **CHUK** | : Centre Hospitalier Universitaire de Kigali |
| **CMA** | : Capital Market Authority |
| **C.M.U.R** | : College Methodiste Uni de Rushashi |
| **COVID – 19** | : Coronavirus disease of 2019 |
| **CPI** | : Corruption Perception Index |
| **DG** | : Director General |
| **DGPR** | : Democratic Green Party of Rwanda |
| **EAAACA** | : East African Association of Anti-Corruption Authorities |
| **EAV** | : Ecole Agricole et Veterinairi |
| **EFOTEC** | : Ecole des Formations Techniques et Construction |
| **ENDP** | : Ecole Notre Dame de la Providence |
| **EP** | : Ecole Primaire |
| **E.S** | : Ecole Secondaire |

| | |
|---|---|
| **ESSA** | : Ecole des Sciences de la Santé |
| **EU** | : European Union |
| **FAWE** | : Forum for African Women Educationalists |
| **FIC** | : Financial Intelligence Centre |
| **Frw** | : Franc Rwandais |
| **GIP** | : Gishari Integrated Polytechnic |
| **GMO** | : Gender Monitoring Office |
| **G.S** | : Groupe Scolaire |
| **HEC** | : Higher Education Council |
| **H.S** | : High School |
| **ICT** | : Information and Communication Technology |
| **IGA** | : Ikigo Gihugura Abaturage |
| **ILPD** | : Institute of Legal Practice and Development |
| **IPRC** | : Integrated Polytechnic Regional College |
| **LODA** | : Local Administrative Entities Development Agency |
| **Ltd** | : Limited |
| **MAJ** | : Maisons d'accès à la Justice |
| **MCC** | : Milk Collection Centres |
| **MIFOTRA** | : Ministry of Public Service and Labour |
| **MIGEPROF** | : Ministry of Gender and Family Promotion |
| **MINADEF** | : Ministry of Defence |
| **MINAFFET** | : Ministry of Foreign Affairs and International Cooperation |
| **MINAGRI** | : Ministry of Agriculture and Animal Resources |
| **MINALOC** | : Ministère de l'Administration Locale |
| **MINECOFIN** | : Ministry of Finance and Economic Planning |
| **MINEDUC** | : Ministère de l'Education |
| **MINEMA** | : Ministry in charge of Emergency Management |
| **MINICAAF** | : Minister in Charge of Cabinet Affairs |
| **MINICOM** | : Ministry of Trade and Industry |
| **MINIICT** | : Ministry of Information Communication Technology |
| **MINIJUST** | : Ministère de la Justice |
| **MININFRA** | : Ministère des Infrastructures |
| **MININTER** | : Ministry of Interior |

| | |
|---|---|
| **MINISANTE** | : Ministère de la Santé |
| **MINISPORTS** | : Ministry of Sports |
| **MoE** | : Ministry of Environment |
| **MINUBUMWE** | : Ministry of National Unity & Civic Engagement |
| **MMC** | : Muhabura Multichoice Company Ltd |
| **MMI** | : Military Medical Insurance |
| **MYCULTURE** | : Ministry of Youth and Culture |
| **NAEB** | : National Agricultural Export Development Board |
| **NCDA** | : National Child Development Agency |
| **NCHR** | : National Commission for Human Rights |
| **NCPD** | : National Council of Persons with Disabilities |
| **NCSA** | : National Cyber Security Authority |
| **NCST** | : National Commission of Science and Technology |
| **NEC** | : National Electoral Commission |
| **NESA** | : National Examination and School Inspection Authority |
| **NFPO** | : National Consultative Forum of Political Organisations |
| **NIDA** | : National Identification Development Agency |
| **NIRDA** | : National Industrial Research and Development Agency |
| **NISR** | : National Institute of Statistics of Rwanda |
| **NISS** | : National Intelligence and Security Service |
| **N°** | : Number/ Numero |
| **NRS** | : National Rehabilitation Service |
| **NURC** | : National Unity and Reconciliation Commission |
| **NWC** | : National Women Council |
| **NYC** | : National Youth Council |
| **OAG** | : Office of the Auditor General |
| **OGS** | : Office of the Government Spokesperson |
| **ONP** | : Office National des Postes |
| **PDC** | : Parti Démocrate Centriste |
| **PDI** | : Parti Démocrate Idéal |
| **PL** | : Parti Libéral |
| **PPC** | : Party for Progress and Concord |
| **PRIMATURE** | : Office of the Prime Minister |

| | |
|---|---|
| **PS** | : Parti Social Imberakuli |
| **PSD** | : Parti Social-démocrate |
| **PSF** | : Private Sector Federation |
| **PSP** | : Party for Solidarity and Progress |
| **PSR** | : Parti Socialiste Rwandais |
| **PSVF** | : Petit Seminaire Virgo Fidelis Karubanda |
| **RAB** | : Rwanda Agriculture Board |
| **RAC** | : Rwanda Airports Company |
| **RBA** | : Rwanda Broadcasting Agency |
| **RBC** | : Rwanda Biomedical Center |
| **RBEB** | : Rwanda Basic Education Board |
| **RBM** | : Result Based performance Management system |
| **RC** | : Radio Communautaire |
| **RCA** | : Rwanda Cooperative Agency |
| **RCAA** | : Rwanda Civil Aviation Authority |
| **RCB** | : Rwanda Convention Bureau |
| **RCI** | : Rwanda Cooperation Initiative |
| **RCS** | : Rwanda Correctional Service |
| **RCHA** | : Rwanda Cultural Heritage Academy |
| **RDB** | : Rwanda Development Board |
| **RDDP** | : Rwanda Dairy Development Project |
| **RDRC** | : Rwanda Demobilisation and Reintegration Commission |
| **REAF** | : Rwanda Elders Advisory Forum |
| **REB** | : Rwanda Basic Education Board |
| **REG** | : Rwanda Energy Group |
| **REMA** | : Rwanda Environment Management Authority |
| **RFA** | : Rwanda Forestry Authority |
| **RFDA** | : Rwanda Food and Drugs Authority |
| **RFL** | : Rwanda Forensic Laboratory |
| **RGB** | : Rwanda Governance Board |
| **RGF** | : Rwanda Gymnastic Federation |
| **RHA** | : Rwanda Housing Authority |
| **RIB** | : Rwanda Investigation Bureau |
| **RICA** | : Rwanda Institute for Conservation Agriculture |
| **RISA** | : Rwanda Information Society Authority |

# IJAMBO RY'IBANZE

Hashingiwe ku ngingo ya 26 y'Itegeko n° 54/2021 ryo ku wa 29/08/2021 rigenga Urwego rw'Umuvunyi iteganya ko buri mwaka w'ingengo y'imari, Umuvunyi Mukuru ashyikiriza Perezida wa Repubulika n'Imitwe Yombi y'Inteko Ishinga Amategeko raporo y'ibikorwa by'Urwego by'umwaka w'ingengo y'imari uheruka, kopi y'iyo raporo igahabwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga na Minisitiri w'Intebe, Urwego rw'Umuvunyi rwateguye raporo y'ibikorwa y'umwaka wa 2021-2022.

Muri uyu mwaka, Urwego rw'Umuvunyi rwakoze amahugurwa n'ubukangurambaga mu byiciro bitandukanye by'abaturage mu rwego rwo kubashishikariza gukumira no kurwanya akarengane na ruswa, rwakiriye runasesengura ibibazo by'akarengane n'imanza zisabirwa gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane, rwasesenguye amakuru kuri ruswa ibyagaragaye bishyikirizwa Inzego bireba, rwakurikiranye ishyirwa mu bikorwa rya Politiki n'ingamba byo kurwanya ruswa.

Urwego rw'Umuvunyi rwakoze isuzumamikorere ry'Ibigo na gahunda bya Leta, rwakiriye kandi runagenzura imenyekanishamitungo, runakurikirana iyubahirizwa ry'Itegeko Ngenga n° 61/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rigena imyitwarire y'Abayobozi mu Nzego za Leta nk'uko ryahinduwe kugeza ubu.

Urwego rw'Umuvunyi rurashimira Inzego n'Ibigo bya Leta, iby'abikorera, iby'imiryango itari iya Leta, Abanyarwanda n'inshuti z'u Rwanda barufashije kugera ku nshingano zarwo.

**NIRERE Madeleine**

**Umuvunyi Mukuru**

## IRIBURIRO

Itegeko N° 54/2021 ryo ku wa 29/08/2021 rigenga Urwego rw'Umuvunyi mu ngingo yaryo ya 4 riteganya inshingano zarwo zikurikira :

1. Gukumira no kurwanya akarengane na ruswa;
2. Gutoza Abanyarwanda indangagaciro zo kwanga, gukumira, kwirinda no kurwanya akarengane na ruswa;
3. Gusuzuma no gukora igikwiye ku bibazo by'akarengane na ruswa bitakemuwe n'Inzego zibishinzwe;
4. Kwakira no kugenzura imenyekanishamutungo;
5. Kugira inama Guverinoma mu gushyiraho no guteza imbere politiki n'ingamba byo gukumira, kurwanya no guhana akarengane na ruswa;
6. Gukurikirana uko politiki n'ingamba byo gukumira no kurwanya akarengane na ruswa bishyirwa mu bikorwa;
7. Gushyikirana no gukorana n'Inzego zo ku rwego rw'akarere no ku rwego mpuzamahanga bihuje inshingano;
8. Gushyira mu bikorwa izindi nshingano rwahabwa n'itegeko.

Mu gushyira mu bikorwa izi nshingano ziteganywa n'itegeko, Urwego rw'Umuvunyi rwakoze ibikubiye mu ngingo z'ingenzi zikurikira:

1. Gukumira akarengane na ruswa no gutoza Abanyarwanda indangagaciro zo kwanga, gukumira, kwirinda no kurwanya akarengane na ruswa: hatanzwe amahugurwa, hakorwa ubukangurambaga n'inama nyunguranabitekerezo, hizihizwa Umunsi Nyafurika n'Umunsi Mpuzamahanga yo kurwanya ruswa;

2. Kurwanya akarengane: hakiriwe hanasuzumwa ibibazo by'akarengane n'ibibazo byerekeye gusubirishamo imanza ku mpamvu z'akarengane;

3. Kurwanya ruswa: hasesenguwe amakuru kuri ruswa ibyagaragaye bishyikirizwa Inzego bireba, hakurikiranwa ishyirwa mu bikorwa rya Politiki y'Igihugu yo kurwanya ruswa, ibikorwa by'Inama ngishwanama yo kurwanya akarengane na ruswa ku rwego rw'Igihugu

n'ishyirwa mu bikorwa ry'ingingo ya 3 y'Itegeko no 54/2018 ryo ku wa 13/08/2018 ryerekeye kurwanya ruswa;

4. Kwakira no kugenzura imenyekanishamutungo: hakiriwe hanagenzurwa imenyekanishamutungo ry'abantu bateganywa n'itegeko n'iry'Imitwe ya Politiki yemewe mu Rwanda;
5. Gukurikirana iyubahirizwa ry'Itegeko Ngenga rigena imyitwarire y'Abayobozi: hasesenguwe amadosiye arebana n'imyitwarire y'Abayobozi hanakurikiranwa iyubahirizwa ry'amahame agenga imyitwarire y'Abayobozi;
6. Kugira inama Inzego za Leta n'iz'abikorera kugira ngo imikorere y'Ubuyobozi irusheho kunogera abaturage: hagenzuwe Ibigo na gahunda za Leta, ahagaragaye ibyuho by'akarengane na ruswa hatangwa inama z'uburyo bwo kubikosora;
7. Gushyikirana no gukorana n'Inzego zo ku rwego rw'Akarere no ku rwego Mpuzamahanga: Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye kandi rwitabira inama zitandukanye runasinya amasezerano y'ubufatanye;
8. Guhuza ibikorwa by'Urwego rw'Umuvunyi: hakozwe amahugurwa y'abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi hanacungwa neza ingengo y'imari rwagenewe.

Urwego rw'Umuvunyi rwatanze amahugurwa ku bantu 36.585 bari mu byiciro bitandukanye ari byo: Abanyamakuru, Abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye, Urubyiruko ruhuriye mu mahuriro (clubs) yo kurwanya ruswa, abagize Inama Ngishwanama zo kurwanya akarengane na ruswa ku rwego rw'Imirenge, Abunzi, ba Noteri b'ubutaka ku rwego rw'Imirenge, abakozi b'Akarere bafite mu nshingano ubugenzuzi bw'inyubako n'Abagize komite zo kurwanya ruswa mu Nzego n'Ibigo.

Urwego rw'Umuvunyi kandi rwakoze ubukangurambaga bwo gukumira no kurwanya akarengane na ruswa binyuze mu bitangazamakuru bitandukanye n'imbuga nkoranyambaga, muri gahunda yo gukumira no kurwanya akarengane na ruswa mu Turere, mu bikorwa by'amahuriro y'urubyiruko yo kurwanya ruswa no mu kwizihiza Umunsi Nyafurika n'Umunsi Mpuzamahanga yo kurwanya ruswa.

Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye ibibazo byose hamwe bingana na 1.603, muri byo hakemutse 1205 bingana na 75,2%, mu gihe 365 bingana na 22,8% bigikurikiranwa n'Inzego byashyikirijwe naho 2% bingana n'ibibazo 33 bikaba bigikurikiranwa n'Urwego rw'Umuvunyi.

Muri ibi bibazo byakiriwe, harimo ibibazo 1.087 byakiriwe muri gahunda y'icyumweru cyahariwe gukumira no kurwanya akarengane na ruswa yakozwe mu Turere 15. Muri ibyo bibazo, 830 bingana na 76,3% byarakemutse, 233 bingana na 21,5% biracyakurikiranwa mu Nzego z'Ibanze, naho 24 bingana na 2,2% biracyakurikiranwa n'Urwego rw'Umuvunyi.

Mu gikorwa cyo gusubirishamo imanza ku mpamvu z'akarengane, Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye imanza 374 zisabirwa gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane ziyongera ku manza 18 zasigaye zidakozwe mu mwaka wa 2020-2021 zose hamwe ziba imanza 392 zagombaga gusesengurwa. Muri izo manza, 373 zarasesenguwe naho 19 ntizirasuzumwa kuko zageze ku Rwego rw'Umuvunyi mu mpera z'umwaka n'izasabiwe amakuru y'inyongera mu Nzego zitandukanye kugira ngo zisesengurwa, amakuru akaba ataraboneka. Mu manza zasesenguwe, 8 (2,2%) zasabiwe gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane mu Rukiko rw'Ikirenga, 6 (1,6%) zakemukiye mu buhuza mu gihe 359 (96,2%) rwasanze nta karengane kagaragaramo.

Mu rwego rwo kurwanya ruswa, Urwego rw'Umuvunyi rwasesenguye amakuru kuri ruswa ku madosiye 42, harimo 5 yari agikurikiranwa mu mwaka wa 2020/2021. Muri yo, amadosiye 31 yashyikirijwe Urwego rw'Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha kugira ngo ruyakorere iperereza ricukumbuye, 2 ashyikirizwa izindi Nzego, 6 aburirwa ibimenyetso bihagije naho andi 3 aracyakurikiranwa n'Urwego rw'Umuvunyi.

Mu gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya Politiki y'Igihugu yo kurwanya ruswa, mu Nzego/ Ibigo 7 byagombaga gutanga raporo buri gihembwe, 6 zatanze raporo zose (4) , Urwego rumwe rutanga raporo 2.

Mu gukurikirana imikorere y'Inama Ngishwanama yo kurwanya akarengane na ruswa ku rwego rw'Akarere, Uturere 18 twatanze raporo zose (4) utundi 12 ntitwatanga raporo zuzuye.

Mu rwego rwo gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ingingo ya 3 y'Itegeko no 54/2018 ryo ku wa 13/08/2018 ryerekeye kurwanya ruswa, muri uyu mwaka Inzego 377 zashyizeho Komite zo kurwanya ruswa, Urwego rw'Umuvunyi rurazihugura.

Mu kugira inama Inzego za Leta n'iz'abikorera no guteza imbere amahame y'imiyoborere myiza, Urwego rw'Umuvunyi rwakoze igenzura rya Gahunda yo kubaka amashuri, umushinga wo guteza imbere umukamo w'amata mu Rwanda (RDDP-Rwanda Dairy Development Project) by'umwihariko ibijyanye n'amakusanyirizo y'amata (Milk Collection Centres/MCCs), Ikigo Nderabuzima cya Muhoza kiri mu Karere ka Musanze n'Ikigo Nderabuzima cya Karengera kiri mu Karere ka Nyamasheke.

Ku bufatanye n'Inzego zigize Inama Ngishwanama yo kurwanya akarengane na ruswa, hakozwe igenzura ry'imitungo ya Leta idakoreshwa (idle assets) mu Gihugu hose bigaragara ko hari imitungo 601 idakoreshwa mu mitungo 1.443 yagenzuwe.

Abayobozi n'Abakozi 16.191 bamenyekanishije umutungo nk'uko biteganywa n'itegeko, hanakorwa igenzura ry'imitungo y'abantu 3.218. Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye kandi imenyekanishamutungo ry'Imitwe ya Politike 11 yemewe mu Rwanda, runagenzura inkomoko n'imikoreshereze y'iyo mitungo.

Urwego rw'Umuvunyi rwakurikiranye kandi iyubahirizwa ry'Itegeko Ngenga rigena Imyitwarire y'Abayobozi mu Nzego za Leta. Hakozwe isesengura ku madosiye atanu (5) arebana n'imyitwarire y'Abayobozi. Amadosiye atatu (3) yarakozwe ararangira, dosiye ebyiri (2) ziracyakurikiranwa.

Mu kuzuza inshingano yo gushyikirana no gukorana n'Inzego zo ku rwego rw'Akarere no ku rwego Mpuzamahanga, Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye inama y'Abakuru b'Inzego zishinzwe kurwanya ruswa muri *Commonwealth Africa,* rusinya amasezerano y'Ubufatanye n'Urwego rufite mu nshingano kurwanya ruswa n'akarengane rwa Qatar (Administrative Control and Transparency Authority) kandi rwitabira inama zitandukanye zifite aho zihuriye n'inshingano zarwo;

Mu gushyira mu bikorwa izi nshingano, Urwego rw'Umuvunyi rwongereye ubushobozi abakozi binyuze mu mahugurwa anyuranye. Ingengo y'imari ya Leta Urwego rw'Umuvunyi rwahawe mu gushyira mu bikorwa inshingano zarwo ni 1.285.127.874 Frw ayakoreshejwe yose ni 1.277.813.052 Frw

# 1. GUKUMIRA NO KURWANYA AKARENGANE NA RUSWA

Urwego rw'Umuvunyi rwashyize mu bikorwa inshingano yo gukumira no kurwanya akarengane na ruswa binyuze mu bukangurambaga n'amahugurwa, gukemura ibibazo by'akarengane, gusuzuma ibibazo byerekeye gusubirishamo imanza ku mpamvu z'akarengane no gusesengura amakuru kuri ruswa no gushyikiriza ibyagaragaye inzego bireba.

## 1.1. GUKUMIRA AKARENGANE NA RUSWA

Itegeko n° 54/2021 ryo ku wa 29/08/2021 rigenga Urwego rw'Umuvunyi, mu ngingo yaryo ya 4 agace ka mbere riha Urwego rw'Umuvunyi inshingano yo gukumira no kurwanya akarengane na ruswa naho agace ka 2° karuha iyo gutoza Abaturarwanda indangagaciro zo kwanga, gukumira, kwirinda no kurwanya akarengane na ruswa. Mu gushyira mu bikorwa izo nshingano, Urwego rw'Umuvunyi rwifashisha uburyo butandukanye burimo amahugurwa, ubukangurambaga, amarushanwa, gushyira ubutumwa ku byapa, ikinamico y'uruhererekane ica kuri radiyo n'ibiganiro bigenerwa ibyiciro binyuranye, bikibanda ku gukangurira ababihawe kwimakaza indangagaciro zo kwanga umugayo no guhugukira kumenya amategeko n'uburenganzira bahabwa na yo.

### 1.1.1. Amahugurwa yahawe ibyiciro binyuranye

Muri uyu mwaka wa 2021-2022 hatanzwe amahugurwa ku byiciro binyuranye birimo Abanyamakuru, Abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye, Urubyiruko rwibumbiye mu mahuriro yo kurwanya ruswa, abagize Inama Ngishwanama zo kurwanya akarengane na ruswa ku rwego rw'Imirenge, Abunzi, ba Noteri b'ubutaka ku rwego rw'Imirenge, abakozi b'Akarere bafite mu nshingano ubugenzuzi bw'inyubako n'Abagize komite zo kurwanya ruswa mu Nzego n'Ibigo. Amahugurwa yatanzwe mu buryo bw'ibiganiro ku bantu 36.422 bo mu Turere 12 ari two Muhanga, Huye, Ngoma, Kayonza, Gicumbi, Musanze, Karongi, Rubavu, Rusizi, Nyarugenge, Kicukiro na Gasabo. Ibyiciro

by'abahuguwe byatoranyijwe hashingiwe ku kuba abanyeshuri n'urubyiruko nta bumenyi buhagije bafite kuri ruswa kandi bakaba bakwiye gukurana umuco wo kuyanga no kuyirwanya naho ibindi bisigaye byo byashingiwe ku kuba bakwiye guhabwa ubumenyi bwababafasha kurangiza neza inshingano zabo. Abahuguwe bahawe umwanya wo gutanga ibitekerezo bitandukanye bafata ingamba zo guharanira ubwangamugayo, kwirinda akarengane na ruswa no kuyitunga agatoki.

Amahugurwa yari afite intego zikurikira:

1. Gukangurira abahuguwe kurushaho kwimakaza indangagaciro zo gukumira no kurwanya akarengane na ruswa;
2. Gusobanura icyaha cya ruswa n'ibikorwa biyigize nk'uko biteganyijwe mu ngingo ya 2 y'Itegeko nº 54/2018 ryo ku wa 13/08/2018 ryerekeye kurwanya ruswa;
3. Gusesengura impamvu zitera ruswa n'ingaruka mbi igira ku muntu ku giti cye, ku Muryango no ku Gihugu muri rusange;
4. Kugaragaza ibyuho ruswa ishobora kwinjiriramo mu mirimo yabo ya buri munsi hagendewe ku cyiciro babarizwamo.



***Abanyamakuru n'abagize amahuriro y'urubyiruko yo kurwanya ruswa mu Karere ka Karongi bahugurwa ku bubi bw'akarengane na ruswa***

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza ibyiciro by'abahuguwe n'uburyo bitabiriye muri buri Karere.

**Imbonerahamwe nº 1: Ibyiciro by'abahuguwe n'ubwitabire bwabo muri buri Karere**

| Nº | Akarere | Icyiciro cy'abahuguwe | Abatumiwe bose | Abitabiriye | Abagore | Abagabo |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 1. | **Huye** | Abunzi ku rwego rw'Akagari n'Umurenge | 50 | 49 | 13 | 36 |
| | | Abagize Inama Ngishwanama zo kurwanya akarengane na ruswa ku rwego rw'Umurenge | 42 | 38 | 6 | 32 |
| | | Ba Noteri b'ubutaka ku rwego rw'Umurenge bari kumwe n'abakozi b'Akarere bashinzwe imyubakire n'ubugenzuzi bw'inyubako | 19 | 18 | 5 | 13 |
| | | Abagize Komite zo gukumira no kurwanya ruswa mu Nzego n'Ibigo | 55 | 44 | 20 | 24 |

| Nº | Akarere | Icyiciro cy'abahuguwe | Abatumiwe bose | Abitabiriye | Abagore | Abagabo |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Abanyamakuru n'abagize Amahuriro y'Urubyiruko yo kurwanya ruswa | 50 | 39 | 12 | 27 |
| | | **Abahuguwe bose** | **216** | **188** | **56** | **132** |
| 2. | **Gicumbi** | Abunzi ku rwego rw'Akagari n'Umurenge | 50 | 49 | 22 | 27 |
| | | Abagize Inama Ngishwanama zo kurwanya akarengane na ruswa ku rwego rw'Umurenge | 63 | 62 | 13 | 49 |
| | | Ba Noteri b'ubutaka ku rwego rw'Umurenge bari kumwe n'abakozi b'Akarere bashinzwe imyubakire n'ubugenzuzi bw'inyubako | 24 | 19 | 5 | 14 |
| | | Abagize Komite zo gukumira no kurwanya ruswa | 71 | 73 | 17 | 56 |

| Nº | Akarere | Icyiciro cy'abahuguwe | Abatumiwe bose | Abitabiriye | Abagore | Abagabo |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | | mu Nzego n'Ibigo | | | | |
| | | Abanyamakuru n'abagize Amahuriro y'Urubyiruko yo kurwanya ruswa | 76 | 68 | 28 | 40 |
| | | **Abuhuguwe bose** | **284** | **271** | **85** | **186** |
| 3. | **Muhanga** | Abunzi ku rwego rw'Akagari n'Umurenge | 50 | 72 | 26 | 46 |
| | | Abagize Inama Ngishwanama zo kurwanya akarengane na ruswa ku rwego rw'Umurenge | 36 | 28 | 5 | 23 |
| | | Ba Noteri b'ubutaka ku rwego rw'Umurenge bari kumwe n'abakozi b'Akarere bashinzwe imyubakire n'ubugenzuzi bw'inyubako | 17 | 15 | 4 | 11 |
| | | Abagize Komite zo gukumira no | 49 | 41 | 20 | 21 |

| Nº | Akarere | Icyiciro cy'abahuguwe | Abatumiwe bose | Abitabiriye | Abagore | Abagabo |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | | kurwanya ruswa mu Nzego n'Ibigo | | | | |
| | | Abanyamakuru n'abagize Amahuriro y'Urubyiruko yo kurwanya ruswa | 40 | 37 | 14 | 23 |
| | | **Abuhuguwe bose** | **192** | **193** | **69** | **124** |
| 4. | **Rusizi** | Abanyamakuru n'abagize Amahuriro y'Urubyiruko yo kurwanya ruswa | 87 | 87 | 37 | 50 |
| | | Abunzi ku rwego rw'Akagari n'Umurenge | 50 | 49 | 14 | 35 |
| | | Abagize Inama Ngishwanama zo kurwanya akarengane na ruswa ku rwego rw'Umurenge | 54 | 38 | 6 | 32 |
| | | Ba Noteri b'ubutaka ku rwego rw'Umurenge bari kumwe n'abakozi b'Akarere | 23 | 15 | 5 | 10 |

| N° | Akarere | Icyiciro cy'abahuguwe | Abatumiwe bose | Abitabiriye | Abagore | Abagabo |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | | bashinzwe imyubakire n'ubugenzuzi bw'inyubako | | | | |
| | | Abagize Komite zo gukumira no kurwanya ruswa mu Nzego n'Ibigo | 62 | 72 | 15 | 57 |
| | | **Abahuguwe bose** | **276** | **261** | **77** | **184** |
| 5. | **Musanze** | Abanyamakuru n'abagize Amahuriro y'Urubyiruko yo kurwanya ruswa | 40 | 34 | 12 | 22 |
| | | Abunzi ku rwego rw'Akagari n'Umurenge | 50 | 50 | 17 | 33 |
| | | Abagize Inama Ngishwanama zo kurwanya akarengane na ruswa ku rwego rw'Umurenge | 45 | 40 | 5 | 35 |
| | | Ba Noteri b'ubutaka ku rwego rw'Umurenge bari kumwe n'abakozi | 20 | 18 | 6 | 12 |

| Nº | Akarere | Icyiciro cy'abahuguwe | Abatumiwe bose | Abitabiriye | Abagore | Abagabo |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | | b'Akarere bashinzwe imyubakire n'ubugenzuzi bw'inyubako | | | | |
| | | Abagize Komite zo gukumira no kurwanya ruswa mu Nzego n'Ibigo | 81 | 84 | 33 | 51 |
| | | **Abahuguwe bose** | **236** | **226** | **73** | **153** |
| 6. | **Kayonza** | Abanyamakuru n'abagize Amahuriro y'Urubyiruko yo kurwanya ruswa | 50 | 77 | 33 | 44 |
| | | Abunzi ku rwego rw'Akagari n'Umurenge | 50 | 46 | 10 | 36 |
| | | Abagize Inama Ngishwanama zo kurwanya akarengane na ruswa ku rwego rw'Umurenge | 36 | 21 | 2 | 19 |
| | | Ba Noteri b'ubutaka ku rwego rw'Umurenge bari kumwe | 17 | 11 | 3 | 8 |

| Nº | Akarere | Icyiciro cy'abahuguwe | Abatumiwe bose | Abitabiriye | Abagore | Abagabo |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | | n'abakozi b'Akarere bashinzwe imyubakire n'ubugenzuzi bw'inyubako | | | | |
| | | Abagize Komite zo gukumira no kurwanya ruswa mu Nzego n'Ibigo | 39 | 31 | 10 | 21 |
| | | **Abahuguwe bose** | **192** | **186** | **58** | **128** |
| 7. | **Karongi** | Abanyamakuru n'abagize Amahuriro y'Urubyiruko yo kurwanya ruswa | 40 | 40 | 18 | 22 |
| | | Abunzi ku rwego rw'Akagari n'Umurenge | 50 | 49 | 13 | 36 |
| | | Abagize Inama Ngishwanama zo kurwanya akarengane na ruswa ku rwego rw'Umurenge | 39 | 32 | 7 | 25 |
| | | Ba Noteri b'ubutaka ku rwego rw'Umurenge | 18 | 15 | 3 | 12 |

| N° | Akarere | Icyiciro cy'abahuguwe | Abatumiwe bose | Abitabiriye | Abagore | Abagabo |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | | bari kumwe n'abakozi b'Akarere bashinzwe imyubakire n'ubugenzuzi bw'inyubako | | | | |
| | | Abagize Komite zo gukumira no kurwanya ruswa mu Nzego n'Ibigo | 45 | 37 | 12 | 25 |
| | | **Abahuguwe bose** | **192** | **173** | **53** | **120** |
| 8. | **Ngoma** | Abanyamakuru n'abagize Amahuriro y'Urubyiruko yo kurwanya ruswa | 40 | 41 | 13 | 29 |
| | | Abanyeshuri ba IPRC Ngoma | 50 | 50 | 18 | 32 |
| | | Abunzi ku rwego rw'Akagari n'Umurenge | 50 | 49 | 12 | 36 |
| | | Abagize Inama Ngishwanama zo kurwanya akarengane na ruswa ku rwego rw'Umurenge | 42 | 40 | 7 | 33 |
| | | Ba Noteri | 19 | 16 | 2 | 14 |

| N° | Akarere | Icyiciro cy'abahuguwe | Abatumiwe bose | Abitabiriye | Abagore | Abagabo |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | | b'ubutaka ku rwego rw'Umurenge bari kumwe n'abakozi b'Akarere bashinzwe imyubakire n'ubugenzuzi bw'inyubako | | | | |
| | | Abagize Komite zo gukumira no kurwanya ruswa mu nzego n'ibigo | 47 | 47 | 14 | 33 |
| | | **Abahuguwe bose** | **248** | **243** | **66** | **177** |
| 9. | **Rubavu** | Abanyamakuru n'abagize Amahuriro y'Urubyiruko yo kurwanya ruswa | 40 | 40 | 13 | 27 |
| | | Abanyeshuri ba ULK Gisenyi | 50 | 50 | 21 | 29 |
| | | Abunzi ku rwego rw'Akagari n'Umurenge | 50 | 50 | 17 | 33 |
| | | Abagize Inama Ngishwanama zo kurwanya akarengane na ruswa ku rwego rw'Umurenge | 36 | 33 | 5 | 28 |
| | | Ba Noteri b'ubutaka ku | 17 | 14 | 3 | 11 |

| Nº | Akarere | Icyiciro cy'abahuguwe | Abatumiwe bose | Abitabiriye | Abagore | Abagabo |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | | rwego rw'Umurenge bari kumwe n'abakozi b'Akarere bashinzwe imyubakire n'ubugenzuzi bw'inyubako | | | | |
| | | Abagize Komite zo gukumira no kurwanya ruswa mu Nzego n'Ibigo | 44 | 43 | 13 | 30 |
| | | **Abahuguwe bose** | **237** | **230** | **72** | **158** |
| 10. | **Uturere tugize Umujyi wa Kigali** | Abanyamuryango b'Amahuriro y'Urubyiruko yo kurwanya ruswa | 52 | 52 | 29 | 23 |
| | | Abagize Komite zo gukumira no kurwanya ruswa mu Nzego n'Ibigo | 187 | 183 | 88 | 95 |
| | | **Abahuguwe bose** | **239** | **235** | **117** | **118** |
| **Abahuguwe mu Turere twose** | | | **2.310** | **2.206** | **726** | **1.480** |
| **Ijanisha** | | | **100%** | **95,5%** | **33%** | **67%** |

Iyi mbonerahamwe igaragaza ko ubwitabire bw'abahuguwe buri ku kigero cya 95,5% by'abatumiwe. Mu bitabiriye, abagore ni 33% abagabo bakaba 67%.

### 1.1.2. Ubukangurambaga muri gahunda yo gukumira no kurwanya akarengane na ruswa mu Turere

Ubukangurambaga bukorwa muri gahunda yo gukumira no kurwanya akarengane na Ruswa (Anti-Injustice Campaign) busanzwe buhuza abantu ku rwego rw'Akagari cyangwa Umurenge yabereye kuri radiyo kubera kwirinda icyorezo cya COVID-19. Iyo gahunda igamije gukangurira abaturage kwirinda akarengane na ruswa, gufatanya n'Inzego za Leta n'iz'abikorera kubaka Igihugu no kudatinya kwamagana imikorere mibi ishingiye ku karengane na ruswa.

Muri iyi gahunda, hakoreshejwe Radiyo Huye, Radiyo Nyagatare, Radiyo Musanze, Radiyo Izuba ikorera mu Karere ka Ngoma, Radiyo Isango ikorera mu Mujyi wa Kigali, Radio Isangano ikorera mu Karere ka Karongi, Radiyo Ishingiro ikorera mu Karere ka Gicumbi, Radiyo Huguka ikorera mu Karere ka Muhanga na Radiyo Rusizi. Muri iyi gahunda, abakurikiye ikiganiro basobanurirwaga imikorere y'Urwego rw'Umuvunyi, amategeko akoreshwa kenshi mu buzima busanzwe, hakibukiranywa kandi ku burenganzira bw'ibanze n'inshingano by'abenegihugu. Abaturage kandi bashishikarizwaga gufatanya n'Inzego za Leta n'iz'abikorera kubaka Igihugu no kudatinya kwamagana imikorere mibi ishingiye ku karengane na ruswa. Abaturage kandi bahabwaga umwanya wo gutanga ibitekerezo no kubaza ibibazo.

### 1.1.3. Ubukangurambaga hifashishijwe itangazamakuru

Mu rwego rwo gutanga ubutumwa mu baturage bugamije gukumira no kurwanya akarengane na ruswa no kubatoza indangagaciro z'ubwangamugayo, Urwego rw'Umuvunyi rwakoze ubukangurambaga binyuze mu bitangazamakuru mu buryo bukurikira:

1. Ikinamico y'uruhererekane y'Urwego rw'Umuvunyi **"Urugamba rugomba Umucyo"** igizwe n'udukino 64 (episodes) yanyuze kuri Radiyo Rwanda mu mwaka wose: muri iyo kinamico abaturage bakangurirwaga kumenya uburenganzira bwabo no kugira uruhare mu gukumira no kurwanya akarengane na ruswa. Nyuma yo kumva iyo kinamico, abaturage bagiye bagaragaza ibitekerezo binyuranye

byibanda ku gushima akamaro kayo kuko yabigishije bimwe mu bikorwa n'imigenzereze batari bazi ko igize icyaha cya ruswa n'inzego bagana igihe bahuye n'akarengane na ruswa. Hari n'abagejeje ibibazo byabo ku Urwego rw'Umuvunyi bitewe no kumva iyo kinamico.

2. *Spots publicitaires* 6 zanyujijwe kuri radiyo, 6 zinyuzwa kuri Televiziyo n'izindi 12 zinyuzwa ku byapa bimurika biri mu Mujyi wa Kigali zibandaga ku nshingano z'Urwego rw'Umuvunyi harimo gahunda yo kumenyekanisha umutungo no gusubirishamo imanza ku mpamvu z'akarengane;

3. Ibiganiro 112 byanyujijwe kuri radiyo na Televiziyo zitandukanye:

Muri ibi biganiro abaturage bagenerwaga umwanya w'ibitekerezo, ibibazo n'ibisubizo. Ibi biganiro byibanze ku ngingo zikurikira:
Ingamba zo gukumira no kurwanya akarengane na ruswa, gushishikariza abaturage gutanga amakuru kuri ruswa, ubufatanye bw'Urwego rw'Umuvunyi n'izindi Nzego mu gukemura ibibazo by'abaturage, imikorere y'Inama Ngishwanama yo kurwanya akarengane na ruswa, uko imenyekanishamutungo rikorwa n'abo rireba, inshingano yo gusubirishamo imanza ku mpamvu z'akarengane, n'ibindi.

### 1.1.4. Amahugurwa y'abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye

Urwego rw'Umuvunyi rwateguye amahugurwa ku rubyiruko rwo mu mashuri yisumbuye agamije kurwereka ububi bw'akarengane na ruswa, gukurana umuco wo kubyanga no guteza imbere ubwangamugayo, gukangurira urubyiruko kurushaho kugira uruhare mu gukumira no kurwanya akarengane na ruswa binyujijwe mu bikorwa bitandukanye mu rwego rwo gushyigikira ibikorwa by'Icyerekezo 2050. Abanyeshuri kandi bashishikarizwaga gushinga amahuriro y'urubyiruko yo kurwanya ruswa.



***Umwe mu bakozi b'Urwego rw'Umuvunyi ahugura mu Kigo cy'Amashuri cya Bumbogo (Ecole Secondaire Bumbogo) mu Karere ka Gasabo mu Mujyi wa Kigali.***

Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza abanyeshuri bahuguwe n'ibigo by'amashuri babarizwamo.

**Imbonerahamwe n° 2: Abanyeshuri bahuguwe n'ibigo babarizwamo**

| No | Akarere | Amashuri | Abanyeshuri bitabiriye | Abagore | Abagabo |
|---|---|---|---|---|---|
| 1. | **Nyarugenge** | Lycée Notre Dame de Citeaux | 780 | 779 | 1 |
| 2. | | Collège de Butamwa | 504 | 224 | 280 |
| 3. | | Lycée de Kigali | 1.356 | 480 | 876 |
| 4. | | Collège St André | 995 | 267 | 728 |
| 5. | **Kicukiro** | E.S Kagarama | 500 | 230 | 270 |
| 6. | | E.S Kanombe/EFOTEC | 933 | 352 | 581 |
| 7. | **Gasabo** | FAWE Girls | 830 | 830 | - |
| 8. | | E.S Bumbogo | 615 | 268 | 347 |
| 9. | **Gakenke** | ASD MATABA TVET | 561 | 282 | 279 |
| 10. | | ES Buhuga | 366 | 191 | 175 |
| 11. | | TVET Janja | 254 | 81 | 173 |
| 12. | | G.S Rwankuba | 451 | 204 | 247 |
| 13. | | EAV Rushashi | 258 | 155 | 103 |
| 14. | | CMUR Rushashi | 305 | 157 | 148 |
| 15. | | ES Karuganda | 537 | 299 | 238 |
| 16. | | TVET APAPEM Muhondo | 117 | 59 | 58 |
| 17. | | G.S Janja | 1.011 | 449 | 562 |

| No | Akarere | Amashuri | Abanyeshuri bitabiriye | Abagore | Abagabo |
|---|---|---|---|---|---|
| 18. | | ES Cyabingo | 745 | 533 | 212 |
| 19. | | ES Nyarutovu | 475 | 260 | 215 |
| 20. | **Gisagara** | Musha Adventist TVET | 99 | 34 | 65 |
| 21. | | E.S Gikonko | 327 | 197 | 130 |
| 22. | | Gikonko TVET School | 144 | 55 | 89 |
| 23. | | G.S St François d'Assise | 415 | 206 | 209 |
| 24. | | Collège St Bernard | 503 | 503 | - |
| 25. | | TVET Collège St Joseph | 156 | 83 | 73 |
| 26. | | GS St Philippe Neri | 750 | 318 | 432 |
| 27. | | TTC SAVE | 879 | 513 | 366 |
| 28. | | G.S Ste Bernadette | 789 | 573 | 216 |
| 29. | | TVET St Kizito School | 740 | 283 | 457 |
| 30. | | Collège Immaculée Conception | 249 | 27 | 222 |
| 31. | **Huye** | G.S Kotana | 614 | 303 | 311 |
| 32. | | G.S Buhimba | 618 | 318 | 300 |
| 33. | | G.S Kinazi | 937 | 482 | 455 |
| 34. | | Saint Marys High | 612 | 399 | 213 |

| No | Akarere | Amashuri | Abanyeshuri bitabiriye | Abagore | Abagabo |
|---|---|---|---|---|---|
| | | School | | | |
| 35. | | G.S Maza | 418 | 230 | 188 |
| 36. | | G.S Mwurire | 472 | 248 | 224 |
| 37. | | G.S des Parents | 429 | 195 | 234 |
| 38. | | G.S Butare Catholic | 633 | 355 | 278 |
| 39. | | E.S Mbogo | 321 | 187 | 134 |
| 40. | | E.S Butare | 219 | 128 | 91 |
| 41. | | G.S Sovu | 579 | 369 | 210 |
| 42. | | Lycée Rusatira | 386 | 171 | 215 |
| 43. | | H S Mutunda | 456 | 253 | 203 |
| 44. | | TVET Rwabuye | 399 | 206 | 193 |
| 45. | | ES Simbi | 500 | 219 | 281 |
| 46. | | ENDP Karubanda | 600 | 597 | 3 |
| 47. | | G.S Gatagara | 392 | 212 | 180 |
| 48. | | GS Vumbi | 1.061 | 505 | 556 |
| 49. | | PSVF Karubanda | 447 | - | 447 |
| 50. | **Kamonyi** | ES Musambira | 798 | 463 | 335 |
| 51. | | G.S Don de Dieu Remera Rukoma | 1.055 | 485 | 570 |
| 52. | **Nyamasheke** | EAV Ntendezi | 618 | 345 | 273 |

| No | Akarere | Amashuri | Abanyeshuri bitabiriye | Abagore | Abagabo |
|---|---|---|---|---|---|
| 53. | | Kibogora Polytechnic | 30 | 10 | 20 |
| 54. | **Rusizi** | G.S Gihundwe | 630 | 298 | 332 |
| 55. | | G.S Bugarama Cité | 374 | 183 | 191 |
| 56. | | Bugarama Primary School | 1.838 | 908 | 930 |
| 57. | **Gicumbi** | ES Mutete | 552 | 330 | 222 |
| 58. | | G.S Kinjojo | 200 | 128 | 72 |
| 59. | **Musanze** | ESSA Ruhengeri | 601 | 525 | 76 |
| 60. | | G.S Tero | 364 | 239 | 125 |
| 61. | **Gatsibo** | G.S Rugarama | 482 | 322 | 160 |
| 62. | | G.S Nyamirama | 100 | 65 | 35 |
| **Bose** | | | **34.379** | **18.570** | **15.809** |

Aya mahugurwa yatanzwe mu mashuri 62 abarizwa mu Turere 12 arimo amashuri 17 yahuguwe anahabwa *jerseys* kuko asanzwe afite amahuriro yo kurwanya ruswa. Abahuguwe bose ni abanyeshuri 34.379 bagizwe n'abagore 18.570 n'abagabo 15.809.

Aya mahugurwa yafashije ibyiciro byahuguwe gusobanukirwa ububi bw'akarengane na ruswa n'uruhare rwabo mu kubikumira no kubirwanya no kubitangaho amakuru. Ubwo bumenyi buzabafasha kurushaho gukora ubukangurambaga mu bindi byiciro bitahuguwe.

Mu myaka itatu y'ibikorwa (2019-2020, 2020-2021, 2021-2022), hahuguwe ibyiciro bitandukanye by'abaturage mu rwego rwo kubongerera ubumenyi mu gukumira no kurwanya akarengane na ruswa.

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza ikigereranyo cy'imibare y'abahuguwe n'ibyiciro byabo mu myaka itatu.

**Imbonerahamwe n° 3: Ikigereranyo cy'imibare y'abahuguwe mu myaka itatu**

| N° | Umwaka w'ingengo y'imari | Ibyiciro byahuguwe | Umubare w'abahuguwe bose |
|---|---|---|---|
| 1. | 2019-2020 | Abamotari | 496 |
| | | Abagize NWC ku rwego rw'Umurenge | 906 |
| | | Abagize Amahuriro y'Urubyiruko yo kurwanya ruswa (Anti- Corruption Clubs) | 68 |
| | | Abakorerabushake bacunga Cyber Cafés | 142 |
| | | Abahuguwe ku Itegeko Ngenga rigenga Imyitwarire y'Abayobozi mu Nzego za Leta n'Itegeko ryerekeye kubona amakuru | 1.561 |
| | | Abanyeshuri mu Mashuri yisumbuye | 28.290 |
| | | **Bose hamwe** | **31.463** |
| 2. | 2020-2021 | Amahugurwa ku Itegeko Ngenga rigena Imyitwarire y'Abayobozi n'Itegeko ryerekeye kubona amakuru | 125 |
| | | Urubyiruko rwibumbiye mu mahuriro yo kurwanya ruswa | 305 |

| Nº | Umwaka w'ingengo y'imari | Ibyiciro byahuguwe | Umubare w'abahuguwe bose |
|---|---|---|---|
| | | **Bose hamwe** | 430 |
| 3. | **2021-2022** | Abunzi ku rwego rw'Akagari n'Umurenge | 463 |
| | | Abagize Inama Ngishwanama zo kurwanya akarengane na ruswa ku rwego rw'Umurenge | 332 |
| | | Ba Noteri b'ubutaka ku rwego rw'Umurenge bari kumwe n'abakozi b'Akarere bashinzwe imyubakire n'ubugenzuzi bw'inyubako | 141 |
| | | Abagize Komite zo gukumira no kurwanya ruswa mu Nzego n'Ibigo | 655 |
| | | Abanyamakuru n'abagize Amahuriro y'Urubyiruko yo kurwanya ruswa n'abanyeshuri bakira ibibazo by'abaturage binyuze muri *Cyber Café* | 615 |
| | | Abanyeshuri mu Mashuri yisumbuye | 34.379 |
| | | **Bose hamwe** | 36.585 |

Imbonerahamwe iri haruguru iragaragaza ko umubare w'abahuguwe mu byiciro bitandukanye by'abaturage mu mwaka wa 2020-2021 wagabanutse cyane bitewe n'uko guhura kw'abantu benshi bitashobokaga mu rwego rwo kwirinda ikwirakwizwa rya COVID-19, ariko mu mwaka wa 2021-2022, umubare wariyongereye bitewe n'uko icyorezo cya COVID-19 cyagabanyije ubukana.

Amahugurwa n'ibiganiro ku gukumira no kurwanya akarengane na ruswa agira akamaro gakomeye kuko yongerera ubumenyi abahuguwe bityo na bo bagahugura abandi kandi bakarwanya akarengane na ruswa bazi akamaro kabyo. Iyo bahuguwe bashishikarizwa kwanga ruswa no gutanga amakuru aho bayikeka hose. By'umwihariko, amahugurwa yahawe abanyeshuri yari agamije kubongerera ubumenyi kugira ngo bakurane indangagaciro z'ubwangamugayo.

### 1.1.5. Ibikorwa byakozwe n'Amahuriro y'Urubyiruko yo kurwanya ruswa

Urwego rw'Umuvunyi rukorana hafi n'Amahuriro y'Urubyiruko yo kurwanya ruswa (*Anti-corruption Clubs)* akorera mu Ntara zose n'Umujyi wa Kigali. Ayo Mahuriro y'Urubyiruko afasha mu gusakaza ubutumwa bwo kurwanya ruswa aho aherereye yifashishije ibikorwa by'ubukangurambaga harimo kwigisha abaturage uburenganzira bwabo bushingiye ku mategeko, gukina umupira no gukora umuganda hagatangwamo ubutumwa bwo gukumira no kurwanya ruswa. Bimwe mu bikorwa amahuriro y'urubyiruko yo kurwanya ruswa yakoze muri uyu mwaka ni ibi bikurikira:

#### a. Amahugurwa

Muri uyu mwaka wa 2021-2022, amahuriro yo kurwanya ruswa yahaye amahugurwa abanyamuryango bayo hagamijwe guha ubumenyi abashya bagenda binjira muri *Anti-corruption Clubs* ndetse n'abasanzwe. Aya mahugurwa yakozwe na *Anti-corruption club* Umuhuza iherereye mu Karere ka Rwamagana, Urungano ibarizwa mu Karere ka Kamonyi, CAJEDED ikorera mu Turere twa Rusizi; Nyamasheke; Muhanga; Karongi; Rubavu; Gicumbi na Musanze, SCACI yo muri Kaminuza y'u Rwanda mu Karere ka Huye, *Anti-Corruption Club* ya Paruwasi Gatulika ya Cyahafi na *Anti-Corruption Club* ya Paruwasi Gatulika Karoli Lwanga ziherereye mu Karere ka Nyarugenge. Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza abanyamuryango bahuguwe.

**Imbonerahamwe n° 4 : Abanyamuryango b'Amahuriro y'Urubyiruko yo kurwanya ruswa bahuguwe**

| N° | Ihuriro ry'urubyiruko | Abahuguwe | Gore | Gabo |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Club Umuhuza Rwamagana | 353 | 194 | 159 |
| 2 | CAJEDED | 179 | 94 | 85 |
| 3 | Urungano Kamonyi | 4.168 | 2.470 | 1.698 |
| 4 | SCACI | 260 | 93 | 167 |
| 5 | Club Paruwasi Cyahafi | 20 | 12 | 8 |
| 6 | Club Paruwasi Karoli Lwanga | 32 | 17 | 15 |
| **Igiteranyo** | | **5.012** | **2.880** | **2.132** |

Imbonerahamwe iri haruguru iragaragaza ko Amahuriro y'Urubyiruko yo kurwanya ruswa yahuguye abanyamuryango 5.012 harimo abagore 2.880 n'abagabo 2.132. Muri uyu mwaka kandi hashinzwe amahuriro mashya y'urubyiruko yo kurwanya ruswa 2 ashingiye kuri Kiliziya Gatolika mu Rwanda ariyo Club Paruwasi Cyahafi na Club Paruwasi Karoli Lwanga.

Ihuriro ry'urubyiruko ryo kurwanya ruswa Urungano Kamonyi ryahuguye abanyamuryango barimo n'abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye yo mu Karere ka Kamonyi ariyo GS Ruyumba, GS Gihembe na GS Rose Mystica.

**b. Ubukangurambaga**

Hakozwe ubukangurambaga mu bice bitandukanye amahuriro y'urubyiruko yo kurwanya ruswa ahereyeyemo, hatangwa ibiganiro mu mashuri yisumbuye, mu madini n'amatorero kandi haba igikorwa cyo gusakaza ubutumwa muri Kaminuza y'u Rwanda homekwa *stickers* ku biro byose byo muri Kaminuza.

Ku bufatanye n'Inzego z'Ibanze, amahuriro yo kurwanya ruswa yakoze ubukangurambaga binyuze mu marushanwa y'umupira w'amaguru n'umupira w'amaboko wa *Volley Ball* hagati y'amahuriro yo kurwanya ruswa n'amakipe y'Imirenge. Iyi mikino yatumaga ubwitabire bw'abaturage bwiyongera hagatangwa ubutumwa bugamije gukumira no kurwanya akarengane na ruswa

**c. Udushya twakozwe n'amahuriro y'urubyiruko yo kurwanya ruswa**

Urwego rw'Umuvunyi rukangurira amahuriro y'Urubyiruko yo kurwanya ruswa guhanga udushya mu bikorwa byayo. Ni muri urwo rwego udushya dukurikira twagaragaye:

1. Ihuriro ryo kurwanya ruswa ryitwa "**Urungano Kamonyi**" ryo mu Karere ka Kamonyi ryitabiriye imurikabikorwa ryateguwe n'Akarere ka Kamonyi aho ryari rifite *stand* berekana bakanasobanurira abababagana abaribo bagatanga n'ubutumwa bugufi bwo kurwanya ruswa. Banatanze kandi udutabo, Umuvunyi magazines, imitaka, amakaramu, *depliants* biriho ubutumwa bwo kurwanya ruswa.




*Ifoto igaragaza umunyamuryango wa Club "Urungano Kamonyi" yo kurwanya ruswa mu Karere ka Kamonyi mu imurikabikorwa*

2. Ihuriro ry'Urubyiruko ryo kurwanya ruswa Umuhuza riherereye mu Karere ka Rwamagana ryakoze ubukangurambaga bwibanze mu kurwanya ruswa mu nzego z'ubuzima hasurwa Ibitaro bya Rwamagana.

### 1.1.6. Kwizihiza Umunsi Nyafurika wo kurwanya Ruswa

Buri mwaka ku itariki ya 11 Nyakanga hizihizwa Umunsi Nyafurika wahariwe kurwanya ruswa. Uwo munsi ushingiye ku masezerano y'Umuryango w'Ubumwe bw'Ibihugu bya Afurika yo gukumira no kurwanya ruswa yasinywe mu mwaka wa 2003. Mu mwaka wa 2017,

hasuzumwa ishyirwa mu bikorwa ry'ayo masezerano, hemejwe ko buri mwaka tariki ya 11 Nyakanga ari Umunsi Nyafurika wo kurwanya ruswa, Ibihugu by'Afurika byongera kuzirikana ku ngamba zihamye zo kurandura ruswa ku Mugabane hagamijwe guteza imbere ubukungu bw'Ibihugu no kurwanya ubukene mu babituye.
Mu mwaka wa 2021-2022, u Rwanda rwifatanyije n'ibindi Bihugu by'Afurika mu kwizihiza uwo munsi ku nsanganyamatsiko "**Imiryango y'Akarere ishingiye ku bukungu: Uruhare rwayo mu ishyirwa mu bikorwa ry'Amasezerano y'Umuryango wa Afrika Yunze Ubumwe yo kurwanya ruswa "***Regional Economic Communities: Critical Actors in the Implementation of African Union Convention on Preventing and Combating Corruption*"**.** Hakozwe ibikorwa bigamije gukangurira abaturage ububi bwa ruswa, uburyo bwo kuyirinda no kuyitangaho amakuru.

Bitewe n'icyorezo cya COVID-19 cyugarije Isi, ibikorwa bihuza abantu benshi bitemewe, Umunsi Nyafurika wo kurwanya ruswa wizihijwe hifashishijwe ibitangazamakuru mu buryo bukurikira:

1. Hatanzwe ikiganiro kuri Televiziyo na radiyo 15, kibanda ku ***Uruhare rw' Imiryango y'Akarere ishingiye ku bukungu mu ishyirwa mu bikorwa ry'Amasezerano y'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe yo kurwanya ruswa.***
2. Hatanzwe ubutumwa buhamagarira abantu kurwanya ruswa hakoreshejwe Ibyapa by'ikoranabuhanga *(Digital Billboards)*;
3. Hatanzwe itangazo rigenewe Abanyamakuru (Press release) kugira ngo ubutumwa bwo kurwanya ruswa bugere kuri benshi;
4. Hifashishijwe *radio na TV adverts* kuri Radiyo Rwanda (iminsi 7) na Televiziyo y'Igihugu (iminsi 5), hatanzwe ubutumwa bujyanye n'insanganyamatsiko y'uwo mwaka.

### 1.1.7. Kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga wo kurwanya ruswa

Mu kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga wo kurwanya ruswa uba buri mwaka ku itariki ya 9 Ukuboza, Urwego rw'Umuvunyi rutegura

icyumweru cyahariwe kurwanya ruswa rugakoramo ibikorwa bitandukanye bigamije kuzamura imyumvire y'abaturage ku bubi bwa ruswa n'inshingano za buri wese mu kuyirwanya.

Uyu mwaka, icyo cyumweru cyatangiye tariki ya 28 Ugushyingo gisozwa ku wa 09 Ukuboza 2021 hizihizwa Umunsi Mpuzamahanga wo Kurwanya ruswa, gifite insanganyamatsiko ***"Kurandura ruswa, inkingi y'iterambere rirambye"***. Urwego rw'Umuvunyi rwateguye icyo Cyumweru ku bufatanye n'Inzego zitandukanye zibarizwa mu rwego rw'Ubutabera, Ihuriro Nyafurika ry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko rishinzwe kurwanya Ruswa (APNAC), ishami ry'u Rwanda n'izindi. Icyo cyumweru cyahujwe n'icyumweru cy'Ubucamanza ku nsanganyamatsiko **"Ubutabera ku isonga mu rugamba rwo kurwanya ruswa"** n'ikindi cyahariwe uburenganzira bwa muntu hakorwa ibikorwa bikurikira:

1. Ibiganiro kuri radiyo na televiziyo zitandukanye;
2. Ubukangurambaga bwo kurwanya ruswa mu Ntara;
3. Inama Nyunguranabitekerezo kuri ruswa muri serivisi z'imyubakire;
4. Forumu y'urubyiruko ku kurwanya ruswa;
5. Inama nyunguranabitekerezo ku ngamba zo kurwanya ruswa mu masoko ya Leta;
6. Guhemba abanyamakuru bahize abandi ku gukora inkuru zicukumbuye ku kurwanya ruswa;
7. Gushyira ubutumwa bwo kwirinda ruswa ku byapa no kubucisha ku mbuga nkoranyambaga;
8. Kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga wahariwe kurwanya ruswa.

#### 1.1.7.1. Ibiganiro kuri radiyo na televiziyo

Mu rwego rwo gukomeza gushishikariza abaturage uruhare rwa buri wese mu kurandura ruswa hatanzwe ibiganiro bikurikira:

1. Ikiganiro ku nsanganyamatsiko **"kurandura ruswa inkingi y'iterambere rirambye"** cyatanzwe n'Urwego rw'Umuvunyi, Ihuriro Nyafurika ry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko rishinzwe kurwanya

Ruswa (APNAC) na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC), kuwa 28 Ugushyingo 2021, kinyura kuri radiyo na televiziyo Isango Star n'andi maradiyo 14,

2. Ikiganiro ku ngamba u Rwanda rwafashe mu kurandura ruswa cyatanzwe n'Urwego rw'Umuvunyi, Ubushinjacyaha na Minisiteri y'Ubutabera (MINIJUST), kuwa 04 Ukuboza 2021 kinyura kuri radio na televiziyo y'u Rwanda n'andi maradiyo 14,
3. Ubutumwa bukangurira abaturage kwirinda ruswa bwatanzwe n'Urwego rwUmuvunyi bunyura kuri radiyo 1 na televiziyo 4.

**1.1.7.2. Ubukangurambaga bwo kurwanya ruswa mu Ntara**

Ku bufatanye n' Ihuriro Nyafurika ry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko rishinzwe kurwanya Ruswa (APNAC) na Komisiyo y'igihugu y'Uburenganzira bwa muntu hakozwe ubukangurambaga kuri ruswa muri buri Ntara, Abayobozi b'Inzego z'ibanze n'abagize Inama Ngishwanama yo kurwanya akarengane na ruswa ku rwego rw'Akarere (DACACI) bahamagarirwa kuba abafatanyabikorwa mu kurwanya ruswa. Hahembwe kandi DACACI zahize izindi mu mikorere muri buri Ntara mu mwaka wa 2021. Mu Ntara y' Amajyaruguru hahembwe Akarere ka Rulindo, mu Ntara y'Amajyepfo hahembwa Akarere ka Nyanza, mu Ntara y'Iburengerazuba hahembwa Akarere ka Rubavu, mu Ntara y'Iburasirazuba hahembwa Akarere ka Rwamagana naho mu Mujyi wa Kigali hahembwa Akarere ka Kicukiro ku Munsi Mpuzamahanga wahariwe kurwanya ruswa.



***Ifoto igaragaza Umuvunyi Mukuru Madamu Nirere Madeleine na Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba CG Emmanuel K Gasana bashyikiriza igihembo Umuyobozi w'Akarere ka Rwamagana Bwana Mbonyumuvunyi Radjab nk'akahize utundi Turere muri iyi Ntara ku mikorere ya DACACI.***

Kuri uwo munsi Inama Ngishwanama zo kurwanya akarengane na ruswa ku rwego rw'Akarere zafashe imyanzuro ikurikira:

1. Kujya ziterana kandi zikohereza raporo Urwego rw'Umuvunyi uko bisabwa n'amategeko azigenga;
2. Gushyira imbaraga mu gufasha Inama Ngishwanama zo kurwanya akarengane na ruswa ku rwego rw'Umurenge mu mikorere yazo;
3. Gukorana n'Amahuriro y'Urubyiruko yo kurwanya ruswa mu bikorwa byo kurwanya akarengane na ruswa;
4. Gushyira imbaraga mu gutanga serivisi zinoze mu rwego rwo kurinda ibyuho bya ruswa bigaragara muri serivisi zihabwa abaturage;

5. Kugira indangagaciro yo kwirinda ruswa no kubishishikariza abo bayobora;
6. Gushyira imbaraga mu guhanahana amakuru kuri ruswa icyekwa mu serivisi zitangirwa mu nzego bakoramo;
7. Guhangana na ruswa ivugwa muri serivisi z'imyubakire no mu masoko ya Leta no kumenyesha vuba ayo makuru Inzego bireba.

### 1.1.7.3. Inama Nyunguranabitekerezo ku ngamba zo gukumira no kurwanya ruswa muri serivisi z'imyubakire

Mu rwego rwo gutegura Umunsi Mpuzamahanga wo kurwanya ruswa, ku wa 6 Ukuboza 2021, hateranye Inama Nyunguranabitekerezo ku ngamba zo kurwanya ruswa muri serivisi z'imyubakire yitabirwa n'Abayobozi mu Nzego za Leta, izigenga na Sosiyete Sivile n'Abayobozi ba *One stop Centres* mu Turere twose tw'Igihugu.




***Ifoto igaragaza Umushyitsi Mukuru/ Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu Bwana Gatabazi Jean Marie Vianney, Umuvunyi Wungirije Ushinzwe Gukumira no Kurwanya ruswa Nyakubahwa Mukama Abbas n'abandi Bayobozi mu Nzego zitandukanye bari bitabiriye Inama Nyunguranabitekerezo.***

Ibiganiro byatanzwe byibanze ku byuho bya ruswa muri serivisi z'imyubakire n'ingamba zo kuyikumira no kuyirwanya, hafatwa imyanzuro ikurikira:

**MINALOC, Umujyi wa Kigali n'Uturere twose bigomba:**

1. Kunoza serivisi z'imyubakire zitangirwa mu Nzego z'Ibanze hibandwa ku gukorana ubunyamwuga n'ubudakemwa no kugaragaza ahari ibyuho bya ruswa n'ingamba zikwiriye;
2. Gushyira imbaraga mu kugenzura niba inyubako zubakwa zifite ibyangombwa kugira ngo hirindwe ibikorwa byo kuvanaho inyubako (gusenya) zubatswe cyangwa zasanwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko, izitabyujuje abayobozi b'umudugudu bakazitangaho amakuru kandi hagateganywa ibihano ku bayobozi badatangira ku gihe amakuru;
3. Kongerera ubushobozi abakozi bashinzwe gutanga serivisi z'imyubakire ku rwego rw'Akarere n'urw'Umurenge cyane cyane mu byerekeye umubare w'abakozi, koroherezwa ingendo n'ubumenyi;
4. Kunoza uburyo bwo kugenzura abakozi bashinzwe gutanga ibyangombwa, umukozi utatanze cyangwa utatangiye ku gihe ibyangombwa agahanwa n'ubuyobozi bumukuriye;
5. Gusuzuma ku buryo buhoraho ibibazo bigaragara muri serivisi z'imyubakire bigatuma zitinda kugera ku bagenerwabikorwa kandi hagafatwa ingamba zirambye zo kubikemura.

**MINALOC, Urwego rw'Umuvunyi, Umujyi wa Kigali, Uturere twose, Komite zo kurwanya ruswa mu Turere twose n'iz'Imirenge bigomba:**

1. Kongera imbaraga mu bukangurambaga umuturage akamenya serivisi agenerwa, abafite inshingano zo gutanga iyo serivisi n'Inzego atakambira mu gihe atahawe serivisi inoze;
2. Kunoza ubukangurambaga ku Itegeko ryo kurwanya ruswa, Itegeko rirengera abatangamakuru ku byaha, ku bikorwa cyangwa imyatwarire binyuranyije n'amategeko n'andi mabwiriza kugira ngo umuturage

amenye inshingano afite zo gutunga agatoki ahakekwa ruswa kandi akamenya ko hari amategeko amurengera mu gihe yatanze amakuru;

**MININFRA na RHA bigomba:**

1. Kuvugurura sisitemu ya *Building Permit Management Information System* (BPMIS) isabirwamo ibyangombwa byo kubaka no gusana hakongerwamo uburyo *Architect* usaba ibyangombwa n'umuturage ahagarariye bajya babona icyakozwe kuri dosiye kugira ngo umuturage abashe kumenya ibimukorerwa;
2. Kunoza amategeko agenga urugaga rw'abubatsi hagashyirwaho ibiciro fatizo kuri serivisi batanga hagashyirwaho n'ibihano ku bagaragayeho imyitwarire iganisha kuri ruswa;
3. Gusuzuma uburyo ibyangombwa byo kubaka inzu zijyanye n'ishoramari bisanzwe byemezwa na RHA byatangirwa ku Rwego rw'Akarere, RHA igakora ubugenzuzi kugira ngo gahunda ya Leta yo kwihutisha serivisi ihabwa umuturage ishyirwe mu bikorwa mu buryo bwihuse.

Urwego rw'Umuvunyi ruzakomeza gutegura Inama Nyunguranabitekerezo n'ibiganiro bigamije gusuzuma ibyuho bya ruswa mu buryo buhoraho kandi runakurikirane ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba zafashwe.

#### 1.1.7.4. Forumu y'Urubyiruko igamije kurwanya ruswa

Buri mwaka abahagarariye urubyiruko baturuka mu Turere twose tw'Igihugu bahurizwa hamwe bakungurana ibitekerezo ku ruhare rwarwo mu kurwanya ruswa, imbogamizi ruhura nazo n'icyakorwa mu kuyikumira no kuyirwanya kuko rwitezweho byinshi mu Cyerekezo cya 2050. Ni muri urwo rwego Urwego rw'Umuvunyi rwateguye ku wa 07 Ukuboza 2021 Forumu y'Urubyiruko igamije kurwanya ruswa ufite insanganyamatsiko "**Kurwanya ruswa, inkingi y' iterambere rirambye**". Iyo Forumu yahuje Urwego rw'Umuvunyi, Minisiteri y'Urubyiruko n'Umuco, Inama y'Igihugu y'Urubyiruko, Urubyiruko rwibumbiye mu mahuriro yo kurwanya ruswa n'Urubyiruko

rw'abakorerabushake ruturutse mu Turere twose. Hafashwe imyanzuro ikurikira:

1. Kugira uruhare mu gukumira no kurwanya ruswa, gutoza abandi uwo muco no gutinyuka gutanga amakuru ku muntu wese ukekwaho ibyaha bya ruswa;
2. Gukurana umuco wo kunyurwa n'ibyo rufite rugaharanira kugera ku byo rwifuza mu buryo bwiza;
3. Kugira no gutoza abakiri bato indangagaciro zo kurangwa n'ubumwe, ubupfura, ubwangamugayo no gukunda Igihugu, gukora cyane, kwirinda ibyaha bya ruswa.
4. Gufatanya n'izindi Nzego mu gukumira no kurwanya ruswa ruhugura urubyiruko ruhagarariye mu Turere twose tw'Igihugu binyuze mu mahuriro rusanzwe rukoreramo;
5. Kugira uruhare mu gukumira no kurwanya ruswa ishingiye ku gitsina ivugwa mu rubyiruko;
6. Kuba intangarugero mu gucunga neza ibyo rushinzwe ndetse rukaba ku isonga mu kunoza umurimo mu rwego rwo gushyira mu bikorwa intego z'Icyerekezo 2050 u Rwanda rwiyemeje;
7. Gushyira ingamba zo gukumira no kurwanya ruswa mu mihigo ya buri mwaka y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko n'iyo ku rwego rw'Akarere;
8. Kurwanya akarengane na ruswa binyuze mu bihangano, itangazamakuru n'imbuga nkoranyambaga.

### 1.1.7.5. Inama Nyunguranabitekerezo ku ngamba zo kurwanya ruswa mu mitangire y'amasoko mu Nzego n'Ibigo bya Leta

Ku wa 08 Ukuboza 2021, mu cyumweru cyahariwe kurwanya ruswa, Urwego rw'Umuvunyi ku bufatanye n'Urwego rw'Ubutabera rwateguye Inama Nyunguranabitekerezo ku ngamba zo kurwanya ruswa mu mitangire y'amasoko mu Nzego n'Ibigo bya Leta yitabirwa n'Urwego rw'Ubucamanza, Inzego zigize Urwego rw'Ubutabera, Inzego zigize Inama Ngishwanama yo kurwanya akarengane na ruswa ku rwego

rw'Igihugu n'izindi Nzego. Insanganyamatsiko y'iyo nama yari "Ibyuho bya ruswa mu masoko n'imyishyurire mu Nzego n'Ibigo bya Leta".




***Ifoto igaragaza Abayobozi n'abandi baturutse mu Nzego zitandukanye bitabiriye inama nyunguranabitekerezo ku ngamba zo kurwanya ruswa mu mitangire y'amasoko mu Nzego n'Ibigo bya Leta.***

Hafashwe imyanzuro ikurikira:

1. Gukaza ingamba mu itegura, ishyirwa mu bikorwa, ikurikirana n'isuzumabikorwa *(evaluation*) ry'amasoko yatanzwe kugira ngo imirimo cyangwa ibikoresho biguzwe bibe bifite ireme *(expected quality)* kandi bigirire umumaro abagenerwabikorwa n'Igihugu muri rusange;
2. Kuvugurura (upgrading) Sisitemu y'ikoranabuhanga ikoreshwa mu itangwa ry'amasoko ya Leta kugira ngo ishobore gutahura uburiganya buyakorerwamo (artificial intelligence information system);
3. Guhuza sisitemu y'ikoranabuhanga itangirwamo amasoko n'ikoreshwa mu kwishyura (RPPA&MINICOFIN), hagamijwe kuburizamo uburiganya bukorwa mu gutanga amasoko no kwishyura abayatsindiye;

4. Kwihutisha ivugururwa ry'itegeko rigenga amasoko ya Leta;
5. Kongera imbaraga mu gukemura impaka zivutse mu masoko ya Leta binyuze mu bwumvikane (mediation), aho bishoboka, aho kwihutira kuregera Inkiko.

### 1.1.7.6. Guhemba abanyamakuru bahize abandi mu gukora inkuru zicukumbuye kuri ruswa

Mu birori byo kwizihiza umunsi mpuzamahanga wahariwe kurwanya ruswa, hashingiwe ku byavuye mu marushanwa yakozwe, hatanzwe ibihembo ku banyamakuru bahize abandi mu gukora inkuru zicukumbuye kuri ruswa; ibi bikaba byarakozwe mu rwego rwo kubashishikariza kujya bakora inkuru zicukumbuye kuri ruswa.




***Ifoto igaragaza Umuvunyi Mukuru Madamu Nirere Madeleine, Abavunyi Bungirije n'abandi bayobozi bashyikiriza umwe mu banyamakuru batsindiye ibihembo mu marushanwa yo gutangaza inkuru icukumbuye kuri ruswa.***

Abanyamakuru batsinze amarushanwa yo gukora inkuru zicukumbuye kuri ruswa n'ibyiciro babarizwamo baragaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

**Imbonerahamwe n° 5: Abanyamakuru batsinze amarushanwa n'ibyiciro babarizwamo**

| N° | Icyiciro | Amazina | Inkuru |
|---|---|---|---|
| **1.** | Ibitangazamakuru bikorera kuri televiziyo | Umuhoza Honoré | Bakwa amafaranga kugira ngo bahabwe isakaro |
| **2.** | | Bicamumpaka John | Ruswa mu makoperative y'Abajyanama b'ubuzima |
| **3.** | | Turatsinze Jean Paul | Ruswa mu mitangire ya serivisi z'ubuzima |
| **4.** | | Hakizimana Daniel | Abiba Leta bakaragiza imitungo |
| **5.** | | Mutuyeyezu Jean Claude | Ruswa mu cyamunara |
| **6.** | Ibitangazamakuru byo kuri radiyo | Nyirimana Abdul | Ruswa mu gukemura ibibazo by'abaturage mu Nzego z'Ibanze |
| **7.** | | Habumugisha Innocent | Ruswa muri Traffic Police inyuzwa kuri Mobile Money |
| **8.** | | Agahozo Amiella | Ruswa mu myubakire |
| **9.** | | Alinatwe Josue | Ikimenyane mu gutanga inzitiramibu muri Nyagatare |
| **10.** | | Nzabandora Théogène | Ruswa mu mitangire ya serivisi zo guhabwa umuriro na REG muri Gatsibo |

| $N^{o}$ | Icyiciro | Amazina | Inkuru |
|---|---|---|---|
| **11.** | Ibitangazamakuru bikorera kuri murandasi | Uwimbabazi Eric | Ruswa mu ishyirwa mu bikorwa ry'amabwiriza yo kwirinda COVID-19 muri Musanze |
| **12.** | | Ngaboyabahizi Protais | Ruswa muri serivisi zitangwa n'Abunzi ba Musanze |
| **13.** | | Hakizimana Yussuf | Ruswa ituma hatubahirizwa ibikubiye mu gishushanyombonera cy'Umujyi wa Rwamagana |
| **14.** | | Twahirwa Eric | Ruswa ihabwa abanyamakuru bikabangamira ubunyamwuga |
| **15.** | | Kwizera Prudence | Huye: Uwakorewe akarengane ntahabwe ubutabera kubera ruswa |

Muri uyu muhango, Abanyamakuru basabwe gukomeza ubufatanye buhoraho n'Urwego rw'Umuvunyi mu gukumira no kurwanya ruswa hagamijwe kuyirandura mu Rwanda.

### 1.1.7.7. Umunsi Mpuzamahanga wahariwe kurwanya ruswa

Ku wa 09 Ukuboza 2021, u Rwanda rwizihije Umunsi Mpuzamahanga wahariwe kurwanya ruswa, hanasozwa icyumweru cyahariwe kuyirwanya. Ibirori byabereye muri Serena Hotel Kigali, bitangizwa n'Umushyitsi Mukuru, Minisitiri muri Perezidansi ya Repubulika. Byitabiriwe n'abantu 96 barimo Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta, Abayobozi b'Ibigo bya Leta, abatumirwa baturutse mu Bigo bitandukanye bya Leta n'iby'abikorera, Sosiyete Sivile, Urubyiruko rwibumbiye mu Mahuriro yo Kurwanya Ruswa n'abanyamakuru.

Umushyitsi Mukuru yibukije abitabiriye ibirori ijambo Nyakubahwa Perezida wa Repubulika yavuze rigira riti: "Kurwanya ruswa biraduhenda ariko kutayirwanya byaduhenda kurusha". Yasabye gukomeza gushyira ingufu mu ngamba zihari zo kurwanya ruswa. Ibiganiro byatanzwe na APNAC, Ubushinjacyaha Bukuru (NPPA), Urwego rushinzwe Iterambere mu Rwanda (RDB) n'Urwego rw'Umuvunyi byagarutse ku byo Igihugu cyagezeho mu gukumira no kurwanya ruswa, cyane cyane gushishikariza abaturage gutanga umusanzu wabo mu rugamba rwo guhashya ruswa bayirinda ubwabo kandi bayitangaho amakuru aho bayibonye cyangwa bayikeka.




***Ifoto igaragaza bamwe mu bitabiriye Umunsi Mpuzamahanga wo kurwanya ruswa tariki ya 9 Ukuboza 2021 wabereye muri Kigali Serena Hotel***

Nyuma y'ibiganiro hafashwe imyanzuro ikurikira:

1. Gushyira imbaraga mu bufatanye hagati y'Inzego za Leta, iz'Abikorera, Sosiyete Sivile mu kurwanya ruswa cyane cyane guhanahana amakuru ku byaha bya ruswa n'ingamba zo kuyirwanya;
2. Gukomeza kurwanya ruswa hakurikijwe icyerekezo u Rwanda rugenderaho n'ibyo ruhuriyeho n'amahanga, ari byo: Icyerekezo cy' iterambere 2050 (*Vision 2050*), Gahunda ya Guverinoma y'imyaka 7 (2017-2024: *National Strategies for Transformation* 1); Intego z'Iterambere rirambye 2030 (SDGs); Icyerekezo cya Afrika Twifuza 2063 (*Agenda 2063, the Africa We Want);*
3. Inzego zose zigomba gushyiraho ingamba zo kurwanya ruswa no gukurikirana uko zishyirwa mu bikorwa, by'umwihariko hagashyirwaho Komite zishinzwe kurwanya ruswa; Urwego rw'Umuvunyi na rwo rugahugura abagize izo Komite;
4. Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC), MIGEPROF, MINALOC, ababyeyi n'abarimu bagomba gutoza abana gukura birinda ruswa,

bayanga, bayamagana kandi bayitangaho amakuru aho bayibonye hose, bigashyirwa mu mihigo y'ingo no muri gahunda z'amasomo mu mashuri;

5. Kongerera imbaraga Amahuriro y'Urubyiruko yo Kurwanya Ruswa mu mashuri akagira uruhare mu kwigisha urundi rubyiruko n'abanyarwanda muri rusange;
6. Abayobozi b'Imiryango ishingiye ku myemerere biyemeje kujya bigisha abayoboke babo ko ruswa ari icyaha gihanwa n'Imana na Leta.
7. Urwego rw'Umuvunyi rugomba kujya rumenyesha Imiryango ishingiye ku myemerere imyiteguro y'Icyumweru cyahariwe Kurwanya ruswa n'Umunsi Mpuzamahanga wo kuyirwanya kugira ngo ibigiremo uruhare;
8. Kongera imbaraga mu gushakisha, gukurikirana no kugaruza umutungo ukomoka kuri ruswa, mu rwego rwo guca intege abakora ibyaha bya ruswa;
9. Kugaragaza ingaruka za ruswa muri dosiye zose zikorwa n'Ubugenzacyaha, Ubushinjacyaha kugera ku cyemezo cy'Urukiko mu rwego rwo kwigisha abaturage ububi bwayo;
10. Abanyamakuru biyemeje gukomeza gushyira imbaraga mu gukora inkuru zicukumbuye kuri ruswa, hagamijwe gukangurira abaturarwanda kwirinda ruswa;
11. Kwibutsa abakora mu Nzego zigize Urwego rw'Ubutabera kuba intangarugero mu kugira imyitwarire itarangwaho icyuho cya ruswa.

Mu cyumweru cyahariwe kurwanya ruswa, hatanzwe kandi ubutumwa bukangurira abaturage kuyirinda no kugira uruhare mu kuyirandura hifashishijwe ibyapa (iby'ikoranabuhanga n'ibisanzwe), *Banderoles*; *Tear drops*; Ubutumwa bwanyujijwe kuri radiyo na televiziyo (radio and TV adverts); ku mbuga nkoranyambaga (social media) no kuri Website y'Urwego rw'Umuvunyi.

### 1.1.8. Icyumweru cyahariwe ubukangurambaga ku ndangagaciro n'ubwangamugayo mu gukumira no kurwanya akarengane na ruswa

Urwego rw'Umuvunyi rwateguye icyumweru cyahariwe ubukangurambaga ku ndangagaciro n'ubwangamugayo mu gukumira no kurwanya akarengane na ruswa. Iki cyumweru cyakorewe mu Ntara y' Amajyepfo mu Turere twa Muhanga, Ruhango, Nyanza, Gisagara na Huye kuva ku wa 20 kugeza ku wa 24 Kamena 2022.




***Ifoto igaragaza bamwe mu bitabiriye Inama Nyunguranabitekerezo yateguwe hizihizwa icyumweru cyahariwe ubukangurambaga ku ndangagaciro n'ubwangamugayo mu gukumira no kurwanya akarengane na ruswa***

Iki Cyumweru cyari gifite insanganyamatsiko "**Ubwangamugayo n'indangagaciro mu gukumira no kurwanya akarengane na ruswa**". Muri icyo cyumweru hatanzwe ibiganiro kuri Radiyo y'Abaturage Huguka yo mu Karere ka Muhanga na Radiyo y'Abaturage iri mu Karere ka Huye. Hakozwe kandi ubukangurambaga ku bagize Komite Nyobozi z'Uturere twa Ruhango, Nyanza na Gisagara.

Icyo cyumweru cyasojwe n'Inama Nyunguranabitekerezo yitabiriwe n'abantu 100 barimo Guverineri na bamwe mu bakozi b'Intara y'Amajyepfo, Abayobozi b'Inzego z'Umutekano, uhagarariye Ubushinjacyaha ku Rwego rw'Intara, uhagarariye Urwego rw'Igihugu rw'Ubugenzacyaha/RIB ku Rwego rw'Intara, Abayobozi b'Uturere twose tugize Intara y'Amajyepfo, Abashinzwe Imiyoborere mu Turere tugize Intara y'Amajyepfo, abagize Komite Nyobozi y'Akarere ka Huye, Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge igize Akarere ka Huye, abahagarariye Inama y'Igihugu y'Abagore, iy'Abantu bafite Ubumuga, iy'Urubyiruko bo mu Karere ka Huye n'Abanyamakuru 15 bakorera mu Ntara y'Amajyepfo.

Nyuma y'ibiganiro hafashwe imyanzuro ikurikira:

1. Ubwangamugayo bukwiye gutozwa uhereye ku banyeshuri b'amashuri yisumbuye n'amakuru na za Kaminuza;
2. Ibiganiro byatanzwe muri icyo cyumweru byajya bihabwa abayobozi bagitangira imirimo y'ubuyobozi kugira ngo bibafashe mu mirimo yabo;
3. Mu gihe amahugurwa atanzwe mu Nzego z'Ibanze hajya hatumirwa abakozi barimo Abayobozi b'Amashami ku Karere n'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge.

Amahugurwa, ibiganiro n'ubukangurambaga byateguwe n'Urwego rw'Umuvunyi byabaye umwanya wo gusobanurira ababyitabiriye ububi bw'akarengane na ruswa, kurushaho kumva neza inshingano zabo mu kubikumira no kubirwanya no kubatoza indangagaciro zo gukumira no kurwanya ruswa. Nk'uko byagaragaye, amahugurwa, ibiganiro n'ubukangurambaga bituma abo bigenewe bagaragaza imbogamizi bahura nazo mu kazi kabo zishobora kuba icyuho cya ruswa. Ibyo bituma Inzego zibishinzwe zimenya aho bitagenda neza, bityo hagafatwa ingamba zo kubikosora hagamijwe gukumira no kurwanya akarengane na ruswa

## 1.2. KURWANYA AKARENGANE NA RUSWA

### 1.2.1. KWAKIRA NO GUSUZUMA IBIBAZO BY'AKARENGANE

Urwego rw'Umuvunyi rufite inshingano yo gusuzuma no gukora igikwiye ku bibazo by'akarengane bitakemuwe n'Inzego zibishinzwe. Ibyo bibazo byakirwa binyuze mu nyandiko zohererezwa Urwego rw'Umuvunyi no muri Gahunda yo gukumira no kurwanya akarengane mu Turere.



*Ifoto iragaragaza Umuvunyi Mukuru ari kumwe n'Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere ka Nyarugenge n'abandi Bayobozi bari mu Biro by'Umurenge wa Nyakabanda bakira ibibazo by'abaturage*

Mu mwaka wa 2021-2022, Urwego rw'Umuvunyi rwasuzumye ibibazo byose hamwe 1.603 bikubiyemo ibyaje mu nyandiko n'ibyakiriwe muri gahunda yo gukumira no kurwanya akarengane mu Turere nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:


**Imbonerahamwe n° 6: Umubare w'ibibazo Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye**

| N° | Uburyo ibibazo byakiriwemo | Ibyakemutse | Ibigikurikiranwa mu nzego zigomba kubikemura | Ibigikuri-kiranwa n'Urwego rw'Umuvunyi | Ibibazo byose byakiriwe |
|---|---|---|---|---|---|
| 1. | Ibibazo byakiriwe mu nyandiko | 375 | 132 | 9 | 516 |
| 2. | Ibibazo byakiriwe muri Gahunda yo Gukumira no Kurwanya Akarengane | 830 | 233 | 24 | 1.087 |
| **Ibibazo byose** | | **1.205** | **365** | **33** | **1.603** |
| **Ijanisha** | | **75.2%** | **22.8%** | **2%** | **100%** |

Imbonerahamwe iri haruguru igaragaza ko mu bibazo 1.603 byakiriwe n'Urwego rw'Umuvunyi, hakemutse 1.205, mu gihe 365 bigikurikiranwa n'Inzego byashyikirijwe naho 33 bikaba bigikurikiranwa n'Urwego rw'Umuvunyi kugira ngo bifatirwe umwanzuro.

Ibibazo bigikurikiranwa n'Urwego rw'Umuvunyi bikubiyemo ahanini ibirebana n'ingurane zitaratangwa ku mitungo y'abaturage bimuwe ku mpamvu z'inyungu rusange, imitungo yangijwe n'ibikorwa remezo by'amashanyarazi, abaturage bimuwe mu bishanga, ibibazo bishingiye ku manza zitarangizwa n'iby'abakozi batakiri mu mirimo ariko batatangiwe imisanzu y'ubwiteganyirize n'ibindi.

**Igishushanyo n° 1: Umubare w'ibibazo byose byasuzumwe**




Ibibazo byakiriwe byose biri mu byiciro bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:


**Imbonerahamwe n° 7: Ibyiciro by'ibibazo byakiriwe n'Urwego rw'Umuvunyi**

| No | Icyiciro | Ibyakemutse | Ibigikurikiranwa mu Nzego bireba | Ibitarakurikiranwa | Ibibazo byose hamwe | % |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 1. | Ibibazo byerekeye ubutaka | 377 | 78 | 7 | 462 | 28,8 |
| 2. | Imanza zaciwe n'inkiko zitarangizwa | 218 | 65 | 6 | 289 | 18 |
| 3. | Kutishimira imikirize y'imanza | 204 | 39 | 2 | 245 | 15,3 |
| 4. | Ibibazo bijyanye no kwimura abantu kubera ibikorwa by'inyungu rusange | 154 | 64 | 8 | 226 | 14,1 |
| 5. | Ibibazo byerekeranye n'imari | 74 | 14 | 6 | 94 | 5,9 |
| 6. | Ibibazo byerekeye imibereho myiza | 36 | 46 | 1 | 83 | 5,2 |
| 7. | Ibibazo bireba indi mitungo itari ubutaka | 37 | 16 | 2 | 55 | 3,4 |

| No | Icyiciro | Ibyakemutse | Ibigikurikiranwa mu Nzego bireba | Ibitarakurikiranwa | Ibibazo byose hamwe | % |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 8. | Imyenda ba Rwiyemezamirimo babereyemo abaturage | 28 | 26 | 0 | 54 | 3,4 |
| 9. | Ibibazo bijyanye n'ubutegetsi n'umurimo | 42 | 5 | 1 | 48 | 3 |
| 10. | Imyenda Inzego za Leta zibereyemo abaturage | 10 | 12 | 0 | 22 | 1,4 |
| 11. | Ibindi | 13 | 0 | 0 | 13 | 0,8 |
| 12. | Kutishimira ibyiciro by'ubudehe | 12 | 0 | 0 | 12 | 0,7 |
| **Ibibazo byose hamwe** | | **1205** | **365** | **33** | **1603** | **100** |

Imbonerahamwe iri haruguru igaragaza ko mu bibazo byakirwa n'Urwego rw'Umuvunyi, ibyiciro biza ku isonga ni amakimbirane ashingiye ku butaka bingana na 28,8%; imanza zaciwe n'inkiko zitarangizwa zingana na 18% no kutishimira imikirize y'imanza bingana na 15,3%.

**Igishushanyo n° 2: Ibyiciro by'ibibazo byakiriwe n'Urwego rw'Umuvunyi**




Mu gice gikurikira, harasesengurwa mu buryo bwihariye ibibazo byakiriwe mu nyandiko no muri gahunda yo gukumira no kurwanya akarengane na ruswa mu turere.

### 1.2.1.1. Ibibazo byagejejwe ku Rwego rw'Umuvunyi mu nyandiko

Bumwe mu buryo Urwego rw'Umuvunyi rukoresha mu kwakira ibibazo bitakemuwe n'Inzego zibishinzwe, ni uburyo bw'inyandiko. Muri ibyo bibazo habarirwamo:

1. Ibibazo binyuzwa kuri sisitemu y'Urwego iboneka ku rubuga rw'ikoranabuhanga rw'Urwego (Good Service Delivery System);
2. Ibibazo binyuzwa kuri aderesi y'ikoranabuhanga (e-mail);

3. Ibibazo bizanwa n'iposita (n'ibindi Bigo bikora nkayo);
4. Ibibazo bizanwa na ba nyirabyo mu nyandiko ku Biro by'Urwego rw'Umuvunyi (muri uyu mwaka abantu bakiriwe ku Rwego rw'Umuvunyi bafite ibibazo ni 1.831, abenshi bagana Urwego rw'Umuvunyi basaba inama ku bijyanye n'amategeko cyangwa Inzego bashyikiriza ibibazo byabo kandi inama bazihabwa n'abakozi babifitiye ubushobozi, abandi baza gukurikirana ibibazo Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye rukabishyikiriza izindi Nzego bireba, abandi basaba gusubirishamo imanza ku mpamvu z'akarengane);
5. Ibibazo byakirwa kuri telefoni itishyurwa y'Urwego rw'Umuvunyi (mu mwaka wa 2021-2022, abantu bahamagaye ku Rwego rw'Umuvunyi /*Call center, telephone number 199* ni 2.132. Abenshi mu bahamagara baba bagisha inama, abandi baba bakurikirana aho ibibazo barushyikirije bigeze bishakirwa ibisubizo, n'abandi bagirwa inama yo kuzuza ifishi yabugenewe kugira ngo ibibazo byabo byakirwe mu nyandiko);
6. Ibibazo binyuzwa muri *cyber cafés* z'Urwego rw'Umuvunyi zikoreshwa n'amahuriro y'urubyiruko yo kurwanya akarengane na ruswa.

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza ibibazo Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye mu nyandiko, hakurikijwe Akarere ikibazo giherereyemo, igitsina cy'uwatanze ikibazo n'aho bigeze bikurikiranwa.

**Imbonerahamwe n° 8: Ibibazo byagejejwe ku Rwego rw'Umuvunyi mu nyandiko**

| Nº | Akarere | Ibyakemutse | | | Ibigikurikiranwa mu nzego bireba | | | Ibitarakurikiranwa | | | Ibibazo byose | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Gabo | Gore | Byose | Gabo | Gore | Byose | Gabo | Gore | Byose | Gabo | Gore | Byose |
| **Intara y'Amajyepfo** | | | | | | | | | | | | | |
| 1 | Gisagara | 1 | 2 | 3 | 1 | 0 | **1** | 0 | 0 | **0** | 2 | 2 | **4** |
| 2 | Huye | 9 | 13 | 22 | 0 | 0 | **0** | 0 | 0 | **0** | 9 | 13 | **22** |
| 3 | Kamonyi | 6 | 3 | 9 | 2 | 0 | **2** | 0 | 0 | **0** | 8 | 3 | **11** |
| 4 | Muhanga | 9 | 3 | 12 | 4 | 1 | **5** | 1 | 0 | **1** | 14 | 4 | **18** |
| 5 | Nyamagabe | 1 | 6 | 7 | 9 | 6 | **15** | 0 | 0 | **0** | 10 | 12 | **22** |
| 6 | Nyanza | 1 | 3 | 4 | 1 | 3 | **4** | 0 | 0 | **0** | 2 | 6 | **8** |
| 7 | Nyaruguru | 9 | 4 | 13 | 3 | 2 | **5** | 0 | 0 | **0** | 12 | 6 | **18** |
| 8 | Ruhango | 9 | 9 | 18 | 7 | 4 | **11** | 1 | 1 | **2** | 17 | 14 | **31** |
| **Igiteranyo** | | **45** | **43** | **88** | **27** | **16** | **43** | **2** | **1** | **3** | **74** | **60** | **134** |
| **Intara y'Iburengerazuba** | | | | | | | | | | | | | |
| 9 | Karongi | 7 | 5 | 12 | 2 | 2 | **4** | 0 | 0 | **0** | 9 | 7 | **16** |
| 10 | Ngororero | 3 | 3 | 6 | 2 | 0 | **2** | 0 | 0 | **0** | 5 | 3 | **8** |
| 11 | Nyabihu | 3 | 3 | 6 | 1 | 0 | **1** | 0 | 0 | **0** | 4 | 3 | **7** |
| 12 | Nyamasheke | 4 | 2 | 6 | 1 | 3 | **4** | 1 | 0 | **1** | 6 | 5 | **11** |
| 13 | Rubavu | 9 | 5 | 14 | 4 | 2 | **6** | 0 | 0 | **0** | 13 | 7 | **20** |
| 14 | Rusizi | 4 | 6 | 10 | 3 | 1 | **4** | 0 | 1 | **1** | 7 | 8 | **15** |

| Nº | Akarere | Ibyakemutse | | | Ibigikurikiranwa mu nzego bireba | | | Ibitarakurikiranwa | | | Ibibazo byose | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Gabo | Gore | Byose | Gabo | Gore | Byose | Gabo | Gore | Byose | Gabo | Gore | Byose |
| 15 | Rutsiro | 3 | 0 | 3 | 1 | 0 | **1** | 0 | 0 | **0** | 4 | 0 | **4** |
| **Igiteranyo** | | **33** | **24** | **57** | **14** | **8** | **22** | **1** | **1** | **2** | **48** | **33** | **81** |
| **Intara y'Amajyaruguru** | | | | | | | | | | | | | |
| 16 | Burera | 2 | 3 | 5 | 0 | 1 | **1** | 0 | 0 | **0** | 2 | 4 | **6** |
| 17 | Gakenke | 6 | 3 | 9 | 0 | 0 | **0** | 0 | 0 | **0** | 6 | 3 | **9** |
| 18 | Gicumbi | 2 | 0 | 2 | 2 | 1 | **3** | 0 | 0 | **0** | 4 | 1 | **5** |
| 19 | Musanze | 7 | 1 | 8 | 2 | 4 | **6** | 0 | 1 | **1** | 9 | 6 | **15** |
| 20 | Rulindo | 4 | 5 | 9 | 1 | 2 | **3** | 0 | 0 | **0** | 5 | 7 | **12** |
| **Igiteranyo** | | **21** | **12** | **33** | **5** | **8** | **13** | **0** | **1** | **1** | **26** | **21** | **47** |
| **Intara y'Iburasirazuba** | | | | | | | | | | | | | |
| 21 | Bugesera | 4 | 5 | 9 | 5 | 2 | **7** | 0 | 1 | **1** | 9 | 8 | **17** |
| 22 | Gatsibo | 10 | 12 | 22 | 4 | 3 | **7** | 0 | 0 | **0** | 14 | 15 | **29** |
| 23 | Kayonza | 2 | 3 | 5 | 2 | 1 | **3** | 0 | 0 | **0** | 4 | 4 | **8** |
| 24 | Kirehe | 4 | 4 | 8 | 2 | 1 | **3** | 0 | 0 | **0** | 6 | 5 | **11** |
| 25 | Ngoma | 7 | 4 | 11 | 2 | 1 | **3** | 0 | 0 | **0** | 9 | 5 | **14** |
| 26 | Nyagatare | 10 | 5 | 15 | 3 | 0 | **3** | 0 | 0 | **0** | 13 | 5 | **18** |
| 27 | Rwamagana | 3 | 4 | 7 | 4 | 3 | **7** | 0 | 0 | **0** | 7 | 7 | **14** |
| **Igiteranyo** | | **40** | **37** | **77** | **22** | **11** | **33** | **0** | **1** | **1** | **62** | **49** | **111** |
| **Umujyi wa Kigali** | | | | | | | | | | | | | |

| Nº | Akarere | Ibyakemutse | | | Ibigikurikiranwa mu nzego bireba | | | Ibitarakurikiranwa | | | Ibibazo byose | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | **Gabo** | **Gore** | **Byose** | **Gabo** | **Gore** | **Byose** | **Gabo** | **Gore** | **Byose** | **Gabo** | **Gore** | **Byose** |
| 28 | Gasabo | 37 | 23 | 60 | 8 | 2 | **10** | 0 | 0 | **0** | 45 | 25 | **70** |
| 29 | Kicukiro | 24 | 16 | 40 | 3 | 1 | **4** | 2 | 0 | **2** | 29 | 17 | **46** |
| 30 | Nyarugenge | 12 | 8 | 20 | 5 | 2 | **7** | 0 | 0 | **0** | 17 | 10 | **27** |
| **Igiteranyo** | | **73** | **47** | **120** | **16** | **5** | **21** | **2** | **0** | **2** | **91** | **52** | **143** |
| **Byose hamwe** | | 212 | 163 | **375** | 84 | 48 | **132** | 5 | 4 | **9** | 301 | 215 | **516** |

Imbonerahamwe iri haruguru iragaragaza ko Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye ibibazo 516 mu nyandiko mu mwaka wa 2021-2022. Muri ibyo bibazo, 375 byarakemutse, ibindi 132 biracyakurikiranwa mu Nzego byoherejwemo naho 9 ntibirakurikiranwa kuko byinjiye ku Rwego rw'Umuvunyi mu mpera z'umwaka.

Ibibazo byasuzumwe biri mu byiciro bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

**Imbonerahamwe n° 9: Ibyiciro by'ibibazo byasuzumwe mu mwaka wa 2021-2022**

| N° | Ibyiciro | Ibyakemutse | | | Ibigikurikiranwa mu Nzego bireba | | | Ibitarakurikiranwa | | | Ibibazo byose | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Gabo | Gore | Byose | Gabo | Gore | Byose | Gabo | Gore | Byose | Gabo | Gore | Byose | % |
| 1. | Ibibazo birebana n'ubutaka | 74 | 55 | **129** | 19 | 10 | **29** | 2 | 1 | **3** | 95 | 66 | **161** | 31,2 |
| 2. | Ibibazo birebana n'imanza zitarangizwa | 46 | 51 | **97** | 28 | 21 | **49** | 0 | 2 | **2** | 74 | 74 | **148** | 28,7 |
| 3. | Ibibazo bijyanye na serivisi z'imari | 35 | 16 | **51** | 17 | 4 | **21** | 1 | 1 | **2** | 53 | 21 | **74** | 14,3 |
| 4. | Ibibazo bijyanye no kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange | 18 | 13 | **31** | 14 | 8 | **22** | 1 | 0 | **1** | 33 | 21 | **54** | 10,5 |

| Nº | Ibyiciro | Ibyakemutse | | | Ibigikurikiranwa mu Nzego bireba | | | Ibitarakurikiranwa | | | Ibibazo byose | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Gabo | Gore | Byose | Gabo | Gore | Byose | Gabo | Gore | Byose | Gabo | Gore | Byose | % |
| 5. | Ibibazo bijyanye n'Ubutegetsi n'Umurimo | 17 | 15 | **32** | 2 | 1 | **3** | 1 | 0 | **1** | 20 | 16 | **36** | 7,0 |
| 6. | Ibibazo birebana n'indi mitungo itari ubutaka | 12 | 5 | **17** | 3 | 1 | **4** | 0 | 0 | **0** | 15 | 6 | **21** | 4,1 |
| 7. | Ibibazo by'imibereho myiza | 7 | 6 | **13** | 1 | 3 | **4** | 0 | 0 | **0** | 8 | 9 | **17** | 3,3 |
| 8. | Ibindi | 3 | 2 | **5** | 0 | 0 | **0** | 0 | 0 | **0** | 3 | 2 | **5** | 1 |
| **Igiteranyo** | | **212** | **163** | **375** | **84** | **48** | **132** | **5** | **4** | **9** | **301** | **215** | **516** | **100** |

Imbonerahamwe iri haruguru iragaragaza ko ibibazo birebana n'ubutaka biruta ibindi kuko biri ku ijanisha rya 31,2% hagakurikiraho ibyerekeye imanza zisabirwa kurangizwa bingana na 28,7% n'ibirebana na serivisi z'imari bigera kuri 14,3%

Ibibazo by'ubutaka bigezwa ku Rwego rw'Umuvunyi ni ibirebana n'amakimbirane akomoka ku mbibi, aturuka ku kutumvikana mu kuzungura no gushaka uburenganzira ku butaka bukomoka ku bugure cyangwa andi masezerano.

Ibibazo byerekeye imanza zisabirwa kurangizwa bikomoka ku manza zitarangizwa ku gihe. Hagaragaramo kandi abinubira ibiciro bito byishyurwa ku mitungo yabo igihe cyo kuyigurisha muri cyamunara. Icyo kibazo cy'imitungo igurishwa ku giciro gito muri cyamunara cyagejejwe kuri Minisiteri y'Ubutabera ndetse kiganirwaho mu Nama yahuje iyo Minisiteri n'Urugaga rw'Abahesha b'Inkiko b'Umwuga. Abitabiriye iyo Nama basanze icyo kibazo giterwa n'imiterere y'amategeko yerekeye cyamunara kuko ateganya ko ku nshuro ya mbere n'iya kabiri cyamunara isubikwa iyo igiciro kibonetse kitageze kuri 75% by'agaciro k'umutungo, byagera ku nshuro ya gatatu ari na yo ya nyuma Itegeko rigateganya ko kuri iyo nshuro hakirwa igiciro kiruta ibindi kibonetse uko cyaba kingana kose. Hifujwe ko itegeko ryavugururwa hagateganywa mu Itegeko rishya igiciro fatizo ntarengwa muri cyamunara, byakwemerwa icyo giciro fatizo akaba ari na cyo gifatwa nk'amafaranga y'ingwate y'ipiganwa iteganyijwe mu Iteka rya Minisitiri ryerekeye irangizwa ry'inyandikompesha hakoreshejwe ikoranabuhanga.

Hari kandi ikibazo cy'abakozi bafite ububasha bwo kurangiza imanza mu Nzego z'Ibanze baba batarashyirwa mu myanya cyangwa ababa batararahira. Ikindi ni abatsinzwe badafite ubwishyu, bigatuma abatsinze basiragira mu Nzego zinyuranye bakeka ko hari icyo zabafasha.

Ibibazo by'imari bishingiye ahanini ku masezerano y'inguzanyo atubahirizwa Banki zikagera aho ziteza cyamunara umutungo w'uwafashe inguzanyo, ba nyir'imitungo bakabifata nk'akarengane.

**Ibibazo byakiriwe binyujijwe muri Cyber café**

Urwego rw'Umuvunyi rugira *Cyber cafés* 5 ari zo iya Rusizi, iya Rubavu, iya Ngoma, iya Kayonza n'iya Gicumbi. Cyber café ya Rubavu ikoreshwa n'abanyeshuri ba Kaminuza Yigenga ya Kigali (ULK), Ishami rya Gisenyi, iya Gicumbi icungwa n'Abanyeshuri ba Kaminuza ya UTAB, Cyber café ya Rusizi icungwa n'Urubyiruko rwibumbiye mu ihuriro ryitwa CAJEDED, iya Gahini mu Karere ka Kayonza icungwa n'Urubyiruko rwo mu Itorero Angilikani mu Rwanda n'iya Ngoma.

Izo *Cyber cafés* zakira abaturage bafite ibibazo zikabagira inama z'uburyo byakemurwa cyangwa zikabayobora mu Nzego zigomba kubikemura naho ibiri mu nshingano z'Urwego rw'Umuvunyi zikabirwohereza. Ni muri urwo rwego mu bibazo byakiriwe mu nyandiko harimo ibyo *cyber café* zohereje nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

**Imbonerahamwe n° 10: Ibibazo byakiriwe muri cyber cafés**

| No | *Cyber café* | Ibyohererejwe Urwego rw'Umuvunyi | Abagiriwe inama | Ibyohererejwe inzego bireba | Ibibazo byose |
|---|---|---|---|---|---|
| 1. | UNIK/ NGOMA | 1 | 3 | 2 | 6 |
| 2. | RUSIZI | 28 | 52 | 58 | 138 |
| 3. | RUBAVU | 7 | 4 | 4 | 15 |
| 4. | GAHINI/ KAYONZA | 0 | 10 | 17 | 27 |
| 5. | GICUMBI | 1 | 4 | 6 | 11 |
| **Ibibazo byose byakiriwe** | | **37** | **73** | **87** | **197** |

Nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe iri haruguru, *cyber café* ya Rusizi niyo ifasha abantu benshi kuko abayikoresha baturuka mu Turere twa Nyamasheke na Rusizi kandi bakaba batuye kure ugereranyije n'aho icyicaro cy'Urwego rw'Umuvunyi kiri.

Nyuma y'uko Kaminuza ya Kibungo ifunzwe, Urwego rw'Umuvunyi rwagiranye ibiganiro na IPRC Ngoma bemeranywa ko Cyber café yakoreraga muri UNIK yimukira muri IPRC Ngoma.

#### 1.2.1.1.1. Ibibazo byasuzumwe uyu mwaka byarakiriwe mu mwaka wa 2020-2021

Muri raporo y'umwaka wa 2020-2021 hari ibibazo 13 byari bitarakurikiranwa n'Urwego rw'Umuvunyi na 97 byari byaroherejwe mu zindi Nzego ariko bitarakemuka.

**a. Ibibazo byari bitarakurikiranwa**

Ibibazo 13 byari byagaragajwe ko bitarakurikiranwa kubera ko byinjiye mu mpera y'uwo mwaka biri mu mbonerahamwe ikurikira igaragaza Uturere biherereyemo n'aho bigeze bikurikiranwa.

**Imbonerahamwe n$^{o}$ 11: Ibibazo byasuzumwe uyu mwaka byarakiriwe mu mwaka wa 2020-2021**

| N$^{o}$ | Akarere | Ibibazo byari bitarakurikiranwa | | | Ibyakemutse | | | Ibigikurikiranwa | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Gabo | Gore | Byose | Gabo | Gore | Byose | Gabo | Gore | Byose |
| 1 | Gisagara | 1 | 0 | 1 | 1 | 0 | 1 | 0 | 0 | 0 |
| 2 | Nyanza | 1 | 0 | 1 | 1 | 0 | 1 | 0 | 0 | 0 |
| 3 | Nyamasheke | 0 | 2 | 2 | 0 | 2 | 2 | 0 | 0 | 0 |
| 4 | Rubavu | 1 | 0 | 1 | 1 | 0 | 1 | 0 | 0 | 0 |
| 5 | Rusizi | 0 | 1 | 1 | 0 | 1 | 1 | 0 | 0 | 0 |
| 6 | Burera | 0 | 1 | 1 | 0 | 1 | 1 | 0 | 0 | 0 |
| 7 | Musanze | 1 | 0 | 1 | 0 | 0 | 0 | 1 | 0 | 1 |
| 8 | Gatsibo | 1 | 0 | 1 | 1 | 0 | 1 | 0 | 0 | 0 |
| 9 | Kayonza | 1 | 0 | 1 | 1 | 0 | 1 | 0 | 0 | 0 |
| 10 | Gasabo | 1 | 1 | 2 | 1 | 0 | 1 | 0 | 1 | 1 |
| 11 | Kicukiro | 1 | 0 | 1 | 1 | 0 | 1 | 0 | 0 | 0 |
| **Byose hamwe** | | **8** | **5** | **13** | **7** | **4** | **11** | **1** | **1** | **2** |

Imbonerahamwe iri haruguru iragaragaza ko ibibazo 11 byakemutse naho 2 byerekeye abaturage bari bafite imitungo mu gishanga igakurwaho n'Ubuyobozi ntibahabwa ingurane kandi bari barahawe ibyangombwa by'umutungo n'abandi batemeranywa n'Ubuyobozi ku ngurane bahabwa.

Inzego bireba zasabwe kubikemura kandi Urwego rw'Umuvunyi rurakomeza gukurikirana uko imyanzuro izafatwa ishyirwa mu bikorwa.

**b. Ibibazo byari bigikurikiranwa mu Nzego**

Muri raporo ya 2020-2021 hari ibibazo 97 byagaragajwe ko bigikurikiranwa n'Inzego byashyikirijwe. Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza uburyo byakurikiranwe muri uyu mwaka.

**Imbonerahamwe n° 12: Ibibazo byakiriwe mu 2020-2021 byari bigikurikiranwa mu Nzego**

| No | Akarere | Ibibazo byari bigikurikiranwa | | | Ibyakemutse | | | Ibigikurikiranwa | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Gabo | Gore | Byose | Gabo | Gore | Byose | Gabo | Gore | Byose |
| 1. | Gisagara | 0 | 1 | 1 | 0 | 1 | 1 | 0 | 0 | 0 |
| 2. | Huye | 0 | 1 | 1 | 0 | 1 | 1 | 0 | 0 | 0 |
| 3. | Muhanga | 1 | 1 | 2 | 1 | 1 | 2 | 0 | 0 | 0 |
| 4. | Nyanza | 0 | 1 | 1 | 1 | 1 | 2 | 0 | 0 | 0 |
| 5. | Nyaruguru | 1 | 2 | 3 | 1 | 2 | 3 | 0 | 0 | 0 |
| 6. | Ruhango | 2 | 0 | 2 | 2 | 0 | 2 | 2 | 1 | 3 |
| 7. | Karongi | 0 | 1 | 1 | 0 | 1 | 1 | 0 | 0 | 0 |
| 8. | Ngororero | 6 | 2 | 8 | 4 | 1 | 5 | 2 | 1 | 3 |
| 9. | Nyabihu | 2 | 1 | 3 | 0 | 1 | 1 | 2 | 0 | 2 |
| 10. | Nyamasheke | 4 | 2 | 6 | 4 | 2 | 6 | 0 | 0 | 0 |
| 11. | Rubavu | 3 | 1 | 4 | 0 | 0 | 0 | 3 | 1 | 4 |
| 12. | Rusizi | 2 | 3 | 5 | 1 | 3 | 4 | 1 | 0 | 1 |
| 13. | Burera | 0 | 3 | 3 | 0 | 2 | 2 | 0 | 1 | 1 |
| 14. | Gakenke | 2 | 0 | 2 | 2 | 0 | 2 | 0 | 0 | 0 |
| 15. | Gicumbi | 2 | 1 | 3 | 2 | 1 | 3 | 0 | 0 | 0 |
| 16. | Musanze | 0 | 1 | 1 | 0 | 0 | 0 | 0 | 1 | 1 |
| 17. | Rulindo | 0 | 1 | 1 | 0 | 1 | 1 | 0 | 0 | 0 |
| 18. | Bugesera | 5 | 3 | 8 | 3 | 3 | 6 | 2 | 0 | 2 |
| 19. | Gatsibo | 2 | 1 | 3 | 1 | 1 | 2 | 1 | 0 | 1 |

| No | Akarere | Ibibazo byari bigikurikiranwa | | | Ibyakemutse | | | Ibigikurikiranwa | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | **Gabo** | **Gore** | **Byose** | **Gabo** | **Gore** | **Byose** | **Gabo** | **Gore** | **Byose** |
| 20. | Kayonza | 2 | 0 | 2 | 2 | 0 | 2 | 0 | 0 | 0 |
| 21. | Kirehe | 2 | 0 | 2 | 2 | 0 | 2 | 0 | 0 | 0 |
| 22. | Ngoma | 2 | 0 | 2 | 2 | 0 | 2 | 0 | 0 | 0 |
| 23. | Nyagatare | 7 | 2 | 9 | 7 | 2 | 9 | 0 | 0 | 0 |
| 24. | Rwamagana | 1 | 0 | 1 | 0 | 0 | 0 | 1 | 0 | 1 |
| 25. | Gasabo | 3 | 4 | 7 | 0 | 3 | 3 | 3 | 1 | 4 |
| 26. | Kicukiro | 6 | 4 | 10 | 2 | 0 | 2 | 1 | 3 | 4 |
| 27. | Nyarugenge | 4 | 2 | 6 | 1 | 0 | 1 | 3 | 2 | 5 |
| **Igiteranyo** | | **59** | **38** | **97** | **38** | **27** | **65** | **21** | **11** | **32** |

Imbonerahamwe iri haruguru irerekana ko mu bibazo 97 byari bigikurikiranwa mu Nzego, 65 byarakemutse naho 32 biracyakurikiranwa.

Ibibazo bigikurikiranwa ni ibisaba kwishyurwa, ubwishyu bukaba butaraboneka n'ibibazo bitarafatwaho imyanzuro bitewe n'imiterere yabyo. Ibindi imyanzuro yarafashwe ariko iyo myanzuro ntirashyirwa mu bikorwa. Haracyari kandi ibibazo bitarabonerwa imyanzuro by'abantu batsinze amasosiyete mu manza ariko mu kuzirangiza hakaba harabuze imitungo y'ayo masosiyete ivamo ubwishyu.

Mu myaka itatu y'ibikorwa (2019-2020, 2020-2021, 2021-2022), Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye ibibazo 1.564.

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza ibibazo byakiriwe.

**Imbonerahamwe n° 13: Ibibazo byinjiye mu nyandiko mu myaka itatu ishize**

| Umwaka | Ibibazo byakemutse | Ibibazo byari bigikurikiranwa mu Nzego bireba | Ibibazo byari bitarakurikiranwa | Ibibazo byose hamwe |
|---|---|---|---|---|
| **2019-2020** | 436 | 171 | 33 | 640 |
| **2020-2021** | 298 | 97 | 13 | 408 |
| **2021-2022** | 375 | 132 | 9 | 516 |
| | **1.109** | **400** | **55** | **1.564** |

Imbonerahamwe iri haruguru iragaragaza ko mu mwaka wa 2019-2020 hakiriwe ibibazo 640, mu mwaka wa 2020-2021 hakirwa ibibazo 408 naho mu mwaka wa 2021-2022 hakirwa ibibazo 516.

Ku bijyanye n'imibare y'ibibazo byinjiye buri mwaka, bigaragara ko mu mwaka wa 2020-2021 ariho Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye ibibazo bike. Hatekerezwa ko impamvu ari icyorezo cya COVID-19 aho muri uwo mwaka hari igihe cyashize abantu bari muri gahunda ya "guma mu rugo na guma mu Karere" mu rwego rwo kwirinda ikwirakwizwa ry'icyo cyorezo ku buryo hari abatarabonaga uburyo bwo kugera ku Rwego rw'Umuvunyi kandi badasobanukiwe ibijyanye n'ikoranabuhanga ngo ribafashe kohereza ibibazo byabo.

Mu gufasha abaturage bakenera kugeza ibibazo byabo ku Urwego rw'Umuvunyi, rwatangiye kubasobanurira uburyo bushya bworoshye bwo kohereza ibibazo byabo babinyujije mu ikoranabuhanga riboneka ku rubuga rw'Urwego rw'Umuvunyi (the web-based system). Ubu buryo buzafasha abaturage kudakora ingendo ndende kandi hazongerwa imbaraga mu kunoza imikorere ya za *cyber café* zikorana n'Urwego rw'Umuvunyi kugira ngo zijye zifasha abaturage kunyuzamo ibibazo byabo.

### 1.2.1.2. Ibibazo byakiriwe muri gahunda yo gukumira no kurwanya akarengane mu Turere 15 twasuwe muri 2020-2021

Urwego rw'Umuvunyi rwakoze gahunda yo gukumira no kurwanya akarengane mu Turere 15. Iyi gahunda yabaye mu buryo budasanzwe kubera icyorezo cya COVID-19. Mbere muri buri Karere kasurwaga, iyi gahunda yakorerwaga mu mirenge yose igize ako karere igahuza abaturage benshi, abafite ibibazo, abatabifite n'ubuyobozi. Muri uyu mwaka, hatumirwaga Ubuyobozi bw'Inzego z'ibanze n'abaturage bafite ibibazo bagahurizwa hamwe mu ma site 6 muri buri Karere kasuwe (usibye Gicumbi hakozwe *sites* 12 na Gatsibo hakozwe *sites* 9 bitewe n'imiterere y'utwo Turere).



***Ifoto iragaragaza Umuvunyi Wungirije ushinzwe gukumira no kurwanya akarengane Madamu Yankurije Odette n'abandi Bayobozi mu Karere ka Gasabo bakira ibibazo by'akarengane bagejejweho n'abaturage bo mu Murenge wa Nduba***

Ku bufatanye bw'Inzego, hari ibibazo byahabwaga umurongo wo kubikemura, ibitakemutse bigasigirwa Ubuyobozi bw'Akarere ibindi bikazakurikiranwa n'Urwego rw'Umuvunyi. Muri iyo gahunda hakiriwe ibibazo byose hamwe 1.087 nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

**Imbonerahamwe n° 14: Ibibazo byakiriwe muri gahunda yo gukumira no kurwanya akarengane mu Turere 15 twasuwe muri 2021-2022**

| N° | Akarere | Igitsina | Ibyahise bikemuka | Ibibazo byasigiwe Akarere | | | Ibibazo byagombaga gukurikiranwa n'Urwego rw'Umuvunyi | | | Ibyakiriwe byose |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | Ibyake-mutse | Ibigikuri-kiranwa | Byose | Ibyake-mutse | Ibitara-kemuka | Byose | |
| 1. | Nyabihu | Gabo | 13 | 7 | 0 | **7** | 1 | 0 | **1** | **21** |
| | | Gore | 11 | 5 | 1 | **6** | 1 | 1 | **2** | **19** |
| | | **Byose** | **24** | **12** | **1** | **13** | **2** | **1** | **3** | **40** |
| 2. | Nyamasheke | Gabo | 12 | 17 | 3 | **20** | 4 | 0 | **4** | **36** |
| | | Gore | 10 | 14 | 2 | **16** | 3 | 1 | **4** | **30** |
| | | **Byose** | **22** | **31** | **5** | **36** | **7** | **1** | **8** | **66** |
| 3. | Rutsiro | Gabo | 8 | 8 | 6 | **14** | 2 | 2 | **4** | **26** |
| | | Gore | 4 | 4 | 9 | **13** | 0 | 0 | **0** | **17** |


| Nº | Akarere | Igitsina | Ibyahise bikemuka | Ibibazo byasigiwe Akarere | | | Ibibazo byagombaga gukurikiranwa n'Urwego rw'Umuvunyi | | | Ibyakiriwe byose |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | Ibyake-mutse | Ibigikuri-kiranwa | Byose | Ibyake-mutse | Ibitara-kemuka | Byose | |
| | | **Byose** | **12** | **12** | **15** | **27** | **2** | **2** | **4** | **43** |
| 4. | Gakenke | Gabo | 20 | 9 | 8 | **17** | 3 | 0 | **3** | **40** |
| | | Gore | 15 | 8 | 9 | **17** | 0 | 1 | **1** | **33** |
| | | **Byose** | **35** | **17** | **17** | **34** | **3** | **1** | **4** | **73** |
| 5. | Gicumbi | Gabo | 14 | 11 | 5 | **16** | 4 | 1 | **5** | **35** |
| | | Gore | 16 | 11 | 8 | **19** | 3 | 1 | **4** | **39** |
| | | **Byose** | **30** | **22** | **13** | **35** | **7** | **2** | **9** | **74** |
| 6. | Rulindo | Gabo | 18 | 13 | 7 | **20** | 1 | 2 | **3** | **41** |
| | | Gore | 14 | 18 | 5 | **23** | 3 | 0 | **3** | **40** |
| | | **Byose** | **32** | **31** | **12** | **43** | **4** | **2** | **6** | **81** |

| Nº | Akarere | Igitsina | Ibyahise bikemuka | Ibibazo byasigiwe Akarere | | | Ibibazo byagombaga gukurikiranwa n'Urwego rw'Umuvunyi | | | Ibyakiriwe byose |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | Ibyake-mutse | Ibigikuri-kiranwa | Byose | Ibyake-mutse | Ibitara-kemuka | Byose | |
| 7. | Gatsibo | Gabo | 26 | 0 | 44 | **44** | 2 | 2 | **4** | **74** |
| | | Gore | 28 | 0 | 26 | **26** | 1 | 2 | **3** | **57** |
| | | **Byose** | **54** | **0** | **70** | **70** | **3** | **4** | **7** | **131** |
| 8. | Kayonza | Gabo | 40 | 9 | 3 | **12** | 3 | 1 | **4** | **56** |
| | | Gore | 70 | 17 | 4 | **21** | 1 | 1 | **2** | **93** |
| | | **Byose** | **110** | **26** | **7** | **33** | **4** | **2** | **6** | **149** |
| 9. | Rwamagana | Gabo | 6 | 0 | 7 | **7** | 0 | 0 | **0** | **13** |
| | | Gore | 4 | 0 | 11 | **11** | 1 | 1 | **2** | **17** |
| | | **Byose** | **10** | **0** | **18** | **18** | **1** | **1** | **2** | **30** |
| 10. | Gasabo | Gabo | 13 | 0 | 15 | **15** | 3 | 1 | **4** | **32** |

| Nº | Akarere | Igitsina | Ibyahise bikemuka | Ibibazo byasigiwe Akarere | | | Ibibazo byagombaga gukurikiranwa n'Urwego rw'Umuvunyi | | | Ibyakiriwe byose |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | Ibyake-mutse | Ibigikuri-kiranwa | Byose | Ibyake-mutse | Ibitara-kemuka | Byose | |
| | | Gore | 5 | 0 | 4 | **4** | 3 | 1 | **4** | **13** |
| | | **Byose** | **18** | **0** | **19** | **19** | **6** | **2** | **8** | **45** |
| 11. | Kicukiro | Gabo | 10 | 0 | 8 | **8** | 3 | 0 | **3** | **21** |
| | | Gore | 18 | 0 | 6 | **6** | 2 | 1 | **3** | **27** |
| | | **Byose** | **28** | **0** | **14** | **14** | **5** | **1** | **6** | **48** |
| 12. | Nyarugenge | Gabo | 12 | 10 | 2 | **12** | 1 | 1 | **2** | **26** |
| | | Gore | 10 | 22 | 10 | **32** | 1 | 2 | **3** | **45** |
| | | **Byose** | **22** | **32** | **12** | **44** | **2** | **3** | **5** | **71** |
| 13. | Nyanza | Gabo | 14 | 13 | 5 | **18** | 1 | 0 | **1** | **33** |
| | | Gore | 12 | 14 | 7 | **21** | 1 | 1 | **2** | **35** |

| Nº | Akarere | Igitsina | Ibyahise bikemuka | Ibibazo byasigiwe Akarere | | | Ibibazo byagombaga gukurikiranwa n'Urwego rw'Umuvunyi | | | Ibyakiriwe byose |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | Ibyake-mutse | Ibigikuri-kiranwa | Byose | Ibyake-mutse | Ibitara-kemuka | Byose | |
| | | **Byose** | **26** | **27** | **12** | **39** | **2** | **1** | **3** | **68** |
| 14. | Nyaruguru | Gabo | 13 | 24 | 4 | **28** | 4 | 1 | **5** | **46** |
| | | Gore | 10 | 25 | 5 | **30** | 2 | 0 | **2** | **42** |
| | | **Byose** | **23** | **49** | **9** | **58** | **6** | **1** | **7** | **88** |
| 15. | Ruhango | Gabo | 11 | 16 | 5 | **21** | 4 | 0 | **4** | **36** |
| | | Gore | 15 | 22 | 4 | **26** | 3 | 0 | **3** | **44** |
| | | **Byose** | **26** | **38** | **9** | **47** | **7** | **0** | **7** | **80** |
| **Igiteranyo** | | | **472** | **297** | **233** | **530** | **61** | **24** | **85** | **1087** |

**Igishushanyo n° 3: Ibibazo byakiriwe muri gahunda yo gukumira no kurwanya akarengane mu Turere 15 twasuwe muri 2021-2022**




Ibibazo byakiriwe mu Turere 15 ni 1.087. Muri ibyo bibazo, 472 (43%) byarakemutse, 530 (49%) bisigara mu nshingano z'Uturere ngo dukomeze tubikurikirane, tubifateho imyanzuro kandi tumenyeshe Urwego rw'Umuvunyi uko byakemutse, naho ibibazo 87 (8%) byo byari mu nshingano z'Urwego rw'Umuvunyi ari rwo rugomba kubikurikirana no kubitangaho umwanzuro.



***Ifoto igaragaza Umuvunyi Wungirije ari kumwe n'Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere ka Kicukiro n'Inzego z'Umutekano muri Gahunda yo gukurikirana ibibazo by'abaturage bo muri ako Karere byagejejwe ku Rwego rw'Umuvunyi***

Ibibazo byakiriwe biri mu byiciro bitandukanye bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

**Imbonerahamwe n° 15: Ibyiciro by'ibibazo byakiriwe muri gahunda yo gukumira no kurwanya akarengane mu Turere**

| N° | Ibyiciro | Ibibazo byahise bikemuka | Iibazo byasigiwe uturere | | | Ibireba Urwego rw'Umuvunyi | | | Ibibazo byose byakiriwe | % |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | Byose | Ibyake-mutse | Ibigikuri-kiranwa | Byose | Ibyake-mutse | Ibigikuri-kiranwa | | |
| 1. | Ibibazo by'ubutaka | **115** | **159** | 101 | 58 | **27** | 20 | 7 | **301** | 27,7 |
| 2. | Kutishimira imikirize y' imanza | **123** | **103** | 76 | 27 | **19** | 16 | 3 | **245** | 22,5 |
| 3. | Ibibazo bijyanye no kwimura abantu kubera ibikorwa by'inyungu rusange | **56** | **99** | 40 | 59 | **17** | 11 | 6 | **172** | 15,8 |
| 4. | Imanza zaciwe n'inkiko | **69** | **57** | 27 | 30 | **15** | 10 | 5 | **141** | 13 |

| Nº | Ibyiciro | Ibibazo byahise bikemuka | Iibazo byasigiwe uturere | | | Ibireba Urwego rw'Umuvunyi | | | Ibibazo byose byakiriwe | % |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | Byose | Ibyakemutse | Ibigikurikiranwa | Byose | Ibyakemutse | Ibigikurikiranwa | | |
| | zitarangizwa | | | | | | | | | |
| 5. | Ibibazo byerekeye imibereho myiza | **19** | **47** | 25 | 22 | **0** | 0 | 0 | **66** | 6,1 |
| 6. | Imyenda ba Rwiyemezamiriri mo babereyemo abaturage | **21** | **33** | 18 | 15 | **0** | 0 | 0 | **54** | 5 |
| 7. | Ibibazo bireba indi mitungo itari ubutaka | **19** | **15** | 5 | 10 | **0** | 0 | 0 | **34** | 3,1 |

| Nº | Ibyiciro | Ibibazo byahise bikemuka | Iibazo byasigiwe uturere | | | Ibireba Urwego rw'Umuvunyi | | | Ibibazo byose byakiriwe | % |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | Byose | Ibyake-mutse | Ibigikuri-kiranwa | Byose | Ibyake-mutse | Ibigikuri-kiranwa | | |
| 8. | Imyenda inzego za Leta zibereyemo abaturage | **5** | **17** | 5 | 12 | **0** | 0 | 0 | **22** | 2 |
| 9. | Ibibazo byerekeranye n'imari | **14** | **0** | 0 | 0 | **6** | 3 | 3 | **20** | 1,8 |
| 10. | Kutishimira ibyiciro by'ubudehe | **12** | **0** | 0 | 0 | **0** | 0 | 0 | **12** | 1,1 |
| 11. | Ibibazo bijyanye n'ubutegetsi | **11** | **0** | 0 | 0 | **1** | 1 | 0 | **12** | 1,1 |
| 12. | Ibindi | **8** | **0** | **0** | **0** | **0** | **0** | **0** | **8** | **0,7** |
| **Igiteranyo** | | **472** | **530** | **297** | **233** | **85** | **61** | **24** | **1.087** | **100** |

Ibibazo by'amakimbirane ashingiye ku butaka biracyaza ku isonga mu mubare w'ibibazo byakiriwe muri gahunda yo gukumira no kurwanya akarengane bingana na 27,7%. Ibibazo bibikurikira mu bwinshi ni ibibazo bijyanye no kutishimira imikirize y'imanza bingana na 22,5% naho ibibazo bijyanye no kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange bikaza ku mwanya wa gatatu na 15,8%, nabyo bigakurikirwa n'ibibazo bijyanye n'ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'inkiko cyangwa by'Abunzi bifite 13,0%.

#### 1.2.1.3. Ibibazo by'ingenzi byagaragaye mu Turere twasuwe n'Urwego rw'Umuvunyi

Nyuma yo gusura Uturere 15 twari duteganyijwe mu mwaka wa 2021-2022, Urwego rw'Umuvunyi rwashyize hamwe ibibazo by'ingenzi cyangwa bihuriweho n'abantu benshi kugira ngo bikurikiranwe mu buryo bwihariye mu rwego rwo kubishakira ibisubizo. Ibyo bibazo ni ibi bikurikira:

1. Ibibazo byinshi byakirwa bishingiye ku butaka (imbibi, izungura, ihererekanya, inzira cyangwa umuhanda, ibyangombwa by'ubutaka bitinda kuboneka, etc…) n'imanza ziba zaraburanwe kuri ubwo butaka akenshi usanga abaturage batishimira uko zaciwe cyangwa uko zarangijwe. Ibi bibazo bizakemurwa no gushyira mu bikorwa ibiteganywa n'itegeko n° 27/2021 ryo ku wa 10/06/2021 rigenga ubutaka ku byerekeye gukemura amakimbirane hamwe n'amateka agena uburyo rishyirwa mu bikorwa. Urwego rw'Umuvunyi rwatanze inama ko abaturage bazahugurwa ku bikubiye muri iryo Tegeko rigenga ubutaka n'amateka yo kurishyira mu bikorwa.

2. Ibibazo by'abaturage bangirijwe imitungo ntibahabwe amafaranga y'ingurane (*expropriation*) hakorwa imihanda cyangwa imiyoboro y'amashanyarazi n'iy'amazi.
   Ingero ni nyinshi nko ku muhanda wa Base- Gicumbi mu Turere twa Gicumbi na Rulindo, ku muhanda Ngoma-Bugesera-Nyanza, ku muhanda Nyankora-Nasho mu Karere ka Kayonza, ku rugomero rwa

Ntaruka ya II mu Mirenge ya Cyahinda na Busanze y'Akarere ka Nyaruguru, ku muhanda Huye-Nyaruguru. Hari n'ibindi bijyanye n'ahanyujijwe insinga z'amashanyarazi bigaragara mu Turere twa Nyanza, Gatsibo, Rutsiro, Gicumbi n'ahandi. Inzego zimura abaturage ku mpamvu z'inyungu rusange zikwiye gusuzuma ingaruka ziterwa n'ikorwa ry'ibikorwa remezo kugira ngo hafatwe umwanzuro ku mitungo yangirika itarabaruwe. Urwego rw'Umuvunyi mu nama rwakoranye na RTDA rwayisabye kujya banoza uburyo inyigo zikorwa bakabanza kwishyura abaturage mbere yo kubimura, rwasabye kandi REG kumenyesha abaturage ibibura muri dosiye zabo kugira ngo babyuzuze bishyurwe imitungo yabo yangijwe ahanyujijwe amashanyarazi.

3. Ibibazo bya ba Rwiyemezamirimo bamwe bakoresha abaturage cyangwa bagafata ibikoresho by'abacuruzi ariko barangiza imirimo cyangwa igihe bayitaye bakagenda batishyuye. Ubuyobozi bw'Uturere bwasabwe kujya bukurikiranira hafi ibyo bikorwa mu rwego rwo gukumira akarengane gakorerwa abaturage no gukurikirana ababambuye kugira ngo bishyuzwe. Rwasabye kandi Inzego zitanga amasoko ya Leta kubahiriza ibiteganywa n'Ingingo ya 99 y'Itegeko no 62/2018 ryo ku wa 25/08/2018 rigenga amasoko ya Leta riteganya ko iyo uwatsindiye isoko atishyuye abakozi, ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa na serivisi yahawe n'undi muntu mu gihe cy'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'isoko, urwego rutanga isoko rufatira amafaranga angana n'ubwo bwishyu ku nyemezabuguzi ye kugira ngo rwishyure abo abereyemo imyenda.

4. Ikibazo cy'imikorere y'Abunzi bamwe itanoze kuko bafata ibyemezo ku bintu bitari mu bubasha bwabo nk'ibyerekeye irangamimerere, kuvuguruza ibyemezo by'Inkiko n'imikorere mibi yo gutinda guha ababuranyi imyanzuro nta mpamvu. Abakozi ba Minisiteri y'Ubutabera bakorera mu nzu z'ubufasha mu by'amategeko mu

Turere (MAJ) basabwe gukurikiranira hafi imikorere y'Abunzi no kubahugura ku nshingano zabo.

5. Hari ikibazo cy'imanza nyinshi mu Nkiko usanga umuntu atanga ikirego agahabwa gahunda y'iburanisha mu gihe kirenze amezi atandatu. Urwego rw'Umuvunyi rwashishikarije Uturere kwigisha abaturage ko ibibazo byabo bishobora gukemukira hafi yabo kandi bakabibafashamo. Urwego rw'Ubucamanza rwagaragaje ubushake rushyiraho ingamba zo kugabanya ibirarane mu Nkiko no gushyira imbaraga mu buhuza.

6. Ikibazo cy'imanza zifite agaciro gato zirangizwa n'abahesha b'Inkiko b'Umwuga (*Professional Bailiff*) kandi agaciro kazo kari munsi y'igihembo cyabo bigatuma kwishyuza umuturage binyuze mu cyamunara bimusiga mu bukene kubera kugurisha umutungo hashakwa ubwishyu n'igihembo cy'Umuhesha w'Inkiko. Urwego rw'Umuvunyi rwasabye Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu gusaba Inzego z'Ibanze kujya barangiza bene izo manza no gukangurira abaturage kurangiza imanza ku neza. Urwego rw'Umuvunyi rusanga kandi Itegeko rireba ububasha bw'abahesha b'Inkiko rikwiye kuvugururwa hagashyirwamo ko imanza nk'izo zifite agaciro gato zarangizwa n'abahesha b'Inkiko batari ab'umwuga.

7. Abakozi b'Inzego z'Ibanze badashyirwa mu myanya ku gihe mu Mirenge imwe n'imwe bigatuma itangwa rya serivisi ridindira. **Ingero:**

    1. Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge batari mu myanya cyangwa ab'agateganyo badafite ububasha bwo kurangiza imanza, zikaba nyinshi kubera ko nta Muhesha w'Inkiko uhari.
    2. Serivisi zitangwa n'abakozi bashinzwe irangamimerere zidatangwa ku gihe kubera ko badahari bigatuma abaturage batuzuza inshingano zijyanye no kwandikisha abana bavutse, gusaba indangamuntu no kwandukuza abapfuye.

Urwego rw'Umuvunyi rurasanga Ubuyobozi bw'Uturere bukwiye kwihutira kuzuza imyanya itarimo abakozi cyangwa kwemeza abayikoraho by'agateganyo kugira ngo serivisi zitangirwe ku gihe.

8. Mu Turere dutandukanye, hagaragaye ibibazo by'abaturage bigomeka ku byemezo by'Inkiko cyangwa irangizarubanza ku mirima cyangwa amazu batsindiwe ku buryo abatsinze batabona ubutabera bwuzuye. Kwigomeka biterwa n'imyumvire mibi y'abaturage n'icyuho kiri mu mategeko ahana ibyaha ku irangizarubanza kuko bitakiri icyaha giteganywa mu gitabo cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda. Urwego rw'Umuvunyi rwasabye Inzego z'Ibanze gufasha umuturage kubona ubutabera bwuzuye harimo no guhabwa ibyo yatsindiye. Urwego rw'Umuvunyi rurasanga bikwiye ko icyaha cyo kwigomeka ku byemezo by'Inkiko no ku irangizarubanza byasubizwa mu mategeko ahana ibyaha mu Rwanda.

9. Abaturage bishyize hamwe bubaka ibikorwa remezo byo gukwirakwiza amashanyarazi ku bufatanye na REG ubu iyo miyoboro ikaba yarabaye iya Leta ariko REG ntiyemere kubasanira insinga n'amapoto igihe byagize ikibazo. Iki kibazo cyagaragaye mu Karere ka Nyamasheke. Nyuma y'ibiganiro Urwego rw'Umuvunyi rwagiranye n'Ubuyobozi bwa REG/EDCL kuri iki kibazo, EDCL yemeye gusana uwo muyoboro w'amashanyarazi abaturage bagakomeza gucana.

10. Mu Turere 15 twasuwe hagaragaye ibibazo by'imicungire mibi y'amakoperative bikomoka ku kubura ubwangamugayo kw'Abayobozi b'amakoperative, ku banyamuryango badasobanukiwe amategeko agenga koperative, kunyereza umutungo n'ibindi. Urwego rw'Umuvunyi rwasabye Urwego rw'Igihugu rushinzwe amakoperative (RCA) n'abakozi bashinzwe amakoperative mu Turere kongera imbaraga mu kugenzura, gutanga inama ku micungire y'amakoperative no gukemura ibibazo bivukamo.

11. Ikibazo cy'amakimbirane akomoka ku ihererekanya ry'ubutaka buba bwagurishijwe bidakorewe imbere ya noteri w'ubutaka bukaba bwagurishwa inshuro nyinshi cyangwa mu bundi buriganya. Urwego rw'Umuvunyi rwasabye MINALOC n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubutaka gushyira imbaraga mu kwigisha abaturage amategeko agenga ubutaka n'inshingano z'abaturage mu ihererekanya ryabwo.

12. Ikibazo cy'abantu bihutira kujya mu manza muri Komite z'Abunzi cyangwa mu Nkiko kandi ibibazo byabo bishobora kubonerwa ibisubizo mu nama z'umuryango, mu Nteko z'abaturage babifashijwemo n'Inzego z'Ubuyobozi zibegereye. Urwego rw'Umuvunyi rwasabye Abayobozi bo mu Nzego z'Ibanze ko bakwiye gukomeza gushishikariza abaturage kujya bashakira ibisubizo hafi, mu miryango cyangwa mu Nzego zibegereye ndetse bugafasha abaturage gukemura ibibazo binyuze mu nzira y'ubwumvikane n'ubuhuza (mediation) kuko ifasha kubanisha neza abagiranye amakimbirane, kohereza abaturage mu Bunzi cyangwa mu Nkiko bikaza ari uko izo nzira zananiranye.

Nyuma yo gusura Uturere 15, Urwego rw'Umuvunyi rwasanze abaturage badakemurirwa ibibazo ku gihe bigatuma basiragira mu Nzego. Ni muri urwo rwego, Inzego zishinzwe gukemura ibibazo biri mu nshingano zazo zisabwa gusuzuma no gusubiza abaturage mu gihe cyihuse byaba ngombwa zikabayobora mu zindi Nzego bireba.

Ku birebana n'Inzego z'Ibanze, Urwego rw'Umuvunyi rwagiranye inama na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu ku wa 08 Kamena 2022, hari Abayobozi b'Umujyi wa Kigali, ab' Intara n'Uturere twose baganira ku bibazo byagaragaye mu Turere twasuwe n'Urwego rw'Umuvunyi hafatwa n'ingamba zo kurushaho kwita ku bibazo by'abaturage no kubikemura.

Mu myaka itatu y'ibikorwa (2019-2020, 2020-2021, 2021-2022) hakiriwe ibibazo 3.564 nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

**Imbonerahamwe n° 16: Ibibazo byakiriwe muri gahunda yogukumira no kurwanya akarengane mu myaka itatu**

| Umwaka | Ibibazo byahise bikemuka | Ibibazo byasigiwe uturere | Ibibazo byagombaga gukurikiranwa n'Urwego rw'Umuvunyi | Ibibazo byose hamwe |
|---|---|---|---|---|
| **2019/2020** | 1.779 | 200 | 54 | 2.033 |
| **2020/2021** | 337 | 102 | 5 | 444 |
| **2021/2022** | 655 | 394 | 38 | 1.087 |
| **Igiteranyo** | **2.771** | **696** | **97** | **3.564** |

Mu mwaka wa 2019-2020 hakiriwe ibibazo 2.033, mu 2020-2021 hakirwa ibibazo 444 naho mu 2021-2022 hakirwa ibibazo 1.087. Muri iyi myaka itatu, harimo ikinyuranyo kinini cy'ibibazo byakiriwe kubera ko mu mwaka wa 2020-2021 hakiriwe bike kuko byakirwaga kuri radiyo umwanya ukaba muto mu rwego rwo kwirinda ikwirakwizwa ry'icyorezo cya COVID-19. Mu mwaka wa 2021-2022, hakirwaga abaturage bafite ibibazo kuri *sites* zatoranyijwe aho kujya mu mirenge yose igize Akarere nk'uko byakorwaga muri 2019-2020.

### 1.2.2. GUSUZUMA IBIBAZO BYEREKEYE GUSUBIRISHAMO IMANZA KU MPAMVU Z'AKARENGANE

Itegeko n° 54/2021 ryo ku wa 29/08/2021 rigenga Urwego rw'Umuvunyi riruha ububasha bwo gusaba Urukiko rw'Ikirenga gusuzuma no gusubiramo urubanza rugaragaramo akarengane. Ubwo bubasha kandi buteganywa n'Itegeko n°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena Ububasha bw'Inkiko.

Hashingiwe kuri ubwo bubasha, mu mwaka wa 2021-2022, Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye imanza 374 zisabirwa gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane ziyongera ku manza 18 zasigaye zidakozwe mu mwaka wa 2020-2021 zose hamwe ziba imanza 392 zagombaga gusesengurwa.

#### 1.2.2.1. Imanza zakiriwe n'Urwego rw'Umuvunyi zikanasesengurwa

Mu mwaka wa 2021-2022, Urwego rw'Umuvunyi rwasesenguye imanza 373 kuri 392 zagombaga gusesengurwa. Imbonerahamwe ikurikira irerekana umubare w'imanza zakiriwe n'izasesenguwe.

**Imbonerahamwe n$^{o}$ 17: Uko imanza zakiriwe n'uko zasesenguwe mu mwaka wa 2020-2021**

| Imanza zakiriwe | Imanza zakiriwe | | | | Imanza zasesenguwe | | | | Imanza zitarasesengurwa | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | Gabo | Gore | Abandi[1] | Igitera nyo | Gabo | Gore | abandi | Igitera nyo | Gabo | Gore | Abandi | Igitera nyo |
| Ibirarane by'umwaka wa 2020-2021 | 7 | 10 | 1 | 18 | 7 | 10 | 1 | 18 | 0 | 0 | 0 | 0 |
| Dosiye zakiriwe mu mwaka wa 2021-2022 | 230 | 137 | 7 | 374 | 218 | 130 | 7 | 355 | 12 | 7 | 0 | 19 |
| **Zose hamwe** | **237** | **147** | **8** | **392** | **225** | **140** | **8** | **373** | **12** | **7** | **0** | **19** |
| **Ijanisha** | | | | **100%** | | | | **95.2%** | | | | **4.8%** |

Iyi mbonerahamwe iragaragaza imanza 392 zagombaga gusesengurwa mu mwaka wa 2021-2022. Hasesenguwe 373 (95.2%), naho 19 (4.8%) ntizirasuzumwa.

[1] Abandi bisobanuye ibigo, Inzego za Leta n'iz'abikorera, Amashyirahamwe na Koperative bifite ubuzima gatozi.

Izo manza 19 zasigaye zigizwe n'imanza zinjiye mu mpera z'umwaka n'izasabiwe amakuru y'inyongera mu Nzego zitandukanye kugira ngo zisesengurwe, ayo makuru akaba ataraboneka. Ikindi kigaragara ni uko abantu ku giti cyabo ari bo benshi basaba gusubirishamo imanza, kandi abagabo bakaba benshi (237) mu basaba gusubirishamo imanza kurusha abagore (147) ariko ahenshi baba bahagarariye umuryango.

Mu manza Urwego rw'Umuvunyi rwasesenguye, hari izasabiwe gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane zishyikirizwa Urukiko rw'Ikirenga izindi zitagaragaramo akarengane rwandikira bene zo rubamenyesha ko nta mpamvu iteganywa n'amategeko yatuma zisabirwa gusubirishwamo cyangwa ko zitasuzumwe kubera ko batubahirije inzira zo gutanga ibibazo nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

**Imbonerahamwe n° 18: Imanza zasabiwe gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane n'izahakaniwe**

| **Imanza zasesenguwe** | **Imanza hakurikijwe abatanze ibibazo** | | | | **Ijanisha** |
|---|---|---|---|---|---|
| | **Gabo** | **Gore** | **Abandi** | **Bose** | |
| Imanza zasabiwe gusubirishwamo | 4 | 4 | 0 | 8 | 2,2% |
| Imanza zarangijwe binyuze mu buhuza | 5 | 1 | 0 | 6 | 1,6% |
| Imanza zahakaniwe gusubirishwamo | 216 | 135 | 8 | 359 | 96,2% |
| **Igiteranyo** | **225** | **140** | **8** | **373** | **100%** |

Imbonerahamwe iri haruguru igaragaza ko Urwego rw'Umuvunyi rwasesenguye imanza 373; muri zo, 8 (2,2%) zasabiwe gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane mu Rukiko rw'Ikirenga, 6 (1,6) zikemukira mu buhuza, mu gihe 359 (96,2%) rwasanze nta karengane kagaragaramo. Mu manza zasabiwe gusubirishwamo, izatanzwe n'abagore n'izatanzwe

n'abagabo zirangana: 4 kuri 4, naho mu buhuza rumwe nirwo rwatanzwe n'abagore mu gihe 5 zari zatanzwe n'abagabo.

Kuba dosiye zisabirwa gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane zaragabanutse byatewe n'uko Inkiko zikuriye izaciye imanza zisesengurana ubushishozi dosiye zishyikirizwa n'ababuranyi, kandi bamwe muri bo bakira neza ibisubizo bahabwa na ba Perezida b'Inkiko zikuriye izaciye imanza ku rwego rwa nyuma, ikindi ni uko hari dosiye zakemukiye mu buhuza bwakozwe n'Urwego rw'Umuvunyi, bityo akarengane kavugwamo kagahabwa umurongo.

**1.2.2.2. Uko imanza zasesenguwe hakurikijwe ibyiciro byazo**

Mu isesengura ry'imanza zakiriwe, Urwego rw'Umuvunyi rwasanze izasabiwe gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane ziri mu byiciro by'ingenzi bitanu (5), ari byo imbonezamubano, inshinjabyaha, ubucuruzi, ubutegetsi n'umurimo. Imbonerahamwe ikurikira igaragaza ibyiciro by'imanza 373 zasesenguwe n'Urwego rw'Umuvunyi.


**Imbonerahamwe n° 19: Ibyiciro by'imanza zasesenguwe**

| Ubwoko bw'ibibazo | Izemerewe | | | Izahakaniwe | | | Igiteranyo | % |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | Gabo | Gore | Abandi | Gabo | Gore | Abandi | | |
| Imbonezamubano | 3 | 3 | 0 | 150 | 122 | 0 | 278 | 74,5 |
| Inshinjabyaha | 0 | 0 | 0 | 41 | 7 | 3 | 51 | 13,6 |
| Ubucuruzi | 0 | 1 | 0 | 14 | 4 | 2 | 21 | 5,6 |
| Ubutegetsi | 0 | 0 | 0 | 8 | 2 | 2 | 12 | 3,3 |
| Umurimo | 1 | 0 | 0 | 8 | 1 | 1 | 11 | 3 |
| **Igiteranyo** | **4** | **4** | **0** | **221** | **136** | **8** | **373** | **100** |

Imbonerahamwe iri haruguru iragaragaza ko imanza nyinshi mu zasesenguwe ari iz'imbonezamubano zingana na 278 (74,5%). Muri izi manza harimo izerekeye uburenganzira ku butaka ari nazo nyinshi, izungura, kugabana umutungo nyuma y'ubutane n'izerekeye kutanyurwa n'uburyo cyamunara yakozwemo.

Imanza z'Inshinjacyaha nizo ziza ku mwanya wa kabiri zingana na 51 (13,6%), iz'ubucuruzi ni 21 (5,6%), iz'Ubutegetsi ni 12 (3,3%) naho iz'umurimo ni 11 (3%). Mu manza zasabiwe gusubirishwamo kumpamvu z'akarengane, 6 ni iz'imbonezamubano, 1 ni urw' umurimo mu gihe urundi 1 ari urw'ubucuruzi

**Igishushanyo n° 4: Ibyiciro by'imanza zasesenguwe**




Mu myaka itanu y'ibikorwa (2017-2018, 2018-2019, 2019-2020, 2020-2021, 2021-2022), hakiriwe imanza zisabirwa gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane zingana na 4.214, zirimo ibirarane by'imanza 1.948 n'imanza 2.266 zinjiye muri iyi myaka itanu.

**Imbonerahamwe n° 20: Uko imanza zakiriwe mu gihe cy'imyaka itanu**

| Umwaka | Izagombaga gusesengurwa | | | Izasesenguwe zose | | | Izitarasesenguwe |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | Ibirarane | Izakiriwe | Zose hamwe | Izabonetsemo akarengane | Izahakaniwe | Zose hamwe | |
| **2017-2018** | 1948 | 748 | 2696 | 115 | 1808 | 1923 | 773 |
| **2018-2019** | 773 | 425 | 1198 | 94 | 997 | 1091 | 107 |
| **2019-2020** | 107 | 391 | 498 | 46 | 419 | 465 | 33 |
| **2020-2021** | 33 | 328 | 361 | 42 | 301 | 343 | 18 |
| **2021-2022** | 18 | 374 | 392 | 8 | 365 | 373 | 19 |

Nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe iri haruguru, imanza zisabirwa gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane ku Rwego rw'Umuvunyi zagiye zigabanuka kubera ko ingingo ya 56 n'iya 58 z'Itegeko n° 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena Ububasha bw'Inkiko zateganyije inzira nshya zikoreshwa mu gusubirishamo imanza aho umuburanyi asabwa kubanza kwandikira Perezida w'Urukiko rukuriye urwaciye urubanza kandi bigasabwa mu gihe kitarenze iminsi 30 kuva urubanza ruciwe cyangwa abonye igisubizo cya Perezida w'Urukiko.

Ibyo byatumye ibirarane bigabanuka ku Urwego rw'Umuvunyi kuko ababuranyi bamwe banyurwa n'ibisubizo byatanzwe na Perezida w'Urukiko wasuzumye akarengane ku rwego rwa mbere, abandi bagasanga igihe cyo kugeza imanza zabo ku Urwego rw'Umuvunyi (iminsi 30 kuva babonye igisubizo cya Perezida w'urukiko rukuriye urwaciye urubanza) cyararenze, cyane cyane ku manza zaciwe mbere y'uko Itegeko n° 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 ryavuzwe haruguru rijyaho.

Muri iki gihe cy'imyaka itanu (2017-2018, 2018-2019, 2019-2020, 2020-2021 na 2021-2022), Urwego rw'Umuvunyi rwashyikirije Urukiko rw'Ikirenga imanza 305 zisabirwa gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane. Uko zasesenguwe bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

**Imbonerahamwe n° 21: Uko Ubugenzuzi Bukuru bw'Inkiko bwasuzumye imanza bwashyikirijwe n'Urwego rw'Umuvunyi mu myaka itanu**

| Imanza zagaragayemo akarengane | Umubare w'imanza | % |
|---|---|---|
| Imanza Urwego rw'Umuvunyi rwasuzumye rugasangamo akarengane | 305 | 100 |
| Imanza zimaze gusesengurwa n'Ubugenzuzi Bukuru bw'Inkiko | 277 | 90,8 |
| Imanza Ubugenzuzi Bukuru bw'Inkiko butarasuzuma | 28 | 9,2 |
| Imanza Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yasanzemo akarengane | 204 | 73,6 |
| Imanza Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yasanze nta karengane karimo | 73 | 26,4 |

Imbonerahamwe iri haruguru iragaragaza ko ku manza 305 Urwego rw'Umuvunyi rwasabiye gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane mu myaka itanu, Ubugenzuzi Bukuru bw'Inkiko bumaze gusesengura imanza 277, hakaba hasigaye 28. Muri izo manza Ubugenzuzi Bukuru bw'Inkiko bwasesenguye, 204 (73,6%) nizo Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yasanzemo akarengane yemeza ko zongera kuburanishwa, naho 73 (26,4%) nta karengane yasanzemo.

### 1.2.3. KURWANYA RUSWA

#### 1.2.3.1. Gusesengura amakuru ya ruswa

Itegeko n$^{o}$ 54/2021 ryo ku wa 29/08/2021 rigenga Urwego rw'Umuvunyi riruha inshingano yo gukumira no kurwanya akarengane na ruswa n'ububasha bwo kwakira, gushakisha, gukurikirana no gusesengura amakuru kuri ruswa no gushyikiriza ibyagaragaye Inzego bireba. Muri uyu mwaka, Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye amakuru yerekeye ruswa, ruyakorera isesengura, agaragayemo ibikorwa binyuranyije n'amategeko ashyikirizwa izindi Nzego bireba zirimo Urwego rw'Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha. Ni muri urwo rwego amadosiye 42 arimo amakuru kuri ruswa yakurikiranwe, harimo 5 yari agikurikiranwa mu mwaka wa 2020-2021.

Imbonerahamwe ikurikira irerekana amadosiye yakurikiranwe mu mwaka wa 2021-2022.

**Imbonerahamwe n° 22: Amadosiye ya ruswa yakurikiranwe**

| Ibyiciro by’amakuru | Ayakiriwe | Ayarangije gukurikiranwa | | | Agikurikiranwa |
|---|---|---|---|---|---|
| | | Ayashyikirijwe Urwego rw’Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha | Ayashyikirijwe izindi Nzego | Ayaburiwe ibimenyetso bihagije | |
| Ibyaha bya ruswa | 30 | 19 | 2 | 6 | 3 |
| Imitangire y’amasoko | 12 | 12 | 0 | 0 | 0 |
| **Yose hamwe** | **42** | **31** | **2** | **6** | **3** |

Iyi mbonerahamwe iri haruguru iragaragaza ko Urwego rw’Umuvunyi rwasesenguye amakuru akekwamo ruswa mu buryo bukurikira:

1. Amadosiye 31 arimo amakuru kuri ruswa yashyikirijwe Urwego rw’Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha kugira ngo ruyakorere iperereza ricukumbuye;
2. Amadosiye 2 arimo amakuru yerekeye amakosa yo mu kazi, imwe yashyikirijwe Intara y’Iburasirazuba indi ishyikirizwa Ishami ryo Kurwanya ruswa muri Polisi y’Igihugu kugira ngo akurikiranwe;
3. Amadosiye 6 avugwamo amakuru kuri ruswa nta bimenyetso bihagije byabonetse;
4. Amadosiye 3 arimo amakuru kuri ruswa aracyakurikiranwa.

Mu madosiye 31 arimo amakuru yashyikirijwe Urwego rw’Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha, harimo abakekwa kugira uruhare mu byaha bya ruswa 106, barimo abagore 24 (22,6%) n’abagabo 82 (77,4%).

Mu gihe cy’imyaka itatu y’ibikorwa (2019-2020, 2020-2021, 2021-2022) Urwego rw’Umuvunyi rwakiriye amakuru kuri ruswa n’ibindi bikorwa akorerwa isesengura ashyikirizwa inzego zibishinzwe. Imbonerahamwe ikurikira irerekana amadosiye yakurikiranwe mu myaka itatu.

**Imbonerahamwe n° 23 : Amadosiye yakurikiranwe mu myaka itatu**

| **Ibyiciro** | **Umwaka wa 2019-2020** | **Umwaka wa 2020-2021** | **Umwaka wa 2021-2022** |
|---|---|---|---|
| Ibyaha bya ruswa | 35 | 43 | 30 |
| Imitangire mibi y'amasoko | 0 | 0 | 12 |
| Imikorere itanoze mu Nzego za Leta | 0 | 2 | 0 |
| **Yose hamwe** | **35** | **45** | **42** |

Imbonerahamwe iri haruguru iragaragaza ko amadosiye yiyongereye mu myaka ibiri (2020-2021 na 2021-2022) ugereranyije n'umwaka wabanje (2019-2020) kuko abatanga amakuru biyongereye.

### 1.2.3.2. Ishyirwa mu bikorwa rya Politiki y'Igihugu yo kurwanya ruswa

Mu rwego rwo gukumira no kurwanya ruswa, hashyizweho ingamba nyinshi zirimo na Politiki y'Igihugu yo Kurwanya Ruswa, iyi ikaba yaremejwe n'Inama y'Abaminisitiri ku wa 13 Kamena 2012, Urwego rw'Umuvunyi ruhabwa inshingano yo kugenzura no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryayo. Iyi Politiki ikaba ikubiyemo ingamba zigomba gushyirwa mu bikorwa n'Inzego zitandukanye zaba iza Leta cyangwa izigenga, zikanasabwa gutanga raporo buri gihembwe igaragaza uko iyi Politiki yashyizwe mu bikorwa. Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza ishyirwa mu bikorwa rya Politiki y'Igihugu yo kurwanya ruswa.

**Imbonerahamwe n° 24: Uko Inzego/Ibigo byatanze raporo ku ishyirwa mu bikorwa rya Politiki y'Igihugu yo kurwanya ruswa**

| N° | Urwego/Ikigo | Umubare wa raporo | Ibisobanuro |
|---|---|---|---|
| 1. | Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi | **4** | Yatanze raporo zose isabwa |
| 2. | Minisiteri y'Ubutabera | **4** | Yatanze raporo zose isabwa |
| 3. | Minisiteri y'Uburezi | **4** | Yatanze raporo zose isabwa |
| 4. | Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo | **4** | Yatanze raporo zose isabwa |
| 5. | Urugaga rw'Abikorera | **4** | Rwatanze raporo zose |
| 6. | Ihuriro ry'Imiryango itari iya Leta | **4** | Yatanze raporo zose isabwa |
| 7. | Urwego rw'Igihugu rushinzwe abagororwa | **2** | Ntirwatanze raporo z'igihembwe cya 1 n'icya 4 |

Imbonerahamwe iri haruguru iragaragaza ko Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi, Minisiteri y'Ubutabera, Minisiteri y'Uburezi, Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo, Urugaga rw'Abikorera n'Ihuriro ry'Imiryango itari iya Leta ari byo byatanze raporo zose uko ari 4 naho Urwego rw'Igihugu rushinzwe abagororwa rutanga raporo 2.

Urwego rw'Umuvunyi rwibutsa buri gihe Inzego/Ibigo gutanga raporo ku bikorwa zakoze, zikaba zikwiye kumva ko ari inshingano zazo kuzitanga.

Ibikorwa by'ingenzi byakozwe n'izo Nzego mu gushyira mu bikorwa Politiki y'Igihugu yo Kurwanya Ruswa ni ibi bikurikira:

**Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi**

1. Muri sisitemu yo gutangiramo amasoko (*E-Procurement*) y'Umucyo hashyizwemo isomo (*modul*e) rishya ryerekeye gucunga amasezerano (*contract management automation*), ikazafasha RPPA kugenzura inzego nazo bikazazifasha kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano mu Umucyo bikazagabanya ibyuho bya ruswa. Abakozi 291 bashinzwe amasoko ya Leta bamaze guhugurwa kuri iri somo (*module*);
2. Hashyizweho uburyo bwo kwishyuza no kwishyura hakoreshejwe ikoranabuhanga (E-invoicing), bwakuyeho ubutinde mu kwishyura inyemezabuguzi, binagabanya ibyuho bya ruswa;
3. Mu rwego rwo gukomeza gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano mu Nzego za Leta, imfashanyigisho ku gutanga amakuru ku masezerano adakorewe muri sisitemu (*offline contracts*) nayo yongewe muri *E-procurement* system ikaba igeze ku cyiciro cya nyuma cy'igerageza;
4. Guhera ku wa 04 kugeza ku wa 18 Ukwakira 2021, Itsinda rya Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi ryasuye uturere 27 mu rwego rwo kureba aho igikorwa cyo kubarura imitungo ya Leta muri IFMIS no kureba ibibazo byaba bigaragaramo;
5. Muri Kamena 2022, Minisiteri yateguye ihuriro ku icungamutungo (*accountability forum*) mu nzego za Leta. Iri ryitabiriwe n'abantu 250 baturutse mu nzego za Leta;
6. RPPA yagenzuye amasoko manini 27 kuri 38 yatanzwe mu rwego rwo kureba niba yaratanzwe biciye mu mucyo;
7. Ku bufatanye bwa RPPA na *Transparency International Rwanda* hatanzwe ikiganiro cyanyuze kuri radio kuri ruswa n'ubwangamugayo mu masoko ya Leta;
8. Hatanzwe amahugurwa mu byiciro byo gucunga umutungo, ibaruramari no gutanga raporo (*asset management, accounting & reporting*) ku bantu 151 barimo Abacungamari na ba *Logistics* baturuka mu Mujyi wa Kigali, Akarere n'Ibitaro by'Uturere n'Itsinda rya *IPSAS* n'urwego rusange (*Public Unit*);

9. Hatanzwe kandi amahugurwa ku bantu 89 baturutse mu nzego zitandukanye bakaba barahuguwe ku mitangire y'amasoko ya Leta;
10. Hatanzwe amahugurwa ku bugenzuzi ku mitangire y'amasoko (*Audit of procurement process*) ku bagenzuzi 535 b'imbere mu Bigo bya Leta;
11. Hahuguwe aba *Head of corporates (52), Chief Budget managers* ba za Ambasade (20) na *Central Government Chief Budget Managers* (25) bahuguwe banakora ibizami kuri *Certification of Public Finance Managers* ku bufatanye na *Institute of certified Public Accountant of Rwanda* muri Kanama na Nzeri 2021;
12. Kugeza muri Kamena 2022, abakozi 121 bamaze kubona impamyabushobozi mu masomo y'imicungire y'umutungo wa Leta (*Public Finance Management Accountant certificate*);
13. Hatanzwe amahugurwa ku bantu 273 bagize Komite z'ubugenzuzi mu nzego za Leta mu rwego rwo kubafasha kunoza inshingano zabo;
14. Hagati ya Werurwe na Kamena 2022 hateguwe amahugurwa ku bakozi 300 baturuka mu Bigo Leta ifitemo imigabane ku bijyanye n'imiyoborere y'Ibigo (risk and corporate governance).

**Minisiteri y'Uburezi**

1. Mu bikorwa bya nyuma y'amasomo, amashuri akoresha clubs zitandukanye mu gukoresha ibiganiro byubaka biganira ku nzira zo kurwanya imyifatire mibi muri sosiyete n'amashuri;
2. Ku bufatanye bwa Minisiteri na Polisi y'Igihugu, mu mashuri yisumbuye hashyizweho amashyirahamwe arimo ayo kurwanya ibyaha (*anti-crimes clubs*) aho abanyeshuri baganira ku byaha bitandukanye birimo na ruswa bakarebera hamwe ingaruka bigira ku muryango nyarwanda n'uburyo byakumirwa;
3. Itorero Ndi Umunyarwanda ni gahunda zashyizweho mu mashuri yose mu rwego rwo kubungabunga indangagaciro zo kurwanya ruswa n'indi myitwarire idahwitse mu mashuri;
4. Ku bufatanye na Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda abanyeshuri barangije amashuri makuru bagiye ku Rugerero

Rudaciye Ingando muri Werurwe 2022 aho bigishijwe indangagaciro, gukunda Igihugu no kurwanya ruswa;

5. Amashuri ya Leta n'Ayigenga yashishikarijwe kubaka Igicumbi cy'indangagaciro na kirazira harimo *school mottos*, ubwangamugayo, ubufatanye, gukunda Igihugu n'ibindi. Ibi bigomba gushyirwa ahantu hagaragarira buri wese kugira ngo azisome kandi azizirikane;
6. Mu gukosora ibizami bya Leta, urupapuro runyura ku bantu 7 barukosora mu rwego rwo gukorera mu mucyo;
7. Mu kugena abanyeshuri bazimuka, abasubiramo ibizami, abazasibira n'abirukanwa, Umuyobozi w'ikigo, ushinzwe imyitwarire bafatanyije n'abarimu bashyiraho ibishingirwaho;
8. Hashyizweho itegeko no 010/2021 ryo ku wa 16/02/2021 rigena imitunganyirize y'uburezi aho mu ngingo yaryo ya 18 ivuga ku myitwarire mu mashuri iteganya ko Umwarimu, umunyeshuri n'undi mukozi w'ishuri bagomba kurangwa n'imyitwarire myiza;
9. Mu mashami yose ya Kaminuza y'u Rwanda hashyizweho Politiki yo kurwanya ruswa;
10. Abanyeshuri b'abakobwa batozwa ubwangamugayo binyuze muri gahunda y'Umugoroba w'abakobwa na Ni Nyampinga zibafasha kumenya kwihagararaho no gushira ubwoba bwo guhatana;
11. Kuri buri muryango w'ibiro hashyirwa ifoto na telefone y'uyikoreramo na telefone y'Umuyobozi we wakwitabazwa igihe ubagana adahawe serivisi nziza;
12. Kuri murandasi z'amashuri hashyirwaho *service charter*;
13. Kuri murandasi (*website*) ya RPPA hatangazwaho gahunda y'amasoko (procurement plans) z'ibigo.

**Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo**

1. Sisitemu ikorerwamo ibijyanye n'imihigo (RBM) yaravuguruwe mu rwego rwo kunoza imikorere no kubazwa ibyo wakoze ku rwego rw'abakozi n'inzego bakoreramo. Mu rwego rwo kubinoza, hateguwe itegeko rigenga umusaruro ushingiye ku mihigo mu Nzego za Leta n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena uburyo bikorwamo;

2. Sisitemu ikoreshwa mu gutanga akazi (*E-Recruitment*) yaravuguruwe mu rwego rwo kugabanya guhura kw'abantu mu gihe cyo gushaka abakozi ba Leta;
3. Hashyizweho amahame y'indangagaciro z'ubunyamwuga n'imyitwarire muri serivisi za Leta mu rwego rwo kubaka imitangire ya serivisi inoze, itanga umusaruro binyuze mu gushyiraho ingamba zigamije kuzamura imyitwarire n'indangagaciro z'ubunyamwuga;
4. Hashyizweho ibipimo ngenderwaho bya serivisi nziza n'uburyo bikoreshwa;
5. Hashyizweho Komite ishinzwe kurwanya ruswa muri Minisiteri;
6. Hakozwe ubugenzuzi ku mikorere mu bigo bya Leta 1,848;
7. Ku bufatanye n'abafatanyabikorwa batandukanye barimo Urugaga rw'Abikorera, Sendika, Inzego za Leta cyane cyane inzego z'ibanze, hateguwe ihuriro ku murimo unoze (*decent work*) ku rwego rw'Intara y'Amajyepfo, iy'Amajyaruguru, iy'Uburasirazuba no mu Mujyi wa Kigali;
8. Abari abakozi ba Leta 221 barirukanywe kubera imikorere mibi n'imyitwarire idahwitse, muri bo 6 bakoze ibyaha bya ruswa cyangwa kwakira indonke mu rwego rwo gutanga serivisi;
9. Hahuguwe abazahugura abandi (*training of trainers*) 243 ku ndangagaciro z'ubunyamwuga n'imyitwarire hagamijwe kuzamura no kubaka ubumenyi;
10. Mu kwizihiza Umunsi w'Umurimo muri Gicurasi 2022 haba mu nzego za Leta n'Izigenga hakozwe ibiganiro hagati y'abakozi n'abakoresha ku ndangagaciro z'ubunyamwuga n'imyitwarire, gutanga serivisi inoze, kubazwa ibyo bakoze (*accountability*), gukorera mu mucyo n'ubufatanye mu kazi kabo;
11. Hahuguwe abagenzuzi b'umurimo ku buryo bwo gukurikirana uko abakoresha bubahiriza amategeko agenga umurimo, indangagaciro z'ubunyamwuga n'imyitwarire basabwa mu gihe bakora igenzura;
12. Hakozwe igenzura mu nzego 745 ziri mu byiciro byose by'ubukungu mu Turere twose.

**Ministeri y'Ubutabera**

1. Ku bufatanye n'Urwego rw'Umuvunyi, NIDA, RLMUA, RDGIE, RSSB, RRA, TransUnion Rwanda, Uturere, NPPA, PBA, hagarujwe umutungo wa Leta wari waranyerejwe n'ukomoka ku manza Leta yatsinzemo ungana n'amafaranga 3.348.701.564 Frw. Guhera mu mwaka wa 2014 kugeza muri Kamena 2022 hamaze kugaruzwa amafaranga angana na 9.411.088.693 Frw, 3.729 Euros, 14.743 USD n'ibikoresho bifite agaciro k'amafaranga 100.994.000 Frw;
2. Itanga ikiganiro (**Ubutabera mu Rwanda**) kuri Radiyo Rwanda (RBA) ku mategeko muri rusange harimo ayerekeye gukumira ruswa no kuyitangaho amakuru, buri wa mbere guhera 6h45 kugeza 7h00 z'umugoroba;
3. Politiki y'Igihugu yo kurwanya ruswa igaragara kuri website ya Minisiteri ariyo www.minijust.gov.rw;
4. Kuva ku wa 22 Ugushyingo kugera ku wa 17 Ukuboza 2021 ku bufatanye n'Umuryango w'Ibihugu by'Iburayi, hateguwe ibiganiro byahuje abakozi ba Minisiteri, Komite zishinzwe ubutabera mu Karere, abayobozi batandukanye mu Karere n'abaturage bahagarariye abandi, baganira ku gukumira icuruzwa ry'abantu, iry'ibiyobyabwenge na ruswa. Iki gikorwa cyakorewe mu Turere twose;
5. Minisiteri yagize uruhare mu itegurwa initabira inama y'abayobozi b'inzego zo kurwanya ruswa mu Bihugu by'Afurika bikoreshwa ururimi rw'icyongereza;
6. Abakozi ba MAJ mu kazi kabo ka buri munsi bahugura abaturage ku bubi bwa ruswa;
7. Mu rwego rw'ubushinjacyaha bakiriye kandi bakurikirana ibirego bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

**Imbonerahamwe n° 25: Ibirego byakiriwe bikanakurikiranwa n'Ubushinjacyaha**

| Ibyaha | Umubare w'ibirego | Umubare w'abaregwa | | | Ibyaregewe Inkiko | Ibyashyinguwe | Ibigikurikiranwa |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Gore | Gabo | Bose | | | |
| Ruswa | 300 | 50 | 408 | 458 | 188 | 108 | 4 |
| Kunyereza umutungo wa Leta | 415 | 171 | 614 | 785 | 195 | 183 | 37 |
| Gukoresha nabi umutungo wa Leta | 152 | 112 | 339 | 451 | 9 | 94 | 49 |
| Amasoko ya Leta n'ibijyanye nayo | 71 | 26 | 125 | 151 | 4 | 45 | 22 |
| Gusonera bitemewe n'amategeko | 43 | 17 | 58 | 75 | 1 | 24 | 24 |
| Kudasobanura inkomoko y'umutungo | 16 | 5 | 17 | 22 | 6 | 6 | 4 |
| Gutanga sheki | 1.301 | 204 | 1.097 | 1.301 | 289 | 1.010 | 2 |

| Ibyaha | Umubare w'ibirego | Umubare w'abaregwa | | | Ibyaregewe Inkiko | Ibyashyinguwe | Ibigikurikiranwa |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Gore | Gabo | Bose | | | |
| itazigamiwe | | | | | | | |
| Iyezandonke | 7 | 2 | 11 | 13 | 3 | 1 | 3 |
| Gukoresha ububasha uhabwa n'itegeko mu nyungu bwite | 11 | 1 | 15 | 16 | 10 | 1 | 0 |
| Kunyereza imisoro | 5 | 0 | 5 | 5 | 2 | 2 | 1 |
| **Igiteranyo** | **2.321** | **588** | **2.689** | **3.277** | **707** | **1.474** | **146** |

**Urwego rw'Igihugu rushinzwe Abagororwa**

1. Hakozwe ibiganiro ku gushishikariza imfungwa n'abagororwa ububi bwa ruswa muri Gereza zikurikira: Rusizi, Huye, Ngoma, Rubavu, Musanze, Nyagatare na Bugesera;
2. Hatanzwe ubuhamya bw'abagororwa bahamwe n'icyaha cya ruswa kuri bagenzi babo;
3. Hatanzwe amahugurwa ku bagize Komite zo kurwanya ruswa n'akarengane mu Magereza.

**Urugaga rw'Abikorera**

1. Hakomeje gushyirwa mu masezerano ingingo zijyanye no kurwanya ruswa;
2. Hateguwe inama iganira ku bicuruzwa bisanzwe bigurishwa ku masoko yo mu Gihugu (*standard products trading on the local markets*) yitabirwa na Polisi, Minisiteri y'Ubucuruzi, RSB, RIB n' abacuruzi bahagarariye abandi;
3. Ku bufatanye na Polisi, RIB na RFDA hakozwe igikorwa cyo gukumira magendu no kwinjiza ibikoresho bitujuje ubuziranenge;
4. Abakozi n'abanyamuryango bahuguwe ku mategeko yo kurwanya ruswa mu karere u Rwanda ruherereyemo agenga imishinga n'amasosiyete (*Regional anti-corruption compliance code for enterprises/companies*) no ku mashyirahamwe y'ubucuruzi arwanya ruswa (*Regional anti-corruption compliance by business association*);
5. Hakozwe inyigo ku bisabwa mu ishyirwa mu bikorwa rya kode y'akarere ku kurwanya ruswa mu mashyirahamwe y'ubucuruzi, ikaba yaranemejwe hifashishijwe ikoranabuhanga;
6. Bashyizeho telefone ihamagarwaho mu rwego rwo gutanga amakuru kuri ruswa yaba mu nzego zikorera cyangwa mu rugaga.

**Ihuriro ry'Imiryango itari iya Leta**

1. Hateguwe inyandiko zitandukanye zifasha mu gukumira no kurwanya ruswa zikurikira:
   1. Politiki ku kurwanya ruswa n'uburiganya *(Anti-corruption and fraud policies*)*;*
   2. Imirongo ngenderwaho n'imyitwarire ku masoko *(Procurement guidelines and ethics*)*;*
   3. Politiki ku mibonano mpuzabitsina ku gahato *(Sexual exploitation and abuse policies);*
   4. Imfashanyigisho z'abakozi n'uburyo bwo gushaka abakozi *(Human Resource manuals and recruitment procedures*)*;*
   5. Amategeko agenga imyitwarire *(Code of conduct*)*;*
   6. Ingamba ku buringanire *(Gender strategies).*
2. Hateguwe icyumweru cyo kurwanya ruswa;
3. Ubufatanye n'abanyamuryango mu kubongerera ubushobozi/ ubumenyi binyujijwe mu mahugurwa;
4. Hatanzwe ibiganiro kuri radiyo na televiziyo ku bubi bwa ruswa;
5. Hateguwe hanakorwa ubushakashatsi kuri ruswa (*Rwanda Bribery Index*);
6. Hashyizweho *Anti-corruption, justice and information centers* (AJICs) na *Advocacy and legal aid centers* (ALACs) mu rwego rwo gutanga ubufasha mu by'amategeko ku bahuye na ruswa;
   7. Ubukangurambaga kuri ruswa ku bufatanye n'Inzego z'Ibanze;
   8. Gutanga amahugurwa ku baturage bahagarariye abandi ku mategeko na politiki ziriho ku kurwanya ruswa.

Mu myaka itatu y'ibikorwa (2019-2020, 2020-2021, 2021-2022), Inzego n'Ibigo birebwa na Politiki y'Igihugu yo kurwanya ruswa byatanze raporo z'ibikorwa nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

**Imbonerahamwe n° 26: Ikigereranyo cy'uko Inzego/Ibigo byatanze raporo mu gihe cy'imyaka itatu**

| N° | Urwego/Ikigo | Raporo zatanzwe mu mwaka wa 2019-2020 | Raporo zatanzwe mu mwaka wa 2020-2021 | Raporo zatanzwe mu mwaka wa 2021-2022 |
|---|---|---|---|---|
| 1. | Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi | 4 | 4 | 4 |
| 2. | Minisiteri y'Ubutabera | 4 | 4 | 4 |
| 3. | Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo | 4 | 4 | 4 |
| 4. | Minisiteri y'Uburezi | 0 | 1 | 4 |
| 5. | Urwego rw'Igihugu rushinzwe Abagororwa | 4 | 2 | 2 |
| 6. | Ihuriro ry'Imiryango itari iya Leta | 4 | 0 | 4 |
| 7. | Urugaga rw'Abikorera | 2 | 4 | 4 |

Imbonerahamwe iri haruguru iragaragaza ko Inzego n'Ibigo byitabiriye gutanga raporo nk'uko bisabwa. Ibikorwa byakozwe bikaba byaragize uruhare mu gukumira no kurwanya ruswa.

#### 1.2.3.3. Ibikorwa by'Inama Ngishwanama yo Kurwanya Akarengane na Ruswa ku rwego rw'Igihugu

Urwego rw'Umuvunyi rwahawe inshingano yo gukurikirana imikorere y'Inama Ngishwanama zo kurwanya akarengane na ruswa kuva ku rwego rw'Igihugu kugera ku rwego rw'Akagari.

Mu mwaka w'ibikorwa wa 2021-2022, Inama Ngishwanama yo kurwanya Akarengane na Ruswa ku rwego rw'Igihugu yarateranye ku wa 18 Ukwakira 2021, ku wa 17 Ukuboza 2021 no ku wa 27 Mata 2022, izo nama zibanze ku gusuzuma imitungo ya Leta idakoreshwa (*Idle Assets*) no kureba uburyo yakoreshwa. Itsinda Tekinike ry'Abakozi baturuka mu Nzego zigize Inama Ngishwanama yo Kurwanya Akarengane na Ruswa, ryahawe inshingano yo gusuzuma imitungo ya Leta yose idakoreshwa (Idle assets), gutanga inama y'icyo iyo mitungo yakoreshwa n'icyakorwa kugira ngo hakumirwe ko hazongera kubaho iyo mitungo idakoreshwa. Iki gikorwa cyabereye mu mirenge 255 y'Uturere twose tugize Igihugu.

Hasuwe imitungo 1.443, hagaragaramo 601 idakoreshwa nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

**Imbonerahamwe n° 27: Imitungo yasuwe n'idakoreshwa**

| N° | Icyiciro | Umubare w'imitungo yasuwe | Umubare w'imitungo idakoreshwa |
|---|---|---|---|
| 1. | Inzego z'Ibanze | 863 | 326 |
| 2. | Uburezi | 118 | 61 |
| 3. | Ibikorwaremezo[2] | 120 | 58 |
| 4. | Ubuhinzi n'Ubworozi | 123 | 48 |
| 5. | Urwego rw'Ubutabera | 75 | 36 |
| 6. | Urwego rw'Ubuzima | 76 | 35 |
| 7. | Ubucuruzi n'Ishoramari | 24 | 19 |
| 8. | Polisi (Poste za polisi) | 44 | 18 |
| **Igiteranyo** | | **1.443** | **601** |

Imbonerahamwe iri haruguru iragaragaza ko mu mitungo 1.443 yasuwe, 601 idakoreshwa, 748 ikoreshwa naho 94 ikaba igomba gukurwaho. Mu mitungo igaragara ko idakoreshwa, imyinshi ni iyo mu Nzego z'Ibanze irimo ibyahoze ari ibiro bya Perefegitura, Superefegitura, amacumbi ya burugumesitiri, amazu ya Ikigo Gihugura Abaturage (IGA), amazu y'amacumbi ya ba veterineri n'abagoronome n'ibindi.

Nyuma y'iki gikorwa hatanzwe imyanzuro-nama ikurikira:

[2] Ibikorwaremezo birimo Uruganda rutanga amashanyarazi akomoka kuri nyiramugengeri (peat) rwa Gishoma, Ibigega bya *Essence* bya Huye, Stade ya Cyasemakamba n'iya Muhanga, inyubako za NIRDA, amazu yari yarashyikirijwe RHA ngo iyacunge n'ibindi.

**Inzego n'Ibigo bya Leta bikwiye:**

1. Kunoza igenamigambi n'imicungire y'umutungo mu gihe cy'ivugurura ry'inzego n'ibigo bya Leta;
2. Kongera ubufatanye bw'Inzego n'Ibigo bya Leta mu micungire n'imikoreshereze y'umutungo wa Leta;
3. Kubahiriza amategeko n'amabwiriza ajyanye no gucunga umutungo wa Leta;
4. Kongera ubufatanye n'Inzego zibifite mu nshingano zikagishwa inama ku buryo buhoraho ari zo Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi, Minisiteri y'Ibikorwa Remezo, Minisiteri y'Ibidukikije, Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imiturire, Ikigo cy'Igihugu gishinzwe amasoko ya Leta, Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubutaka n'izindi, zigatanga ubumenyi n'ubushobozi mu micungire y'umutungo wa Leta.
5. Kujya habazwa Ubuyobozi bucunga umutungo wa Leta bwatumye umutungo udakoreshwa (*accountability*);
6. Gushyira mu bikorwa imyanzuro-nama y'Inama Ngishwanama yo kurwanya akarengane na ruswa ku rwego rw'Igihugu.

Hatanzwe kandi imyanzuro-nama y'umwihariko ikurikira:

**Minisiteri y'Ibikorwa Remezo (MININFRA) ikwiye:**

Gufata ingamba zikwiye kugira ngo umutungo wa Leta ucungwe neza kandi uhuze ibyifuzo by'abaturage nk'Urugomero rw'amashanyarazi aturuka kuri nyiramugengeri (peat) rwa Gishoma, uruganda rutunganya amazi rwa Gahengeri-Gicumbi, Biogaz zidakora nka biyogazi ya SOPEM mu Karere ka Nyagatare, ibiraro by'imodoka (Ntoma-Nyagatare, Gatore-Kirehe, Bugarama-Rusizi…).

**Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi (MINECOFIN) ikwiye:**

Gusuzuma ko Inzego zose za Leta zubahiriza amategeko n'amabwiriza ajyanye no gucunga umutungo wa Leta, nk'uko biteganywa n'Itegeko Ngenga n° 12/2013/OL ryo ku wa 12/09/2013 ryerekeye imari n'umutungo wa Leta.

**Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda (MINICOM) ikwiye:**

1. Gufata ingamba zinoze kugira ngo umutungo wa Leta ugenewe ubucuruzi ukoreshwe neza, nk'amasoko yambukiranya imipaka (Burera, Kanyaru, Rusumo, Kibuye);
2. Kumenya neza ko inganda zitunganya ibihingwa bikomoka ku buhinzi zitanga umusaruro nk'Uruganda rw'imyumbati rwa Ngororero, Uruganda rutunganya inanasi rwa Kigembe-Gisagara, Uruganda rutunganya inanasi rwa Kabagari-Ruhango, Ikigo cyegeranya inanasi cya Sake-Ngoma n'Uruganda rw'ibihwagari rwa Gicumbi.

**Minisiteri y'Ubuzima (MINISANTE) ikwiye**:

Kugena uburyo bwiza butuma abikorera bakoresha postes z'ubuzima (*Health posts*), ibikoresho by'ubuvuzi bidakoreshwa mu Bitaro nka Kibagabaga na Masaka, ibikoresho byo gupima amazi, ibyo gutwika bigomba gukoreshwa neza.

**Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC) ikwiye:**

1. Gucunga neza amazu adakoreshwa nk'ahahoze hari Perefegitura na *Sous-Préfectures* zidakora;
2. Amazu yahoze atuyemo ba *Bourgmestres* akaba arimo abakozi b'Akarere agomba kwishyurwa amafaranga y'ubukode akwiye n'izindi nyubako zidakoreshwa ziri ahahoze amakomine nka IGA zikabungabungwa neza kandi zigakoreshwa;
3. Kubungabunga neza amazu yo guturamo n'ibiro by'abahoze ari abaveterineri n'abagoronome kandi agakoreshwa;

4. Gucunga neza amazu yo guturamo yari agenewe abandi bakozi bahoze ari aba Komini kandi agakoreshwa.

**Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi ikwiye:**

1. Kugena uburyo amazu adakoreshwa y'imishinga yakoreshwa cyangwa agahabwa izindi Nzego nk'inyubako zahoze ari iza BGM (Bugesera-Gisaka-Migongo), PAPSTA (Umushinga wo gushyigikira gahunda y'ingamba zo guhindura ubuhinzi), umushinga wa GBK (Gishwati-Butare-Kigali), *Projet Suisse, Projet d'Intensification de la Production Vivrière* Karago- Giciye- Satinsyi-Kibirira (IPV), *Projet Maïs des Birunga* (PMB),…;
2. Kumenya neza ko ubuhunikiro n'ubwanikiro (post-harvest facilities), amakusanyirizo y'amata (MCC) n'imishinga y'ubworozi bw'amatungo magufi yari igenewe urubyiruko bitanga umusaruro.

**Minisiteri y'Ibidukikije (MoE) ikwiye:**

Gusuzuma ko ubutaka bwa Leta bucunzwe neza, bwanditswe kandi bugomba kurindwa kwigabirwa n'abaturage no kugaruza ubutaka bwatwawe nk'ubutaka buri mu Karere ka Huye, Umurenge wa Kigoma-, uburi mu Karere ka Rusizi, Umurenge wa Bugarama n'uburi mu Karere ka Ngoma, Umurenge wa Murama.

**Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC)/ Kaminuza y'u Rwanda (UR) bikwiye:**

Gusuzuma ko inyubako zose z'icyahoze ari Kaminuza Nkuru y'u Rwanda (UNR) ziherereye mu Karere ka Huye n'ibiro bya Nyagatare zikoreshwa.

**MINEDUC ikwiye:**

Kwihutisha amahugurwa yerekeye gukoresha ibikoresho by'ishuri bidakoreshwa nka *Content access points, Pianos and Laptops.*

**Ikigo cy'u Rwanda gishinzwe guteza imbere imiturire (RHA) gikwiye**:

1. Kwihutisha kubarura (*database*) umutungo wose wa Leta (umutungo utimukanwa n'uwimukanwa) no kugena icyo umutungo wakora ku mitungo idakoreshwa;
2. Kugena abagenagaciro bakabarura imitungo ya Leta, cyane cyane umutungo wa Leta wagaragaye ko udakoreshwa (*idle assets*).

**Ikigo cy'Ubwiteganyirize mu Rwanda (RSSB) gikwiye:**

1. Kwihutisha itangwa ry' uruhushya ku bikorera bashaka gukoresha health posts;
2. Kwihutisha kwishyura inyemezabuguzi zishyuza serivisi abikorera baba bahaye abanyamuryango ba RSSB.

**Ikigo cy' Igihugu gishinzwe guteza imbere ubuhinzi n'ubworozi mu Rwanda (RAB) gikwiye:**

Gukora uburyo ibikorwa remezo byose bidakoreshwa byatanga umusaruro nka Mahama *Water Dyke*, kantine kuri RAB Rubona, inyubako zidakoreshwa mu Turere twa Karongi na Rutsiro.

**Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere iyoherezwa mu mahanga ry'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi (NAEB) gikwiye:**

1. Kugena uburyo ibyumba bikonjesha (*cold rooms*) bidakora byakoreshwa kandi n'ibikora ku kigero gito bigatanga umusaruro;
2. Kugena uko ibikorwa remezo bidakoreshwa byatanga umusaruro.

**Urugero:** Ahahoze ari Gereza ya Gisovu.

**Ikigo cy'Igihugu cy'Ubushakashatsi n'Iterambere mu byerekeye I inganda (NIRDA) gikwiye:**

Gusuzuma ko ibikorwa remezo byose bidakoreshwa byagenerwa icyo bikora nk'Ibiro bya NIRDA bidakorerwamo biherereye i Huye, Laboratoire ikoreshwa ku kigero gito, isomero ridakoreshwa, ububiko (*store*), inzu y'abashyitsi (*guest house*), amazu yo guturamo, *repellent plant, hand sanitizer plant and Ethanol processing machine* bidakoreshwa.

Iyi myanzuro-nama ireba Inzego n'Ibigo yashyikirijwe Inama Ngishwanama ku rwego rw'Igihugu mu nama yo ku wa 27 Mata 2022, hemezwa imyanzuro ikurikira:

1. Buri rwego rurebwa n'ishyirwa mu bikorwa rugomba kugaragaza implementation plan ku birureba;
2. Minisiteri y'Ibikorwa Remezo n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe imyubakire bagomba kwihutisha database izagaragaza imitungo yose ya Leta idakoreshwa;
3. Inzego zose mbere yo gutangiza imishinga zigomba kuzajya zibanza kugisha inama Minisiteri zifite mu nshingano ibijyanye n'iyo mishinga kugira ngo hirindwe imishinga Leta itangaho amafaranga ariko ntikoreshwe;
4. Abagaragaweho guteza Leta igihombo bakwiye gukurikiranwa.

### 1.2.3.4. Akanama ka Tekiniki k'Inama Ngishwanama yo Kurwanya akarengane na ruswa

Akanama ka Tekiniki kagizwe n'Abatekinisiye baturuka mu Nzego zigize Inama Ngishwanama yo kurwanya akarengane na ruswa ku rwego rw'Igihugu. Mu mwaka w'ibikorwa wa 2021-2022, inama z'Akanama ka Tekiniki zarateranye ku wa 28 Ukwakira 2021, ku wa 5 Ukuboza 2021 no ku wa 26 Mutarama 2022, karebera hamwe imitungo ya Leta idakoreshwa, gasura imitungo ya Leta idakoreshwa gakora raporo igaragaza inama ku cyakorwa kuri iyo mitungo.

Ibi byakozwe mu rwego rwo gutegura inama z'Inama Ngishwanama yo kurwanya akarengane na ruswa ku rwego rw'Igihugu, kakaba karaganiriye mbere yo kohererereza ibyavuyemo Inama Ngishwanama ku rwego rw'Igihugu ngo ibifateho imyanzuro.

#### 1.2.3.5. Inama Ngishwanama yo kurwanya akarengane na ruswa ku rwego rw'Akarere (DACACI)

Inama Ngishwanama zo kurwanya akarengane na ruswa ku rwego rw'Akarere zisabwa gutanga raporo z'ibikorwa byazo buri gihembwe. Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza uburyo DACACI zatanze raporo mu mwaka wa 2021-2022.

**Imbonerahamwe n$^{o}$ 28: Uko Inama Ngishwanama zatanze raporo**

| Umubare wa raporo zatanzwe | Umubare w'Uturere | Amazina y'Uturere |
|---|---|---|
| 4 | 18 | Rwamagana, Kirehe, Rubavu, Karongi, Ngororero, Kamonyi, Ruhango, Nyanza, Muhanga, Huye, Nyamagabe, Nyaruguru, Burera, Gicumbi, Rulindo, Musanze, Nyarugenge na Kicukiro |
| 3 | 3 | Gatsibo, Rusizi, Gisagara |
| 2 | 5 | Bugesera, Nyabihu, Nyamasheke, Gakenke, Gasabo |
| 1 | 4 | Kayonza, Nyagatare, Ngoma, Rutsiro |

Imbonerahamwe iri haruguru igaragaza ko muri DACACI 30, izatanze raporo z'ibihembwe byose ni 18, izitanga raporo z'ibihembwe 3 ni 3, izitanga raporo z'ibihembwe 2 ni 5 n'izindi 4 zitanga raporo y'igihembwe kimwe.

N'ubwo Urwego rw'Umuvunyi rwibutsa ku buryo buhoraho Uturere, haracyagaragara Inama Ngishwanama zigifite intege nke mu gutanga raporo, zikaba zikwiye kwikubita agashyi kugira ngo ibikorwa zakoze bimenyekane n'aho zifite intege nke zibashe gufashwa.

Raporo zavuzwe haruguru zikubiyemo ibikorwa by'Inama Ngishwanama yo kurwanya akarengane na ruswa ku rwego rw'Akarere nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

**Imbonerahamwe n$^{o}$ 29: Ibikorwa byakozwe n'Inama Ngishwanama zo kurwanya akarengane na ruswa ku rwego rw'Akarere**

| Ibikorwa byakozwe | DACACI zabikoze/ Uturere |
|---|---|
| Ubukangurambaga bwo gukumira no kurwanya akarengane na ruswa ku byiciro bitandukanye by'abaturarwanda harimo urubyiruko rwo mu mashuri, abaturage mu nteko z'abaturage | 1. **Intara y'Amajyepfo**: Huye, Kamonyi, Muhanga, Nyanza, Nyaruguru;<br>2. **Intara y'Amajyaruguru**: Burera, Gakenke, Gicumbi, Musanze, Rulindo;<br>3. **Intara y'Iburengerazuba**: Ngororero, Rubavu, Rusizi;<br>4. **Intara y'Iburasirazuba**: Bugesera, Gatsibo, Kirehe, Ngoma, Nyagatare, Rwamagana;<br>5. **Umujyi wa Kigali**: Nyarugenge. |
| Gukurikirana no gukemura ibibazo by'akarengane | 1. **Intara y'Amajyepfo:** Gisagara, Huye, Kamonyi, Muhanga, Nyanza, Nyaruguru,<br>2. **Intara y'Amajyaruguru:** Burera, Gicumbi, Gakenke, Musanze, Rulindo;<br>3. **Intara y'Iburengerazuba:** |

| Ibikorwa byakozwe | DACACI zabikoze/ Uturere |
|---|---|
| | Karongi, Ngororero, Nyabihu, Rubavu, Rusizi;<br>4. **Intara y'Iburasirazuba:** Bugesera, Gatsibo, Kirehe, Ngoma, Rwamagana;<br>5. **Umujyi wa Kigali:** Gasabo, Nyarugenge**.** |
| Isuzumamikorere y'Inama Ngishwanama zo kurwanya akarengane na ruswa ku rwego rw'Imirenge | Kicukiro, Nyarugenge. |
| Gushyiraho clubs zo kurwanya ruswa mu mashuri yisumbuye | Gakenke, Huye. |
| Gushishikariza inzego zikorera mu Karere gutanga serivisi zinoze kandi ku gihe | Ruhango |
| Guhugura abakozi bashinzwe gutanga serivisi | Gisagara, Muhanga, Ruhango, Kicukiro, Nyarugenge |
| Kugenzura uko serivisi zitangwa | Karongi, Bugesera, Kayonza, Gakenke, Gasabo |
| Kurebera hamwe uko akarengane na ruswa bihagaze mu Karere | Nyamagabe, Nyaruguru, Bugesera, Rubavu, Nyabihu, Gakenke, Gasabo, Nyarugenge. |
| Gukurikirana imikorere y'Inama Ngishwanama zo kurwanya akarengane na ruswa ku rwego rw'Imirenge | Kamonyi, Nyanza, Bugesera, Kirehe, Ngoma, Nyagatare, Rwamagana, Karongi, Nyamasheke, Rusizi, Musanze, Kicukiro Nyarugenge. |
| Gushyiraho ingamba zo kurwanya ruswa | Gatsibo, Ngoma, Rwamagana, Nyamagabe, Nyaruguru. |
| Ubukangurambaga ku | Gisagara, Nyanza, Gakenke, Rusizi. |

| **Ibikorwa byakozwe** | **DACACI zabikoze/ Uturere** |
|---|---|
| Itegeko ryo kurwanya ruswa | |
| Kurangiza Imanza zaciwe n'Inkiko Gacaca | Huye, Musanze, Ngororero, Rulindo. |
| Kurangiza imanza zaciwe n'Inkiko zisanzwe | Nyamagabe, Rutsiro, Musanze. |
| Ibiganiro kuri Radiyo na Televiziyo | Karongi, Rubavu, Rusizi, Bugesera, Nyagatare, Rwamagana, Gakenke, Musanze, Nyarugenge. |
| Gutegura no gukora ibikorwa mu Cyumweru cyo kurwanya ruswa | 1. **Intara y'Amajyepfo:** Gisagara, Huye, Kamonyi, Muhanga, Nyanza, Nyaruguru;<br>2. **Intara y'Amajyaruguru:** Gakenke, Gicumbi, Musanze;<br>3. **Intara y'Iburengerazuba:** Karongi, Ngororero, Nyamasheke, Rubavu, Rusizi;<br>4. **Intara y'Iburasirazuba:** Bugesera, Gatsibo, Nyagatare, Rwamagana;<br>5. **Umujyi wa Kigali:** Kicukiro, Nyarugenge**.** |

Ibi bikorwa hamwe n'ibindi byinshi byakozwe na DACACI byibanze ku bukangurambaga ku gukumira no kurwanya akarengane na ruswa, gukemura ibibazo by'abaturage birimo kurangiza imanza zaciwe n'Inkiko Gacaca n'Inkiko zisanzwe, gusuzuma no gukurikirana imikorere y'Inama Ngishwanama zo kurwanya akarengane na ruswa ku rwego rw'Imirenge.

Ibi bikorwa kandi byagiye bikorwa n'Inama Ngishwanama zo kurwanya akarengane na ruswa ku rwego rw'akarere bikaba byarafashije mu kuzamura imyumvire mu byiciro bitandukanye ku gukumira no

kurwanya akarengane na ruswa ndetse bikaba bitanga icyizere cy'uruhare rwabo mu gukumira no kurwanya akarengane na ruswa.

Mu myaka itatu y'ibikorwa (2019-2020, 2020-2021, 2021-2022), Inama Ngishwanama ku rwego rw'Akarere zatanze raporo z'ibikorwa nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

**Imbonerahamwe n° 30: Ikigereranyo cy'uko raporo zatanzwe mu gihe cy'imyaka itatu**

| N° | Intara | Akarere | Umubare wa raporo zatanzwe mu mwaka wa 2019-2020 | Umubare wa raporo zatanzwe mu mwaka wa 2020-2021 | Umubare wa raporo zatanzwe mu mwaka wa 2021-2022 |
|---|---|---|---|---|---|
| 1. | Iburasirazuba | Bugesera | 4 | 2 | 2 |
| 2. | | Rwamagana | 4 | 4 | 4 |
| 3. | | Kayonza | 4 | 2 | 1 |
| 4. | | Gatsibo | 4 | 0 | 3 |
| 5. | | Nyagatare | 4 | 3 | 1 |
| 6. | | Ngoma | 1 | 2 | 2 |
| 7. | | Kirehe | 4 | 0 | 4 |
| 8. | Iburengerazuba | Nyabihu | 1 | 2 | 2 |
| 9. | | Rubavu | 4 | 2 | 4 |
| 10. | | Ngororero | 4 | 3 | 4 |
| 11. | | Karongi | 4 | 3 | 4 |
| 12. | | Rutsiro | 4 | 0 | 1 |
| 13. | | Nyamasheke | 4 | 2 | 2 |
| 14. | | Rusizi | 4 | 2 | 3 |
| 15. | Amajyepfo | Kamonyi | 4 | 2 | 4 |
| 16. | | Muhanga | 4 | 3 | 4 |
| 17. | | Ruhango | 2 | 3 | 4 |
| 18. | | Nyanza | 3 | 4 | 4 |
| 19. | | Huye | 4 | 4 | 4 |
| 20. | | Gisagara | 2 | 4 | 3 |

| N° | Intara | Akarere | Umubare wa raporo zatanzwe mu mwaka wa 2019-2020 | Umubare wa raporo zatanzwe mu mwaka wa 2020-2021 | Umubare wa raporo zatanzwe mu mwaka wa 2021-2022 |
|---|---|---|---|---|---|
| 21. | | Nyamagabe | 2 | 3 | 4 |
| 22. | | Nyaruguru | 4 | 3 | 4 |
| 23. | Amajyaruguru | Gicumbi | 4 | 4 | 4 |
| 24. | | Rulindo | 4 | 2 | 4 |
| 25. | | Gakenke | 1 | 1 | 2 |
| 26. | | Musanze | 0 | 0 | 4 |
| 27. | | Burera | 4 | 0 | 4 |
| 28. | Umujyi wa Kigali | Gasabo | 4 | 3 | 2 |
| 29. | | Nyarugenge | 4 | 0 | 4 |
| 30. | | Kicukiro | 4 | 2 | 4 |

Imbonerahamwe iri haruguru iragaragaza ko mu mwaka wa 2019-2020, Uturere twatanze raporo z'ibihembwe byose ari 22, muri 2020-2021 ari 5 naho muri 2021-2022 tukaba 18. Ibikorwa by'Inama Ngishwanama byo mu mwaka wa 2020-2021 byabaye bike kubera ko guhuza inama z'abantu benshi bitashobokaga ku mpamvu zo gukumira ikwirakwizwa rya COVID-19. Icyakora aho zisubiriye guterana zafashije mu gukumira no kurwanya akarengane na ruswa no gushyira mu bikorwa ingamba zo kurwanya akarengane na ruswa.

#### 1.2.3.6. Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ingingo ya 3 y'Itegeko no 54/2018 ryo ku wa 13/08/2018 ryerekeye kurwanya ruswa

Ingingo ya 3 y' Itegeko n° 54/2018 ryo ku wa 13/08/2018 ryerekeye kurwanya ruswa iteganya ko buri rwego rwa Leta, urw'Abikorera, urwa Sosiyete Sivile cyangwa umuryango mpuzamahanga ukorera mu Rwanda, rugomba gushyira mu bikorwa uburyo bwo gukumira ruswa no kureba ko nta bikorwa bya ruswa biri mu mikorere yabyo; iyi ngingo iha

kandi Urwego rw'Umuvunyi inshingano yo gukurikirana uko bishyirwa mu bikorwa.

Ni muri urwo rwego, Urwego rw'Umuvunyi rwoherereje Inzego za Leta, iz'Abikorera na Sosiyete Sivile imirongo migari yo gukumira ruswa muri buri rwego hanasabwa gushyiraho komite zo kurwanya ruswa. Muri uyu mwaka Inzego 377 zashyize mu bikorwa iyo mirongo migari, zishyiraho Komite zo kurwanya ruswa, zihugurwa n'Urwego rw'Umuvunyi.

Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza Inzego n'Ibigo byashyizeho Komite zo kurwanya ruswa.

**Imbonerahamwe n° 31: Inzego n'Ibigo byashyizeho Komite zo kurwanya ruswa**

| N° | Icyiciro | Inzego n'Ibigo |
|---|---|---|
| 1. | **Inteko** | 1. Inteko Ishinga amategeko/Umutwe wa Sena<br>2. Inteko Ishinga amategeko/Umutwe w'Abadepite |
| 2. | **Minisiteri** | 3. Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo (MIFOTRA)<br>4. Minisiteri Ishinzwe Ibikorwa by'Ubutabazi (MINEMA)<br>5. Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI)<br>6. Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane (MINAFFET) |
| 3. | **Intara** | 7. Intara y'Amajyaruguru<br>8. Intara y'Iburasirazuba |
| 4. | **Inzego/ Ibigo** | 9. Urwego rw'Umuvunyi |

| Nº | Icyiciro | Inzego n'Ibigo |
|---|---|---|
| | **bya Leta** | 10. National Bank of Rwanda (BNR)<br>11. Rwanda Energy Group (REG)<br>12. Rwanda Forensic Laboratory (RFL)<br>13. Rwanda Biomedical Center (RBC)<br>14. Road Maintenance Fund (RMF)<br>15. Rwanda Cooperation<br>16. Special Guarantee Fund (SGF)<br>17. Rwanda Polytechnic (RP)<br>18. National Electoral Commission (NEC)<br>19. Rwanda Mines Petroleum and Gas Board (RMB)<br>20. National Agriculture Export Board (NAEB)<br>21. Rwanda Inspectorate, Competition and Consumer Protection Authority (RICA)<br>22. National Public Service Commission (NPSC)<br>23. Agaciro Development Fund (ADF)<br>24. Rwanda Governance Board (RGB)<br>25. Rwanda Correctional Service (RCS)/Gereza 13<br>26. Rwanda Water Resource Board (RWB)<br>27. Integrated Polytechnic Regional College Gishari |

| Nº | Icyiciro | Inzego n'Ibigo |
|---|---|---|
| | | (IPRC Gishari)<br>28. Rwanda Standards Board (RSB)<br>29. Rwanda Agriculture Board (RAB)/ RAB Musanze<br>30. Rwanda Cooperative Agency (RCA)<br>31. Rwanda Revenue Authority (RRA)<br>32. Development Bank of Rwanda (BRD)<br>33. SONARWA LIFE<br>34. Umwalimu SACCO<br>35. Business Development Fund (BDF)<br>36. Rwanda TVET Board (RTB)<br>**37.** Gender Monitoring Office (GMO) |
| 5. | **Ibitaro/ Ibigo Nderabuzima** | 38. Ibitaro bya Gatunda n'Ibigo Nderabuzima 8 bibishamikiyeho<br>39. Ibitaro bya Rwamagana n'Ibigo Nderabuzima 15 bibishamikiyeho<br>40. Ibitaro bya Kibirizi n'Ibigo Nderabuzima 9 bibishamikiyeho<br>41. Ibitaro bya Kirehe n'Ibigo Nderabuzima 17 bibishamikiyeho<br>42. Ibigo Nderabuzima 11 bikorera mu Karere ka |

| Nº | Icyiciro | Inzego n'Ibigo |
|---|---|---|
| | | Nyarugenge |
| 6. | **Ibigo by'Amashuri** | 43. Ibigo by'amashuri 77 bikorera mu Karere ka Nyarugenge |
| 7. | **Ibigo by'abikorera** | 44. Energy Production Rwanda Limited (EPR Ltd)<br>45. Rwanda Horticulture Interprofessional Organisation (RHIO) |

Inzego zose zashyizeho Komite zo kurwanya ruswa ni **377** zirimo, Inteko Ishinga Amategeko Imitwe yombi, Minisiteri 4, Ibigo/Inzego bya Leta 29 n'Inzego 14 zibishamikiyeho, Intara 2, Uturere 13 n'imirenge 170, Ibitaro 4 n'ibigo Nderabuzima 60, amashuri 77 n'Ibigo by'Abikorera 2 .

## 2. KUGIRA INAMA INZEGO ZA LETA N'IZ'ABIKORERA KUGIRA NGO IMIKORERE YAZO IRUSHEHO KUNOGERA ABATURAGE

Mu kurangiza inshingano yo gukumira no kurwanya akarengane na ruswa, no kugira inama Inzego hagamijwe kunoza politiki yazo yo gukumira no kurwanya ruswa, Urwego rw'Umuvunyi rukora igenzura ku mikorere y'Inzego no ku ishyirwa mu bikorwa rya gahunda za Leta hagamijwe kureba niba nta byuho bya ruswa cyangwa akarengane hagatangwa inama zigamije kunoza imikorere.

## 2.1. IGENZURA KU MIKORERE Y'INZEGO NO KU ISHYIRWA MU BIKORWA RYA GAHUNDA ZA LETA

Muri uyu mwaka wa 2021-2022, hakozwe igenzura rya Gahunda yo kubaka amashuri, umushinga wo guteza imbere umukamo w'amata mu Rwanda (RDDP-*Rwanda Dairy Development Project*) by'umwihariko ibijyanye n'amakusanyirizo y'amata (*Milk Collection Centres/MCCs*) n'Ibigo Nderabuzima 2 (Ikigo Nderabuzima cya Muhoza kiri mu Karere ka Musanze n'Ikigo Nderabuzima cya Karengera kiri mu Karere ka Nyamasheke).

### 2.1.1. Igenzura rya Gahunda y'imyubakire y'amashuri igamije kugabanya ubucucike mu ishuri

Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa Icyerekezo 2020 n'icya 2050, cyane cyane ku birebana no kubaka ubukungu bushingiye ku bumenyi, Leta y'u Rwanda yashyize ingufu mu burezi guhera mu mwaka wa 2009 hatangizwa igikorwa cyo kwihutisha gahunda y'uburezi kuri bose; hashyizweho ingamba zo kubaka ibyumba by'amashuri bishya, gusana no kwagura amashuri asanzwe hakoreshejwe uburyo budasanzwe bwo guhuriza hamwe imbaraga z'ababyeyi, iz'Inzego z'Ibanze, iz'Umutekano n'iz'abandi bafatanyabikorwa mu burezi mu rwego rwo kugabanya ubucucike mu mashuri n'ingendo ndende abana bakora bajya cyangwa bava ku ishuri.

Hashingiwe ku bibazo byakiriwe muri Gahunda yo gukumira no kurwanya akarengane mu Turere no ku makuru yerekeye ruswa yakiriwe, Urwego rw'Umuvunyi rwakoze igenzura ry'iyo gahunda yo kubaka amashuri, hasurwa MINEDUC, Umujyi wa Kigali n'Uturere 2 twawo (Kicukiro na Gasabo) n'utundi Turere 8 two mu Ntara zose ari two: Rusizi, Ngororero, Nyamagabe, Gisagara, Musanze, Gicumbi, Nyagatare na Kirehe. Muri utwo Turere hasuwe amashuri 52 yo mu Mirenge 43.

Byagaragaye ko igikorwa cyo kubaka amashuri cyakorewe mu Turere 30 guhera 2019-2020 kugeza 2020-2021, ku nkunga ya Banki y'Isi n'ingengo y'imari isanzwe ya Leta; hubakwa ibyumba by'amashuri 22.391 kuri 22.505 byari biteganyijwe. Hubatswe kandi ubwiherero 31.932, *workshops* 81 mu mashuri ya TVET n'ibikoni 2.648 nk'uko byari biteganyijwe.

Iyi Gahunda yagabanyije ubucucike mu mashuri n'ingendo ndende abana bakoraga bajya cyangwa bava ku ishuri, yatumye abana bagaburirwa ku ishuri mu buryo bworoshye, haboneka ibyumba by'inyongera by'imyuga, korohereza abana bafite ubumuga mu myigire bikaba bizamura ireme ry'uburezi muri rusange.

Icyakora, hagaragaye imikorere itanoze mu ishyirwa mu bikorwa ry'iyi gahunda mu buryo bukurikira:

1. Amabwiriza yatanzwe na MINEDUC anyuranye n'ibiteganywa n'Itegeko rigenga amasoko ya Leta: MINEDUC yatanze amabwiriza asaba Uturere gukoresha ba Rwiyemezamirimo basanzwe bakorera mu Turere. Aya mabwiriza yasimbuye ibiteganywa n'itegeko rigenga amasoko ya Leta kuko habayeho guheza abandi mu gupiganira amasoko binatera kandi igongana ry'inyungu (*conflict of interes*t) mu Turere tumwe na tumwe;
2. Amasoko yatanzwe ku rwego rw'Imirenge mu buryo butubahirije amategeko agenga amasoko n'amabwiriza ya Banki y'Isi nk'umufatanyabikorwa mu myubakire y'amashuri avuga ko hakurikizwa amategeko agenga amasoko ya Leta mu gushaka ba rwiyemezamirimo.

**Ingero:**

a. Abajyanama ku rwego rw'Akarere bahawe amasoko yo gutanga ibikoresho by'ubwubatsi kandi binyuranyije n'ingingo ya 89 y'itegeko rigenga amasoko ya Leta ivuga ko Umujyanama mu

Karere atemerewe gupiganira amasoko mu Karere abereye umujyanama, ibi bikaba byarabaye mu turere twa Rusizi na Kirehe;

b. Mu Karere ka Gicumbi, Umurenge wa Rukomo ba Rwiyemezamirimo bahawe amasoko nta piganwa ribayeho.

3. Kuba harakoreshejwe ***Bill of Quantities*** imwe mu Gihugu hose, hadasuzumwe imiterere y'ahagomba kubakwa amashuri. Byatumye ingengo y'imari yari iteganyijwe itarangiza imirimo bitewe n'aho ibikoresho by'ubwubatsi bituruka ndetse hari n'ahasabwaga inkuta zifata amazi (Retaining wall) zitubatswe kubera ingengo y'imari idahagije.

**Ingero:** EP Curusi mu Murenge wa Gikonko, GS Zivu mu Murenge wa Musha, GS Rubona, EP Kigembe mu Murenge wa Kigembe byo mu Karere ka Gisagara, GS Sabaganga mu Murenge wa Gatenga mu Karere ka Kicukiro, GS Cyibumba mu murenge wa Nkanka mu Karere ka Rusizi, CS Bibungo mu Murenge wa Sovu, GS Kanogo mu Murenge wa Muhororo mu Karere ka Ngororero;

4. Amashuri yubatswe ahantu hashyira ubuzima bw'abanyeshuri mu kaga kuko hagaragara imanga ikabije, ruhurura (GS Sabaganga), hakiyongeraho ko aho ryubatse hatangiwe ingurane. Urundi rugero ruri muri GS Kinishya mu Murenge wa Nyankenke ishuri ryubatse hejuru y'isoko y'amazi atemba aca munsi y'umusingi (*foundation)* w'inyubako.



***GS Sabaganga mu Karere ka Kicukiro ahari umukingo ukabije ndetse iyo imvura iguye amazi n'ibyondo bimanukira mu ishuri***

5. Hari amashuri yubatswe kuri *site* nshya adafite ibibuga byo gukiniraho no gutera ubusitani bikaba binyuranyije n'imirongo ngenderwaho yo ku wa 07 Gicurasi 2020 yohererejwe Abayobozi bose b'Uturere mu gace ka C avuga ibigenderwaho mu gutoranya ahazubakwa amashuri.

**Ingero:** GS Sabaganga mu Murenge wa Gatenga, GS Gako mu Murenge wa Masaka byo muri Kicukiro na GS Kinishya mu Murenge wa Nyankenke muri Gicumbi.

6. Hari amashuri yubatswe ntihateganywa ibyumba abarimu bateguriramo amasomo n'aho ubuyobozi bw'ishuri bukorera nk'ibiro, ku buryo ibyumba byo kwigiramo byahinduwe ibiro n'ububiko bw'ibikoresho, bituma intego yo kugabanya ubucucike itagerwaho.

**Ingero:** GS Byangabo mu Murenge wa Busogo muri Musanze, GS Sabaganga mu Murenge wa Gatenga muri Kicukiro, EP Kagara mu Murenge wa Nkanka muri Rusizi, EP Kampongo mu Murenge wa Mahama muri Kirehe, EP Bamba mu Murenge wa Kaduha muri Nyamagabe.



***EP Bamba: Iki cyumba gikoreshwa nk'ibiro by'umuyobozi, icyumba cy'abarimu n'ububiko bw'ibikoresho***

7. Hari amashuri yasenywe n'ayangiritse nyuma y'igihe gito yubatswe bitewe n'impamvu zitandukanye zigaragara mu ngero zikurikira:

**Ingero:**

a. Kuri EP Sovu mu Murenge wa Mugano muri Nyamagabe hubatswe ubwiherero nyuma buza gusenywa bimaze kugaragara ko bwari bwubatse ku butaka budakomeye bushobora kuriduka;

b. Ibyumba 4 bya EP Sumba mu Murenge wa Gasaka muri Nyamagabe byavuyeho amabati bitewe n'aho ryubatswe ku gasongero k'umusozi ndetse no kuba igisenge kitari kiziritse mu

buryo bunoze, biturutse ku kuba ibikoresho byateganyirijwe gusakaza amashuri yubatswe ku nkunga ya Leta y'u Rwanda ari ibiti mu gihe ayo ku nkunga ya Banki y'Isi ari ibyuma. Byagaragaye ko ibisenge by'ubwo bwoko bwombi bidakomeye mu buryo bungana. Ibi byagaragaye kandi mu Karere ka Rusizi kuri EP Ntura Catholique mu Murenge wa Giheke ririho igisenge gihengamye bigaragara ko kizakomeza kugorama;

c. Kuri GS Byangabo hagaragaye ibyumba by'amashuri byatangiye kwangirika kuko inzugi n'amadirishya byacitse, bikaba bimaze gusudirwa incuro 6.



*Iyi foto igaragaza ishuri rya EP Sumba ryasenyutse nyuma y'igihe gito ryubatswe*




***GS Byangabo mu Karere Ka Musanze, Ubuyobozi bw'ishuri bwagaragaje ko rimaze gusudira inshuro zigera kuri 6***

8. Hari amashuri yari ataruzura igihe Urwego rw'Umuvunyi rwari mu gikorwa cy'igenzura.

**Ingero:** GS Ntora mu Murenge wa Gisozi muri Gasabo, St Vincent Palloti mu Murenge wa Gikondo muri Kicukiro, GS Busanza mu Murenge wa Kanombe muri Kicukiro; hari kandi ahagaragaye amashuri ataruzura ariko akaba yigirwamo nko muri GS Ruhuha mu Murenge wa Nyagatare mu Karere ka Nyagatare;

9. Kugeza igihe Urwego rw'Umuvunyi rwakoraga igenzura, hari ibyumba by'amashuri byari bitarashyirwamo intebe kugira ngo hagabanywe ubucucike bw'abanyeshuri;

**Ingero:** GS Cyibumba muri Rusizi.

10. Intebe zitujuje ibyasabwaga mu isoko kuko zidakomeye kandi zikaba zidasennye neza.

**Ingero:** GS Munyinya muri Gicumbi, GS Byangabo muri Musanze, GS Gikundamvura muri Nyagatare, GS St Vincent Palloti muri Kicukiro, GS Sabaganga, EP Karama muri Gisagara, etc.





***GS Byangabo /Musanze*** ***GS Sabaganga/Kicukiro***

11. Hagaragaye kwishyura amafaranga y'umurengera ku yari ateganyijwe mu masezerano y'isoko:

**Urugero:** Umujyi wa Kigali wishyuye rwiyemezamirimo amafaranga y'umurengera angana na 9.012.013 Frw hagendewe ku biciro biri mu masezerano avuguruye n$^{o}$3 (amendment n$^{o}$3) yashyizweho umukono n'impande zombi ku wa 14/07/2021 kandi ibikoresho byaragemuwe hagati y'itariki ya 30/06/2021 na 07/07/2021 mbere y'ivugururwa ry'ayo masezerano.

12. Hagaragaye ko mu masoko yatanzwe na MINEDUC, ingwate zo kurangiza imirimo neza zatanzwe zitubahirije amategeko agenga amasoko ya Leta n'amasezerano yasinywe.

**Urugero:** MINEDUC yasabye ingwate zo kurangiza imirimo neza nyuma yo gusinya amasezerano kuko yasinywe ku wa 17/6/2020 ariko ingwate itangwa ku wa 27/7/2020;

13. Hagaragaye kubura inyandiko zigaragaza uko ibikoresho byakirwa n'uko byasohotse mu bubiko:

**Ingero**:

a. Akarere ka Gicumbi kakiriye amabati ya 3.5 cm angana 4.127 n'amabati ya 2.00m angana na 1.544 ariko ntikagaragaje aho yasohokeye;

b. Ibikoresho byose byakoreshejwe hubakwa ishuri ribanza rya Kibande riherereye mu Murenge wa Mugano muri Nyamagabe ntabwo bigaragara aho byasohokeye mu bubiko bw'Akarere.

14. Hagaragaye ko ibikoresho byakiriwe mu mashuri ntibikoreshwe bikaba bitagaragara mu bubiko bw'amashuri.

**Ingero:**

a. Muri GS Rwinzovu muri Musanze ntabwo habonetse imifuka 100 ya sima;

b. Mu mashuri atandukanye ya Gicumbi ntabwo habonetse Fer à beton 60, sima 10, amabati 8 n'imisumari 4kg;

c. Muri EP Kamombo muri Kirehe ntabwo habonetse sima 45, Fer à beton 22 n'ibikombe by'irangi 8.

15. Hagaragaye ibikoresho byasigaye bidakoreshejwe bibitswe ahantu habi bikaba byatera kunyerezwa.

**Urugero**: Ibikoresho bibitswe mu nzu yahoze ari ibiro by'Akagari ka Gikundamvura mu Murenge wa Karama muri Nyagatare ishaje, idafungwa kandi nta muntu wo kubicunga uhari.



***Iyi nzu iherereye mu Karere ka Nyagatare mu Murenge wa Karama, ibitsemo ibikoresho byasigaye birimo amabati, sima na Fer à beton***

16. Hagaragaye ibura ry'ibikoresho byasohotse ariko ntibigere ku mashuri:

**Ingero:**

a. Sima 245 zarohamye mu Kiyaga cya Kivu zijya ku bigo by'amashuri bine (4) aribyo EP Nkombo Foundation, EP St Pierre Nkombo, GS Bugumira na GS Saint Jean Ishywa. Ubuyobozi bw'ibigo bwashyize umukono kuri *Delivery note* ya Polisi ko ibikoresho byo kubaka byakiriwe nyamara bikiri hakurya y'amazi nyuma bivugwa ko byarohamye;

b. Umukozi w'Akarere ka Gisagara yakuye imifuka 150 ya sima ku ishuri ribanza rya Save B avuga ko ijyanywe kuri EP Bukorota ariko ntiyagaragara ku ifishi y'ububiko bwaryo.

17. Hagaragaye kutubahiriza amabwiriza ya MINEDUC n'aya Banki y'Isi, abafundi n'abayede bahemberwaga kuri konti ya Rwiyemezamirimo aho guhemberwa kuri konti zabo, urutonde rwakozwe n'umutekenisiye wubakisha rutagenzuwe ko abishyurizwa bakoze.

**Urugero**: Umurenge wa Nyagatare na Rwempasha muri Nyagatare, Rukomo, Nyankenke, Nyamiyaga muri Gicumbi.

18. Hagaragaye ugutinda kwishyurwa kw'abafundi n'abayede bitewe n'uko amafaranga yari yashize;

**Urugero**: Umurenge wa Nyagatare na Rwempasha muri Nyagatare, Rukomo, Nyankenke, Nyamiyaga muri Gicumbi.

**Inama zatanzwe**:

**Minisiteri y'Uburezi ikwiye:**

1. kujya yubahiriza ibiteganywa n'amategeko agenga amasoko ya Leta, amabwiriza ntanyuranye n'ibiteganywa n'amategeko kuko uburyo bwiswe unconventional approach bwatumye ibiteganywa n'amategeko agenga amasoko ya Leta bitubahirizwa byongera ibyuho bya ruswa;
2. kujya ibanza gukora inyigo icukumbuye igendeye ku miterere y'ahantu hazubakwa mbere yo gutangira igikorwa cyo kubaka n'inzego zizayishyira mu bikorwa zikayigiramo uruhare;
3. gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'amategeko, amabwiriza n'imirongo ngenderwaho iba yatanzwe mu iyubakwa ry'amashuri;
4. gushakira umuti ikibazo cy'amashuri mashya adafite ibibuga by'imikino n'andi abifite ariko bikaba bidahagije;
5. kongera mu nyubako z'amashuri ahagenewe icyumba abarimu bateguriramo amasomo, ibiro by'ubuyobozi bw'ishuri n'ububiko bw'ibikoresho by'ishuri;

**Ministeri y'Uburezi n'Uturere bikwiye:**

Kugena uburyo n'ingengo y'imari bizafasha mu gusana amashuri n'ibikoresho bigenda byangirika kandi ikibazo cy'amashuri yubatse ahantu hashyira ubuzima bw'abana mu kaga kigashakirwa igisubizo mu buryo bwihuse.

**Uturere dukwiriye:**

1. gushyira mu myanya abarimu aho babura kugira ngo ibyumba by'amashuri byubatswe bikoreshwe;
2. gukurikirana ba rwiyemezamirimo bagemuye ibikoresho bidahuye n'amasezerano;
3. kubahiriza itegeko rigenga amasoko ya Leta no kwirinda ko abajyanama bo ku rwego rw'Akarere bapiganira amasoko yo mu Karere babereye abajyanama;
4. gushyiraho ingamba zihamye zo guhugura abakozi bo mu Mirenge n'amashuri ku bijyanye n'imitangire y'amasoko, gutegura amasezerano n'uburyo inyandiko z'amasoko zibikwa;

**Amashuri akwiye:**

1. kugaragaza ibikoresho bitakoreshejwe bikaba bitaragaragaye aho byagiye;
2. kubahiriza amabwiriza agenga imicungire y'ibikoresho, mu gihe cyose hubahirizwa ihame ryo kuzuza amafishi y'ububiko kugira ngo hagaragazwe imicungire n'imikoreshereze inoze y'ibikoresho.

Muri rusange igenzura ryagaragaje ko igikorwa cyo kubaka amashuri cyagezweho mu Gihugu hose kandi intego yo kugabanya ubucucike mu ishuri n'ingendo ndende abana bakora bajya banava ku ishuri igenda igerwaho. Hagaragaye kandi ibitagenda, hatanzwe imyanzuro-nama igamije gukosora ibitaragenze neza, abazihawe bibutswa ko n'ubw igikorwa cyaba cyihutirwa, gikwiye gukorwa hakurikizwa amabwiriza aba yatanzwe.

### 2.1.2. Igenzura ry'Umushinga wo guteza imbere umukamo w'amata mu Rwanda (RDDP)

Urwego rw'Umuvunyi rwakoze igenzura ku mushinga wo guteza imbere umukamo w'amata mu Rwanda (RDDP-*Rwanda Dairy Development Project*) by'umwihariko ku bijyanye n'amakusanyirizo y'amata (*Milk Collection Centres/MCCs*) ukorera mu Kigo cya RAB. Uwo mushinga ugamije gufasha amakusanyirizo y'amata ibijyanye no kurushaho

kuyatunganya kugira ngo bayacuruze afite ubuziranenge, kuyasanira inyubako akoreramo, guhugura abayacunga, gufasha aborozi kuzamura umukamo no kunoza ibikorwa amakusanyirizo akora harimo gukusanya, gutwara no gucuruza amata. Igenzura ryakozwe mu Turere 12 ari two Huye, Nyanza, Ruhango, Kayonza, Nyagatare, Rwamagana, Nyabihu, Rubavu, Rutsiro, Gicumbi, Musanze na Burera, hasurwa amakusanyirizo 30.

Muri rusange Umushinga wa RDDP watanze umusaruro mu guhindura imibereho ku miryango ikennye hitabwaho ibyiciro bigizwe n'abagore n'urubyiruko mu kunoza no guteza imbere ibijyanye no gutunganya amata mu gihe kirambye. Umushinga wafashije mu kongera umukamo, ubuziranenge bw'amata no kugira uruhare muri gahunda yo kugabanya igwingira ry'abana mu Gihugu.

Icyakora igenzura ryakozwe ryagaragaje ibitaragenze neza mu ishyirwa mu bikorwa ry'uyu mushinga by'umwihariho mu guteza imbere amakusanyirizo (MCCs) mu buryo bukurikira:

1. Imicungire itanoze y'amakoperative no kudakora ihererekanyabubasha ku Bayobozi bayo igihe basimburanye;
2. Imicungire y'amakusanyirizo itagira uyikurikiranira hafi kugira ngo ibibazo bivutse bikemuke mu buryo bukwiye;
3. Kutagira uburyo bunoze bwo kwishyuza ababereyemo koperative amadeni kugira ngo zirusheho kwiteza imbere;

**Ingero:** MCC Rusatira mu Karere ka Huye na MCC Byumba mu Karere ka Gicumbi;

4. Gutinda kwishyura abo amakusanyirizo abereyemo amadeni harimo no kwishyura inkunga y'umushinga, bityo ibi bikaba byatuma abo akorana nayo babatera icyizere;

**Ingero:** MCC Rusatira mu Karere ka Huye, MCC Shingiro mu Karere ka Musanze na MCC Muyira mu Karere ka Nyanza;

5. Umwanda uteye impungenge wagiye ugaragara hamwe mu makusanyirizo yasuwe;

**Urugero:** MCC Byumba mu Karere ka Gicumbi na MCC Muyira mu Karere ka Nyanza



***Ifoto yafatiwe muri MCC Byumba akaba ari icyumba cyagenewe kuba Laboratwari.***



***Ifoto yafatiwe muri MCC Muyira muri Nyanza.***

6. Kugurisha amata ku biciro bitandukanye kandi hari inyandiko igaragaza ibiciro bikwiye kubahirizwa aribyo amafaranga 200 frw kuri litiro ku mworozi ugejeje amata kw'ikusanyirizo ry'amata, ikusanyirizo ry'amata naryo rikayagurisha amafaranga 220 frw kuri litiro;

**Ingero:** MCC Mubuga muri Rutsiro bagura ku mafaranga 180 Frw bakagurisha kuri 200 Frw, MCC Mukarange muri Kayonza bagura ku mafaranga 250 Frw bakagurisha kuri 300 Frw, MCC Kigabiro muri Rwamagana bagura ku mafaranga 250 frw bakagurisha kuri 350 Frw;

7. Gucuruza amata adapimye agurishirizwa ahatemewe. Ibi byagaragaye muri MCCs zose zasuwe;

8. Kutagira Laboratwari zujuje ibiteganywa mu Iteka rya Minisitiri rijyanye no gukusanya, gutwara no gucuruza amata;

**Ingero:** MCC Umurava mu Karere ka Burera na MCC Nyamiyaga mu Karere ka Gicumbi.

9. Kuba MCCs zakira ingano y'amata make ugereranyije n'ubushobozi bw'ibikoresho byabugenewe byo kubika amata (*cooling tanks*) ;

**Ingero:** MCC Gishari muri Rwamagana ifite *cooling tank* ifite ubushobozi bwo kwakira amata litiro 2500 ku munsi ariko yakira ku munsi hagati ya litiro 10-50, MCC Muhoza muri Musanze ifite *cooling tank* ifite ubushobozi bwo kwakira amata litiro 2200 ariko yakira ku munsi hagati ya litiro 200-300, MCC Rubavu muri Rubavu ifite cooling tank ifite ubushobozi bwo kwakira amata litiro 5000 ku munsi ariko yakira ku munsi hagati ya litiro 600-670, MCC Byumba muri Gicumbi ifite cooling tank ifite ubushobozi bwo kwakira amata litiro 5000 ku munsi ariko yakira ku munsi hagati ya litiro 100-250 ;

Nyuma y'igenzura ry'iyi gahunda, Urwego rw'Umuvunyi rwatanze imyanzuro-nama ikurikira:

1. MINAGRI na RICA bikwiye kujya bikora ubugenzuzi buhoraho kugira ngo amakusanyirizo arusheho gukora neza n'atujuje ibisabwa ahagarikwe;
2. MINAGRI n'Uturere bikwiye gufasha amakusanyirizo kubona isoko ry'umukamo uba wakusanyijwe;
3. MINICOM ikwiye kuvugurura igiciro fatizo cy'amata ku mworozi n'icy'umucuruzi;
4. RICA n'Uturere bikwiye:

    a. Kugenzura niba ibiciro MINICOM yashyizeho byubahirizwa;

    b. Gushyiraho ingamba zinoze zafasha amakusanyirizo gukora neza ndetse zigaca gucuruza amata adapimye agurishirizwa ahatemewe;

5. Amakoperative akwiye:

    a. Kubahiriza Itegeko rigenga amakoperative mu Rwanda;

    b. Gushyiraho uburyo bunoze bwo gukora hagamijwe kubona inyungu kugira ngo zirusheho kugera ku ntego;

    c. Kubika neza inyandiko zigaragaza ibikorwa byazo bya buri gihe n'inyandiko zigaragaza ishusho nyakuri y'umutungo wazo kugira ngo zirusheho gukorera mu mucyo;

    d. Kwandikira RICA asaba uburenganzira bwo gucuruza amata.

Igenzura ku mushinga wo guteza imbere umukamo w'amata mu Rwanda (RDDP-*Rwanda Dairy Development Project*) ryagaragaje ko uyu mushinga wagize uruhare rukomeye mu gutuma amakusanyirizo y'amata (*Milk Collection Centres/MCCs*) akora neza no kuzamura imibereho y'abanyamuryango muri rusange. Hashingiwe ku myanzuro-nama yatanzwe n'Urwego rw'Umuvunyi, ibiciro-fatizo by'amata byaravuguruwe bishyirwa ku mafaranga 300 frw kuri litiro ku mworozi ugejeje amata kw'ikusanyirizo ry'amata, ikusanyirizo ry'amata naryo rikayagurisha amafaranga 322 frw kuri litiro. Ibitagenda byagaragaye byatanzweho imyanzuro-nama igamije kunoza imikorere.

### 2.1.3. Igenzura ryakorewe mu Bigo Nderabuzima

Urwego rw'Umuvunyi rwakoze igenzura mu Bigo Nderabuzima bibiri ari byo Ikigo Nderabuzima cya Muhoza kiri mu Murenge wa Muhoza, Akarere ka Musanze mu Ntara y'Amajyaruguru n'Ikigo Nderabuzima cya Karengera kiri mu Murenge wa Kirimbi, Akarere ka Nyamasheke mu Ntara y'Iburengerazuba.

Ikigo Nderabuzima cya Muhoza ni icya Leta naho Ikigo Nderabuzima cya Karengera ni icy'Itorero rya *Methodiste Libre au Rwanda* (EMLR) ariko gifashwa na Leta. Buri Kigo Nderabuzima muri ibi byagenzuwe gifite *postes de santé* 5 zikorana na byo.

Igenzura ryibanze ku mitangire ya serivisi z'ubuvuzi, imicungire n'imikoreshereze y'imari, abakozi n'ibikoresho. Muri rusange, Ibigo Nderabuzima bifasha abaturage kubona ubuvuzi ku gihe cyane ko biba byegereye abaturage. Ikindi kandi bifasha abaturage kuzamura igihe cyo kubaho kubera guhabwa ubuvuzi bukwiye bityo bikagira ingaruka nziza ku mibereho yabo ya buri munsi. Muri rusange ibi Bigo Nderabuzima bihuriye ku bibazo bikurikira:

1. Ububiko budahagije bw'imiti;
2. Kutuzuza neza amafishi y'ububiko bw'imiti;
3. Kutubahiriza amabwiriza ajyanye no gutanga Shisha Kibondo ku bijyanye n'ingano igomba gutangwa;
4. Ubuke bw'abakozi ugereranyije na serivisi bagomba gutanga bituma batajya mu biruhuko by'umwaka uko bikwiye no kuba abakozi barara izamu batabona igihe cyo kuruhuka bishobora kugira ingaruka ku mitangire ya serivisi ku barwayi;
5. Kutagira gahunda inoze mu kwishyuza amadeni bafitiwe;
6. Imicungire y'ububiko bw'ibikoresho itanoze no kutuzuza neza igitabo cy'umutungo w'Ikigo;
7. Kwishyura ba rwiyemezamirimo kandi dosiye zishyuza zitujuje ibisabwa;
8. Kudakorerwa ubugenzuzi buhagije n'igihe bwakozwe, inama zatanzwe ntizishyirwe mu bikorwa zose.

**Urugero:** Ubugenzuzi bwakozwe mu Kigo Nderabuzima cya Muhoza mu mwaka wa 2016 bukongera gukorwa mu mwaka wa 2021, imyanzuro-nama yatanzwe yashyizwe mu bikorwa ku kigero cya 80%;

9. Kutubahiriza amwe mu mahame yo gutanga amasoko ya Leta;
10. Abakozi bari mu kanama gashinzwe gutanga amasoko badahabwa amahugurwa;
11. Dosiye z'abakozi zituzuye.

Mu gihe cy'igenzura, Urwego rw'Umuvunyi rwasanze Ikigo Nderabuzima cya Karengera gifite ibibazo byihariye bikurikira:

1. *Postes de santés* zimwe zikorana n'Ikigo Nderabuzima zidakora iminsi yose kubera ubuke bw'abakozi;
2. Ibyumba bidahagije bituma hari serivisi zidatangwa uko bikwiye.

**Urugero**: Serivisi yo kuvura abana ikorera mu cyumba kimwe n'aho bakirira abafite indwara zo mu mutwe; ababyeyi bategereje kubyara bashyirwa mu cyumba kirimo abamaze kubyara.

Hashingiwe ku bibazo byagaragajwe, Urwego rw'Umuvunyi rwatanze inama zikurikira:

**MINISANTE ikwiye**:

1. Kuzuza imyanya y'imirimo itarimo abakozi aho ituzuye no kongera umubare w'abakozi bo mu buvuzi mu Bigo Nderabuzima kugira ngo bishobore gutanga serivisi nziza kandi abakozi babone n'ibiruhuko bikwiriye;
2. Ku bufatanye n'abafatanyabikorwa bayo (Amadini n'amatorero bifite Ibigo Nderabuzima), kongera ibyumba bikenewe kugira ngo serivisi zitangwe uko bikwiye.

**Uturere twa Musanze na Nyamasheke dukwiye:**

1. Gukora ubugenzuzi buhoraho mu Bigo Nderabuzima;
2. Gutanga amahugurwa ku bakozi bari mu kanama gatanga amasoko mu Bigo Nderabuzima.

**Ibigo Nderabuzima bikwiye:**

1. Kubahiriza amategeko n'amabwiriza bigenga amasoko ya Leta;
2. Gushyiraho uburyo buhamye bwo kwishyuza imyenda;
3. Kunoza imicungire y'ibikoresho no kuzuza neza igitabo cy'umutungo w'Ikigo;
4. Gushyira mu bikorwa inama bihabwa n'ubugenzuzi;
5. Kwishyura inyemezabuguzi zujuje ibisabwa;

6. Kubahiriza ibiteganywa n'ingingo ya 19 y'Iteka rya Perezida No 128/01 ryo ku wa 03/12/2020 ryerekeye gushaka abakozi ba Leta n'amahugurwa ahabwa abakozi bagitangira akazi;
7. Kunoza imicungire y'imiti iri mu bubiko igahuzwa n'ibiri ku mafishi y'ububiko.

Igenzura ryakorewe Ibigo Nderabuzima bya Karengera na Muhoza ryagaragaje ko ibyo Bigo Nderabuzima bigira uruhare runini mu gutanga serivisi z'ubuvuzi ku baturage batandukanye bo mu duce biherereyemo. Ibitagenda byagaragaye byatanzweho imyanzuro-nama igamije kunoza imikorere no kurushaho guha abaturage serivisi nziza.

Igenzura ryakozwe kuri Gahunda yo kubaka amashuri, umushinga wo guteza imbere umukamo w'amata mu Rwanda (RDDP-*Rwanda Dairy Development Project*) by'umwihariko ibijyanye n'amakusanyirizo y'amata (*Milk Collection Centres*/MCCs) n'Ibigo Nderabuzima bibiri bya Muhoza mu Karere ka Musanze na Karengera muri Nyamasheke, ryagaragaje ko izo gahunda n'ibigo bifitiye abaturage akamaro ariko ko imikorere ikwiye kunozwa kurushaho.

## 2.2. GUKURIKIRANA ISHYIRWA MU BIKORWA RY'INAMA ZATANZWE N'URWEGO RW'UMUVUNYI

Mu kuzuza inshingano rwahawe yo kugira inama Guverinoma mu gushyiraho no guteza imbere Politiki n'ingamba byo gukumira, kurwanya no guhana akarengane na ruswa n'iyo gukurikirana uko politiki n'ingamba byo gukumira no kurwanya akarengane na ruswa bishyirwa mu bikorwa, Urwego rw'Umuvunyi rukora igenzura rya gahunda, imishinga, Inzego n'Ibigo binyuranye rugatanga imyanzuro-nama hashingiwe ku byuho byagaragaye. Nyuma yo gutanga iyo myanzuro-nama, rukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryayo.

Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza imyanzuro-nama yahawe Ibigo n'Inzego bya Leta n'uburyo yashyizwe mu bikorwa.

**Imbonerahamwe n° 32: Uko imyanzuro-nama yatanzwe n'Urwego rw'Umuvunyi zashyizwe mu bikorwa**

| N° | Inzego n'Ibigo | Igihe igenzura ryakorewe | Umubare w'imyanzuro-nama yatanzwe | Iyashyizwe mu bikorwa | % | Igishyirwa mu bikorwa | % | Itarashyirwa mu bikorwa | % |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1. | Akarere ka Gicumbi | 2018-2019 | 4 | 3 | 75% | 1 | 25% | | |
| 2. | IPRC Karongi | 2019-2020 | 3 | 3 | 100% | | | | |
| 3. | IPRC Huye | 2019-2020 | 8 | 7 | 87,5% | | | 1 | 12,5% |
| 4. | IPRC Musanze | 2019-2020 | 7 | 5 | 71% | 2 | 29% | | |
| 5. | ESSA Ruhengeri | 2019-2020 | 15 | 3 | 20% | 5 | 33% | 7 | 47% |
| 6. | GS Gihundwe | 2020-2021 | 13 | 9 | 69% | 3 | 23% | 1 | 8% |
| 7. | Nyagatare Secondary School | 2020-2021 | 15 | 7 | 46% | 4 | 27% | 4 | 27% |
| 8. | GS Cyivugiza | 2020-2021 | 5 | 4 | 80% | 1 | 20% | | |
| 9. | MINECOFIN | 2020-2021 | 1 | | | 1 | 100% | | |
| 10. | MINECOFIN, BNR, RCA | 2020-2021 | 1 | | | 1 | 100% | | |
| 11. | BNR | 2020-2021 | 1 | 1 | 100% | | | | |
| 12. | RCA | 2020-2021 | 2 | | | 2 | 100% | | |
| 13. | Porogaramu | 2020-2021 | 4 | 4 | 100% | | | | |

| Nº | Inzego n'Ibigo | Igihe igenzura ryakorewe | Umubare w'imyanzuro-nama yatanzwe | Iyashyizwe mu bikorwa | % | Igishyirwa mu bikorwa | % | Itarashyi rwa mu bikorwa | % |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | y'igihugu mbonezamikurire y'abana bato | | | | | | | | |
| 14. | Gahunda y'amata | 2020-2021 | 3 | 1 | 33% | 2 | 67% | | |
| 15. | Gahunda ya shisha kibondo | 2020-2021 | 2 | 1 | 50% | 1 | 50% | | |
| **Igiteranyo** | | | **84** | **48** | **57%** | **23** | **27%** | **13** | **16%** |

Imbonerahamwe iri haruguru iragaragaza ko imyanzuro-nama yatanzwe n'Urwego rw'Umuvunyi, yashyizwe mu bikorwa ku buryo bwuzuye iri ku kigero cya 57%, iyatangiye gushyirwa mu bikorwa iri ku kigero cya 27%, na ho itarashyirwa mu bikorwa ikaba 16%.

Umugereka wa 1 uragaragaza mu buryo burambuye ibisobanuro Inzego n'Ibigo byatanze ku ishyirwa mu bikorwa ry'iyo myanzuro-nama.

## 3. KWAKIRA NO KUGENZURA IMENYEKANISHAMUTUNGO RY'ABANTU BATEGANYWA N'ITEGEKO

Itegeko nº 54/2021 ryo ku wa 29/08/2021 rigenga Urwego rw'Umuvunyi n'Itegeko nº 55/2021 ryo ku wa 28/08/2021 rigenga imenyekanishamutungo aha Urwego rw'Umuvunyi inshingano yo kwakira no kugenzura imenyekanishamutungo ry'Abayobozi n'abakozi bo mu Nzego n'Ibigo bya Leta.

### 3.1. KWAKIRA IMENYEKANISHAMUTUNGO

Mu mwaka wa 2021-2022, Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye imitungo y'Abayobozi n'abakozi ba Leta n'ibigo Leta ifitemo imigabane, gusa muri uyu mwaka umubare wariyongeye uva ku bantu 13.313 bo mu mwaka wa 2020-2021 ugera ku bantu 16.274 kuko hiyongeyeremo Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Utugari.

Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza uko imenyekanishamutungo ryakozwe mu mwaka wa 2021-2022.

**Imbonerahamwe no 33: Uko imenyekanishamutungo ryakozwe**

| **Ibyiciro** | **Abagombaga gukora imenyekani-shamutungo** | **Abakoze imenyekani-shamutungo** | **Abatarakoze** | **%** |
|---|---|---|---|---|
| Abayobozi b'Ikirenga | 5 | 5 | 0 | 100 |
| Abasenateri n'Abadepite n'abandi bo mu Nteko Ishinga amategeko | 172 | 172 | 0 | 100 |
| Ubucamanza n'Ubushinjacyaha | 643 | 643 | 0 | 100 |
| Presidence na Ministeri | 2.512 | 2.505 | 7 | 99,72 |
| Umujyi wa Kigali, Intara n'Uturere | 5.507 | 5.447 | 60 | 98,91 |
| Inzego, Ibigo n'Ibigo Leta ifitemo imigabane | 7.056 | 7.040 | 16 | 99,77 |
| Amashuri makuru (UR, RP, IPRC) | 379 | 379 | 0 | 100 |
| **Igiteranyo** | **16.274** | **16.191** | **83** | **99,49** |

Imbonerahamwe iri haruguru iragaragaza ko mu mwaka wa 2021-2022 abantu 16.274 (99,5%) bamenyekanishije umutungo mu gihe abandi 83 bangana na (0.5%) batamenyekanishije umutungo wabo kandi nta mpamvu zagaragajwe zatumye batitabira icyo gikorwa kuko Urwego rw'Umuvunyi rwabahaye ubufasha bukenerwa (kubahamagara, kubandikira bibutswa icyo gikorwa, kubafasha gukora imenyekanishamutungo no guhabwa iminsi y'inyongera).

Inzego n'Ibigo abo bantu bose bakoramo zarandikiwe zisabwa kubagenera igihano cyo guhagarikwa ku kazi mu gihe kingana n'ukwezi kumwe kudahemberwa kandi bakibutswa kumenyekanisha umutungo nk'uko biteganywa n'Itegeko rigenga imenyekanishamutungo.

Abakoze n'abatarakoze imenyekanishamutungo mu mwaka wa 2021-2022 baragaragara ku buryo burambuye ku mugereka wa 2.

Mu myaka itatu y'ibikorwa (2019-2020, 2020-2021, 2021-202), Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye imenyekanishamutungo ry'abayobozi n'abakozi barebwa n'itegeko. Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza umubare w'abakoze imenyekanishamutungo.

**Imbonerahamwe n$^{o}$ 34: Imenyekanishamutungo ryo mu myaka itatu**

| Igikorwa/ Umwaka | Abagombaga kumenyekani-sha umutungo | Abamenyekanishije umutungo | | Abataramenye-kanishije | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | Umubare | Ijanisha | Umubare | Ijanisha |
| 2019-2020 | 12.866 | 12.855 | 99,9% | 11 | 0,1% |
| 2020-2021 | 13.313 | 13.276 | 99,7% | 37 | 0,3% |
| 2021-2022 | 16.274 | 16.191 | 99,5% | 83 | 0,5% |

Umubare w'abamenyekanishije umutungo mu mwaka wa 2021-2022 wariyongereye kubera ko itegeko rishya rigenga imenyekanishamutungo ryongeyemo Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Utugari.

Nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe iri haruguru abataramenye-kanishije umutungo bagiye biyongera ku ijanisha kubera impamvu zitandukanye zirimo ingamba zo kwirinda Covid-19 zatumye bamwe batabona uko bagera aho bamenyekanishiriza umutungo.

## 3.2. IGENZURA RY'IMENYEKANISHAMUTUNGO

Urwego rw'Umuvunyi rufite inshingano yo kugenzura buri mwaka imenyekanishamutungo ry'abayobozi n'abakozi ba Leta bateganywa n'Itegeko rigenga imenyekanishamutungo hagamijwe gusuzuma ko umutungo wamenyekanishijwe wabonetse mu buryo bwemewe n'amategeko kandi ko uhuye n'ukuri.

Mu mwaka wa 2021-2022, Urwego rw'Umuvunyi rwagenzuye imitungo yamenyekanishijwe n'Abayobozi n'abakozi ba Leta bateganywa n'itegeko 3.218 (24,2%) bari mu Nzego n'Ibigo binyuranye ugereranyije n'Abayobozi n'abakozi 13.276 bamenyekanishije umutungo muri rusange.

Abagenzuwe batoranyijwe hakurikijwe ko bamaze igihe bataragenzurwa, Inzego n'Ibigo bakorera zitanga serivisi ku baturage no ku makuru yatanzwe.

Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza abagenzuwe n'ibyavuye mu igenzura.

**Imbonerahamwe n° 35: Abagenzuwe n'ibyagaragaye**

| N° | Inzego, Ibigo n'Abantu | Umubare w'abagenzuwe | Ibyavuye mu igenzura |
|---|---|---|---|
| 1 | Primature | 51 | Nta kibazo cyagaragaye |
| 2 | Ministeri | 142 | Nta kibazo cyagaragaye |
| 3 | Ibigo bya Leta | 2.502 | Abantu 3 ntibasobanuye neza inkomoko y'umutungo wabo |
| 4 | Abatarakoze imenyekanisham utungo 2021 | 37 | Nta kibazo cyagaragaye |
| 5 | Uturere 30 | 484 | Abantu 4 ntibasobanuye neza inkomoko y'umutungo wabo |
| **Igiteranyo** | | **3.218** | |

Imbonerahamwe iri haruguru iragaragaza ko abantu 7 batashoboye gusobanura neza inkomoko y'umutungo wabo; hakusanyijwe ibimenyetso dosiye 4 zishyikirizwa Inzego bireba kugira ngo zikorerwe iperereza ricukumbuye naho dosiye 3 ziracyakurikiranwa n'Urwego rw'Umuvunyi.

Mu myaka itatu y'ibikorwa (2019-2020, 2020-2021, 2021-2022), Urwego rw'Umuvunyi rwagenzuye imitungo ya bamwe mu Bayobozi n'abakozi bateganywa n'itegeko barugejejeho inyandiko zigaragaza imitungo. Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza uko igenzura ryagenze.

**Imbonerahamwe n° 36: Uko igikorwa cyo kugenzura imitungo cyagenze mu myaka itatu**

| Umwaka | Abamenyekanishije umutungo | | | Abagenzuwe[3] | Imenyekanisha mutungo ryagaragayemo ibibazo |
|---|---|---|---|---|---|
| | Ku gihe | Nyuma yo gusabirwa ibihano | Bose | | |
| 2019-2020 | 12.855 | 11 | **12.866** | 1.245 | Dosiye 5 |
| 2020-2021 | 13.276 | 37 | **13.313** | 1.754 | Dosiye 6 |
| 2021-2022 | 16.191 | - | **16.191** | 3.218 | Dosiye 7 |

Imbonerahamwe iri haruguru igaragaza ko mu mwaka wa 2019-2020 hagenzuwe 1.245 kuri 12.527 bamenyekanishije umutungo mu mwaka wa 2018-2019 bangana na 9,9%. Mu mwaka wa 2020-2021 hagenzuwe 1.754 kuri 12.866 bamenyekanishije umutungo bangana na 13,6%, mu gihe mu mwaka wa 2021-2022 hagenzuwe 3.218 kuri 13.313 bamenyekanishije umutungo mu mwaka wa 2020-2021 bangana na 24,1%. Igikorwa cy'imenyekanishamutungo ni ingirakamaro mu gukumira no kurwanya ruswa kandi gifasha abarebwa n'itegeko kurushaho gukorera mu mucyo no guteza imbere ubwangamugayo.

3 Buri mwaka, igenzura ry'umutungo rikorwa hashingiwe ku imenyekanishamutungo ry'umwaka uwubanziriza.

## 4. KWAKIRA NO KUGENZURA INYANDIKO ZIGARAGAZA IMITUNGO Y'IMITWE YA POLITIKI

Nk'uko biteganywa n'Itegeko n° 54/2021 ryo ku wa 29/08/2021 rigenga Urwego rw'Umuvunyi, Itegeko n° 55/2021 ryo ku wa 28/08/2021 rigenga imenyekanishamutungo n'Itegeko Ngenga n° 10/2013/OL ryo ku wa 11/07/2013 rigenga Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki nk'uko ryahinduwe kugeza ubu, Urwego rw'Umuvunyi rufite inshingano yo kwakira no kugenzura imenyekanishamutungo ry'Imitwe ya Politiki yemewe mu Rwanda.

Mu mwaka wa 2021-2022, Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye ibitabo by'umutungo w'Imitwe ya Politiki 11 yemewe mu Rwanda ari yo: Democtratic Green Party of Rwanda, PDC, PDI, PL, PPC, PSD, PS Imberakuri, PSP, PSR, RPF- Inkotanyi na UDPR runagenzura uko umutungo wayo wabonetse n'uko wakoreshejwe.

Igenzura ryagaragaje ko nta makosa ajyanye n'inkomoko n'imikoreshereze by'umutungo w'Imitwe ya Politiki kuko wabonetse kandi ugakoreshwa mu buryo bwemewe n'amategeko. Icyakora muri rusange amakosa yagaragaye ni ajyanye n'imitegurire y'ibitabo by'ibaruramari by'imwe mu Mitwe ya Politiki yavuzwe haruguru, kudatanga umusoro ku mishahara ndetse n'amakosa ajyanye no kwishyura ibyaguzwe na serivisi zatanzwe.

Nyuma yo kugaragariza muri raporo Imitwe ya Politiki bireba amakosa yagaragayemu igenzura, ayo makosa yaganiriweho hagati y'Urwego rw'Umuvunyi n'iyo Mitwe ya Politiki yemera ko izayakosora mu mwaka w'ingengo y'imari ukurikira.

Igenzura kandi ryagaragaje ko inama zatanzwe n'Urwego rw'Umuvunyi mu igenzura ryakozwe mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2020-2021 zashyizwe mu bikorwa n'Imitwe ya Politiki bireba.

## 5. GUKURIKIRANA IYUBAHIRIZWA RY'ITEGEKO NGENGA RIGENA IMYITWARIRE Y'ABAYOBOZI

Mu mwaka wa 2021 - 2022, Urwego rw'Umuvunyi rwakurikiranye iyubahirizwa ry'Itegeko Ngenga n°61/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rigena imyitwarire y'Abayobozi mu Nzego za Leta nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu. Hibanzwe ku bikorwa byo gusesengura amadosiye arebana n'imyitwarire y'Abayobozi, kugenzura no gukurikirana iyubahirizwa ry'amahame agenga Imyitwarire y'Abayobozi.

### 5.1. GUSESENGURA AMADOSIYE AREBANA N'IMYITWARIRE Y'ABAYOBOZI

Urwego rw'Umuvunyi rwakurikiranye amadosiye 5 arebana n'imyitwarire y'Abayobozi. Amadosiye 3 yarakozwe ararangira, ibibazo byari birimo birakemuka. Dosiye 2 ziracyakurikiranwa.

Mu rwego rwo kwimakaza imyitwarire ikwiye Umuyobozi ugengwa n'ibiteganywa n'Itegeko Ngenga rigena Imyitwarire y'Abayobozi, Urwego rw'Umuvunyi rwaganiriye n'Abayobozi barebwa n'ibibazo by'imyitwarire rwakiriye bibutswa amahame bagomba kubahiriza.

By'umwihariko bibukijwe ibikurikira:

1. Kutambura abo bafitiye imyenda bafashe hakurikijwe amategeko cyangwa amasezerano;
2. Gukorera mu mucyo, kwemera kubazwa no kugaragaza ibyo bakora;
3. Kujya inama n'abo bakorana no gushyira mu rwego bayobora uburyo bunoze bw'imikorere n'imikoranire.

Urwego kandi ruracyakurikirana dosiye 2 zivugwamo imyitwarire idakwiye y'Abayobozi imwe iganisha ku mikoreshereze mibi y'amafaranga ya Leta, indi ivugwamo kwivanga mu miyoborere ya Koperative atabamo nk'umunyamuryango.

## 5.2. KUGENZURA NO GUKURIKIRANA IYUBAHIRIZWA RY'AMAHAME AGENGA IMYITWARIRE Y'ABAYOBOZI

Urwego rw'Umuvunyi rwakoze igenzura mu rwego rwo gukurikirana iyubahirizwa ry' Itegeko Ngenga n° 61/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rigena imyitwarire y'Abayobozi mu Nzego za Leta nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe n'Itegeko Ngenga n° 11/2013/OL ryo ku wa 11/09/2013.

Iryo genzura ryakorewe Abayobozi bashya 100 bashyizwe mu myanya y'Ubuyobozi mu Nzego za Leta zitandukanye mu mwaka wa 2020 na 2021.

Ku bijyanye n'imyitwarire y'abayobozi, hibanzwe cyane cyane ku bibujijwe Abayobozi (*interdictions*) n'imirimo itabangikanywa n'inshingano z'Ubuyobozi (*incompatibilities*).

Hashingiwe ku byavuye mu igenzura ku bibazo byabajijwe, Urwego rw'Umuvunyi rwasanze mu bisubizo byatanzwe nta binyuranyije n'Amategeko.

# 6. GUSHYIKIRANA NO GUKORANA N'INZEGO ZO KU RWEGO RW'AKARERE NO KU RWEGO MPUZAMAHANGA

Itegeko n° 54/2021 ryo ku wa 29/08/2021 rigenga Urwego rw'Umuvunyi riruha inshingano yo gushyikirana no gukorana n'Inzego zo ku rwego rw'Akarere no ku rwego Mpuzamahanga bihuje inshingano. Urwego rw'Umuvunyi rwakoze ibikorwa bikurikira:

1. Kwakira inama y'Abakuru b'Inzego zishinzwe kurwanya ruswa mu Muryango w'Ibihugu byo muri Afurika bikoresha ururimi rw'icyongereza (*Commonwealth Africa*[4]);
2. Kwitabira inama y'Umuryango ushinzwe kurwanya ruswa muri Afurika y'Iburasirazuba (EAAACA);
3. Gusesengura ishyirwa mu bikorwa ry'Amasezerano y'Umuryango w'Abibumbye ashinzwe Kurwanya ruswa (*United Nations Convention against Corruption*);
4. Kwitabira inama y'Itsinda rishinzwe gusuzuma ishyirwa mu bikorwa ry'Amasezerano y'Umuryango w'Abibumbye ashinzwe Kurwanya ruswa (*Implementation Review Group*)
5. Gusinya amasezerano y'Ubufatanye n'Urwego rufite mu nshingano kurwanya ruswa n'akarengane rwa Qatar (*Administrative Control and Transparency Authority*);
6. Kwitabira inama za Komite Nshingwabikorwa ya AOMA;
7. Kwitabira inama z'Amahuriro ashamikiye ku Umuryango ushinzwe Kurwanya ruswa muri Afurika y'Iburasirazuba (EAAACA).

[4] Ihuriro ry'Inzego zishinzwe kurwanya ruswa muri *Commonwealth Africa* ririmo ibihugu 18 ari byo Botswana, Cameroun, Eswatini, Ghana, Kenya, Lesotho, Malawi, Mauritius, Mozambique, Namibia, Nigeria, u Rwanda, Seychelles, Sierra Leone, Afurika y'Epfo, Tanzania, Uganda na Zambia.

1. **Kwakira inama y'Abakuru b'Inzego zishinzwe Kurwanya ruswa muri *Commonwealth Africa***




***Ifoto igaragaza Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe w'u Rwanda Dr Edouard Ngirente afungura iyi nama kumugaragaro muri Convention Centre***

Inama ya 12 y'Abakuru b'Inzego zishinzwe kurwanya ruswa bo mu Bihugu bigize *Commonwealth Africa* yabaye guhera ku itariki ya 3 kugeza ku ya 6 Gicurasi 2022, itangizwa na Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe w'u Rwanda.




***Ifoto igaragaza Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe, Umunyamabanga Mukuru wa Commonwealth, Umuvunyi Mukuru, Abaminisitiri batandukanye mu Rwanda hamwe n'abahagarariye Inzego zishinzwe kurwanya ruswa muri Commonwealth Africa bitabiriye inama yabereye i Kigali***

Inama yitabiriwe n'Abayobora Inzego zishinzwe kurwanya ruswa, Abayobozi b'Inzego za Leta, Abadipolomate, Imiryango itari iya Leta irwanya ruswa n'akarengane, urubyiruko n'abandi.

Iri huriro ry'Inzego zirwanya ruswa mu Bihugu bigize Commonwealth Africa ryashyizweho muri 2011. Riterana buri mwaka, rikareba ingamba buri Gihugu cyashyizeho zo kurwanya ruswa no kuyihashya mu Bihugu bigize ihuriro.

U Rwanda rwatorewe kuyobora iri huriro mu gihe kingana n'umwaka rukaba rwungirijwe na Seychelles.

Muri iyo nama, Inzego zishinzwe kurwanya ruswa muri *Commonwealth Africa* ziyemeje:

1. Gukurikiza ingamba zo gukumira, kurwanya no guhana ruswa hakurikijwe Amategeko ya buri Gihugu;
2. Guteza imbere ubufatanye n'imikoranire n'imiryango itari iya Leta harimo n'itangazamakuru byo mu Gihugu, Uturere n'amahanga;
3. Kongerera ubushobozi abagenzacyaha n'abashinjacyaha mu gukora iperereza ku byaha bya ruswa;
4. Kwimakaza ubwangamugayo mu Nzego za Leta;
5. Gukangurira abaturage guharanira ko Inzego zikorera mu mucyo zitanga serivisi nziza kandi bakabona uburenganzira bwabo.

Inzego zishinzwe kurwanya ruswa muri *Commonwealth Africa* zasabye:

1. Umunyamabanga Mukuru wa *Commonwealth* na Guverinoma ya Repubulika y'u Rwanda gushyira mu myanzuro y'Inama y'Abayobozi Bakuru b'Ibihugu na za Guverinoma (CHOGM) yabereye i Kigali mu mwaka wa 2022 ibijyanye n'ingamba zo kurwanya ruswa cyane cyane kugaruza umutungo ukomoka ku byaha, ibihangano n'amafaranga atemewe ava muri Afurika ajya mu bindi Bihugu;
2. Guverinoma z'Ibihugu biri muri *Commonwealth Africa* gushyiraho Amategeko yerekeye imenyekanisha ry'umutungo no kugaruza umutungo bitanyuze mu manza (*civil asset recovery and forfeiture*) mu rwego rwo kurwanya ruswa;

3. Guverinoma z'Ibihugu biri muri *Commonwealth Africa* gushyiraho imiyoboro y'ikoranabuhanga mu gutanga serivisi (*e-governance platforms*) mu rwego rwo kurwanya ruswa;
4. Abakuru ba Guverinoma gutanga ibikoresho n'ubushobozi bihagije ku Nzego zishinzwe kurwanya ruswa;
5. Gushimangira ubufatanye hagati ya Guverinoma n'Imiryango Mpuzamahanga mu kugaruza imitungo yavanywe muri Afurika ijyanwa hanze mu buryo bunyuranyije n'Amategeko.

**2. Kwitabira Inama y'Umuryango ushinzwe Kurwanya ruswa muri Afurika y'Iburasirazuba (EAAACA)**

Urwego rw'Umuvunyi rwitabiriye Inama yahuje Inzego zishinzwe kurwanya ruswa muri Afurika y'Iburasirazuba (EAAACA), yabaye kuva ku itariki ya 14 kugeza ku wa 17 Werurwe 2022 i Nairobi muri Kenya.

Muri iyi nama ya 14, u Rwanda rwatorewe kuyobora uyu Muryango rusimbura Igihugu cya Sudani y'Epfo cyari gisanzwe kiwuyoboye.

**3. Gusesengura ishyirwa mu bikorwa ry'Amasezerano y'Umuryango w'Abibumbye yerekeye kurwanya ruswa (*United Nations Convention against Corruption*: UNCAC)**

Amasezerano y'Umuryango w'Abibumbye yerekeye kurwanya ruswa yemerejwe i New York muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika ku wa 31 Ukwakira 2003, yemezwa burundu n'u Rwanda n'Iteka rya Perezida n° 56/01 ryo ku wa 27/12/2005 ryemeza burundu amasezerano y'Umuryango w'Abibumbye agamije kurwanya ruswa.

Ayo Masezerano ateganya Inama y'Ibihugu byayasinye (*Conference of the States Parties to the Convention)*, ihabwa inshingano yo guteza imbere ubushobozi n'imikoranire hagati y'Ibihugu binyamuryango harebwa uburyo ayo masezerano ashyirwa mu bikorwa. Inama y'Ibihugu yabereye i Doha kuva ku wa 9 kugeza ku wa 13 Ugushyingo 2009 yashyizeho "**Uburyo bwo gusuzuma amasezerano**" hakoreshejwe urutonde rw'isuzuma (*a comprehensive self- assessment checklist*).

Ni muri urwo rwego, ku bufatanye n'Inzego zinyuranye, Urwego rw'Umuvunyi rwakomeje kuzuza urutonde rw'isuzuma hagamijwe kwerekana uko u Rwanda rushyira mu bikorwa Amasezerano y'Umuryango w'Abibumbye agamije kurwanya ruswa.

Inyandiko ikubiyemo ishyirwa mu bikorwa ry'ayo Masezerano yemejwe n'Inama y'Abaminisitiri yo ku wa 13 Ukwakira 2021. Iyo nyandiko ishyikirizwa Ibiro by'Umuryango w'Abibumbye bishinzwe Kurwanya Ibiyobyabwenge n'Ibyaha/ *United Nations Office on Drugs and Crime* (UNODC) ku wa 29 Ukwakira 2021, u Rwanda rukaba rutegereje ibizagaragazwa n'Impuguke zivuye mu Bihugu bya Maroke na Yemeni.

Ku bufatanye n'Impuguke z'Uburusiya, u Rwanda rwasuzumye Inyandiko ikubiyemo ishyirwa mu bikorwa ry'Amasezerano y'Umuryango w'Abibumbye agamije Kurwanya ruswa mu Gihugu cya Malawi. U Rwanda rwashyikirije ibyagaragaye Ibiro by'Umuryango w'Abibumbye bishinzwe kurwanya Ibiyobyabwenge n'Ibyaha (UNODC) ku wa 06 Kamena 2022, rukaba rutegereje kubiganiraho n'Itsinda rya Malawi.

4. **Kwitabira inama y'Itsinda rishinzwe gusuzuma ishyirwa mu bikorwa ry'Amasezerano y'Umuryango w'Abibumbye yerekeye Kurwanya ruswa (*Implementation Review Group*)**

Kuva ku itariki ya 13 Kamena 2022 kugeza ku wa 17 Kamena 2022, i Vienne (Austria), hateraniye inama ya 13 y'Itsinda rishinzwe gusuzuma ishyirwa mu bikorwa ry'Amasezerano y'Umuryango w'Abibumbye ashinzwe Kurwanya ruswa (*Implementation Review Group*), u Rwanda rukaba rwarayitabiriye mu buryo bw'ikoranabuhanga.

Itsinda rishinzwe gusuzuma ishyirwa mu bikorwa ry'Amasezerano y'Umuryango w'Abibumbye yerekeye Kurwanya ruswa (*Implementation Review Group*), ryashyizweho n'Inama y'Ibihugu byayasinye (*Conference of the State Parties to the Convention)* yateraniye i Doha kuva ku wa 9 kugeza ku wa 13 Ugushyingo 2009.

Iri Tsinda rigamije gukurikirana igikorwa cyo gusuzuma ishyirwa mu bikorwa ry'Amasezerano y'Umuryango w'Abibumbye, kumenya imbogamizi n'ibyiza bijyanye n'imikorere (best practices) no gusuzuma ubufasha bwa tekiniki bukenewe mu kunoza uburyo bwo gushyira mu bikorwa Amasezerano. Itsinda ryaganiriye kandi ku ngamba zashyirwaho mu guhanahana amakuru, gukumira ruswa mu bakozi ba Leta bari mu butumwa mu mahanga n'abakorera Imiryango Mpuzamahanga bakekwaho ruswa no kurengera abatangamakuru.

Muri icyo gihe kandi hateranye itsinda rishinzwe gukurikirana uburyo bwo Gukumira ibyaha bya ruswa (Open-ended Intergovernmental Working Group on the Prevention of Corruption- WGP).

**5. Gusinya amasezerano y'Ubufatanye n'Urwego rufite mu nshingano kurwanya ruswa n'akarengane rwa Qatar (ACTA).**

Ku itariki ya 15 Gicurasi 2022, i Doha muri Qatar, Urwego rw'Umuvunyi rwasinyanye amasezerano y'ubufatanye n'Urwego rufite mu nshingano kurwanya ruswa n'akarengane rwa Qatar (*Administrative Control and Transparency Authority*- ACTA).



***Umuvunyi Mukuru Madamu Nirere Madeleine asinyana amasezerano y'ubufatanye na Nyakubahwa Hamad Bin Nasser Al-Misnad, ukuriye Urwego rufite mu nshingano kurwanya ruswa n'akarengane rwa Qatar (ACTA)***

Aya masezerano y'ubufatanye agamije kungurana ubumenyi n'ubunararibonye mu rwego rwo gukumira no kurwanya ruswa, kongerera ubushobozi abakozi no guhuza ibikorwa mu nama z'Ibihugu byasinye Amasezerano y'Umuryango w'Abibumbye yo kurwanya ruswa (*Conference of the States Parties to the United Nations Convention against corruption*).



***Umuvunyi Mukuru Madamu Nirere Madeleine na Nyakubahwa Hamad Bin Nasser Al-Misnad, nyuma yo gusinya amasezerano***

## 6. Kwitabira inama za Komite Nshingwabikorwa ya AOMA

Ubuyobozi bw'Urwego rw'Umuvunyi bwitabiriye inama ebyiri (2) z'Inama za Komite Nshingwabikorwa (*Executive Committee*) z'Ishyirahamwe ry'Abavunyi ba Afurika (AOMA) zabaye ku wa 13/01/2022 no ku wa 22/03/2022 hifashishijwe ikoranabuhanaga. Izi nama zasuzumye imibereho n'iterambere bya AOMA, iyo ku wa 22/03/2022 yafatiwemo umwanzuro w'uko u Rwanda ari rwo ruzakira Inama Rusange (*General Assembly*) ya AOMA izaba mu kwezi k'Ugushyingo 2022.

**7. Kwitabira inama z'Amahuriro ashamikiye ku Umuryango ushinzwe Kurwanya ruswa muri Afurika y'Iburasirazuba**

U Rwanda rwitabiriye inama y'Ihuriro ARINEA (*Asset Recovery Inter-Agency Network for Eastern Africa*) yabereye i Nairobi kuva ku wa 14 kugeza ku wa 17 Werurwe 2022. Muri icyo gihe habaye amahugurwa ku bayitabiriye yerekeye kugaruza umutungo (*Asset Recovery Training*), Urwego rw'Umuvunyi ruyitabira rwifashishije ikoranabuhanga.

Urwego rw'Umuvunyi rwitabiriye kandi inama y'Ihuriro ry'Inzego zishinzwe kurwanya ruswa n'inzego z'ubugenzuzi bw'imari ya Leta, ryashyizweho ku bufatanye bwa EAAACA na AFROSAI_E. Iri huriro ryashyizweho mu rwego rwo kubahiriza Umwanzuro w'Inama y'Ibihugu byasinye Amasezerano y'Umuryango w'Abibumbye yo kurwanya ruswa (*Conference of the States Parties to the United Nations Convention against corruption*) witwa "Gukurikirana Itangazo rya Abu Dhabi ryerekeye kongera ubufatanye hagati y'Inzego z'ubugenzuzi bw'imari n'Inzego zishinzwe kurwanya ruswa mu rwego rwo kurushaho gukumira no kurwanya ruswa no gukoresha ikoranabuhanga mu itumanaho" (*Follow-up to the Abu Dhabi declaration on enhancing collaboration between the supreme audit institutions and anti-corruption bodies to more effectively prevent and fight corruption, and the use of information and communications technologies*). Inama ya mbere y'Ihuriro yabaye mu buryo bw'ikoranabuhanga ku wa 13 Kamena 2022.

# 7. GUHUZA IBIKORWA NO GUCUNGA ABAKOZI, IMARI N'UMUTUNGO BY'URWEGO RW'UMUVUNYI

Mu mwaka wa 2021-2022, Urwego rw'Umuvunyi rwashyize mu bikorwa inshingano zarwo nk'uko ziteganywa n'amategeko hifashishijwe ingengo y'imari ya Leta n'umushinga uterwa inkunga n'Umuryango w'Ubumwe bw'Uburayi (EU), runatanga amahugurwa ku bakozi barwo mu rwego rwo kubongerera ubushobozi.

## 7.1. AMAHUGURWA Y'ABAKOZI B'URWEGO RW'UMUVUNYI

Mu rwego rwo kongerera abakozi ubushobozi hatanzwe amahugurwa atandukanye hakoreshejwe ikoranabuhanga n'imbonankubone. Ayo mahugurwa yakozwe aragaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza ko abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bongerewe ubumenyi mu gusohoza inshingano rufite hakoreshejwe ingengo y'imari ya Leta n'iy'abaterankunga.

**Imbonerahamwe n$^{o}$ 37: Amahugurwa yakozwe n'Abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi**

| No | Amahugurwa | Igihe yakorewe | Umuterankunga/ Uwateguye amahugurwa n'aho yabereye | Umubare w'abakozi bakurikiranye amahugurwa |
|---|---|---|---|---|
| 1. | *Virtual Training on FATF Standards* | 02-04/08/2021 | *Financial Intelligence Center*, Kigali | 5 |
| 2. | *Anti-Bribery and Corruption* | 01-04/11/2021 | CAACC, Ikoranabuhanga | 2 |
| 3. | *Training and coaching on investigation techniques and evidence collection on corruption cases* | 01-20/12/2022 | *European Union*, Kigali | 8 |
| 4. | *"Asset Tracing and Seizure* | 29/2021 - 03/122021 | *CAACC*, Ikoranabuhanga | 2 |
| 5. | *Effective Asset recovery: from investigation to final order* | 01/10– 15/12/2021 | *UNODC/ ESAMLG/ Financial Intelligence Center*, Kigali | 2 |
| 6. | *Mediation skills course* | 01/12/2021-30/07/2022 | *Edwards Mediation Academy, United Sates* Ikoranabuhanga | 30 |

| No | Amahugurwa | Igihe yakorewe | Umuterankunga/ Uwateguye amahugurwa n'aho yabereye | Umubare w'abakozi bakurikiranye amahugurwa |
|---|---|---|---|---|
| 7. | *Training on assets tracing and recovery* | 28/02- 11/03/2022 | *European Union*, Kigali | 25 |
| 8. | *Gender Mainstreaming and Human Rights Based* | 25-28/01/2022 | *European Union*, Musanze | 3 |
| 9. | *Reporting writing skills* | 28/03- 01/04/2022 | *European Union*, Musanze | 4 |
| 10. | *Training of trainers on Project Management* | 22-28/05/2022 | *European Union*, Musanze | 4 |
| 11. | *ARINEA Asset Recovery Training* | 16/03/2022 | *ARINEA*, Ikoranabuhanga | 1 |
| 12. | *Effective Investigation strategies- Building Blocks, Methods/Tools* | 14/06/2022 | *AORC*, Ikoranabuhanga | 2 |
| 13. | *Cryptocurrency and Mutual legal assistance* | 10-12/06/2022 | *CAACC& Basel Institute*, Ikoranabuhanga | 3 |
| 14. | *1st Public sector Accountability training forum* | 07-11/06/2022 | *ICPAR*, *Classic Hotel*, Musanze | 3 |
| 15. | *Corruption in Public Procurement* | 31/01/2022 - 04/02/2022 | *CAACC*, Ikoranabuhanga | 2 |
| 16. | *Conflict Resolution and* | 02/11/2021 | *AORC* | 6 |

| No | Amahugurwa | Igihe yakorewe | Umuterankunga/ Uwateguye amahugurwa n'aho yabereye | Umubare w'abakozi bakurikiranye amahugurwa |
|---|---|---|---|---|
| | *Management* | | Ikoranabuhanga | |
| 17. | *Effective Leadership Skills - Ethical, transparent and accountable leadership* | 14/12/2021 | *AORC* Ikoranabuhanga | 6 |
| 18. | *The IOI and the value of being a member* | 25/01/2022 | *AORC* Ikoranabuhanga | 6 |
| 19. | *Complaint Handling* | 08/03/2022 | *AORC* Ikoranabuhanga | 4 |
| 20. | *Managing Evidence* | 19/04/2022 | *AORC* Ikoranabuhanga | 4 |
| 21. | *Effective Investigation strategies – building blocks, methods/tools.* | 14/06/2022 | *AORC* Ikoranabuhanga | 6 |

Nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe iri haruguru, mu mahugurwa yahawe abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi harimo ajyanye no gutanga ubumenyi bwo guhuza no kumvikanisha abafitanye amakimbirane (mediation skills) yatanzwe n'ikigo cy'Abanyamerika cyitwa EDWARDS MEDIATION ACADEMY kinatanga impamyabumenyi (*certificates*). Abahuguwe bungutse ubumenyi ku buhanga, imyitwarire n'uburyo bikoreshwa mu buhuza nk'ubundi buryo bwo gukemura amakimbirane bitanyuze mu manza, kuko abarangije ikibazo mu bwumvikane babigiramo inyungu bose (*win-win situation*), bigatuma ya makimbirane arangira burundu kandi bakirinda kwishora mu miburanire ibatwara amafaranga menshi, ikanabatwara igihe bakagombye gukoresha biteza imbere.

Urwego rw'Umuvunyi na rwo ruzungukira muri ubwo buhanga abakozi bahawe, kuko bazajya bakemura ibibazo mu buryo bwunga Abanyarwanda kandi vuba, batazitiwe buri gihe n'imanza ziri mu Nkiko cyangwa izaciwe kuko zifite ingaruka mu gusenya imiryango n'imibanire myiza yabo.




***Ifoto igaragaza abitabiriye amahugurwa y'ubuhuza no kumvikanisha abafitanye amakimbirane (mediation skills) bayasoza banahabwa impamyabumenyi.***

## 7.2. INGENGO Y'IMARI

Mu kuzuza inshingano ruhabwa n'amategeko, Urwego rw'Umuvunyi rwagenewe na Leta ingengo y'imari 1.285.127.874 Frw rukoresha 1.277.813.052 Frw bingana na 99,20%. Urwego rw'Umuvunyi rwagenewe 1.277.855.440 Frw ku nkunga y'Umuryango w'Ubumwe bw'Ibihugu by'Uburayi rukoresha 1.265.953.983 Frw angana na 99,07%. Amafaranga yose Urwego rw'Umuvunyi rwagenewe mu mwaka wa 2021-2022 ni 2.562.983.314 Frw ayakoreshejwe yose ni 2.543.667.035 Frw.

Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza uko ayo mafaranga yakoreshejwe.

**Imbonerahamwe n° 38: Imikoreshereze y'ingengo y'imari yahawe Urwego rw'Umuvunyi**

| Imirongo y'Ingengo y'Imari | Ingengo y'imari 2021-2022 (Frw) | Amafaranga yakoreshejwe (Frw) | Amafaranga yasigaye (Frw) |
|---|---|---|---|
| **Ingengo y'Imari isanzwe ya Leta** | | | |
| Amafaranga y'imishahara (*Salaries in cash for Other Employees*) | 819.808.333 | 813.436.756 | 6.371.577 |
| Amafaranga yo kugura ibikoresho byo mu biro (*Office supplies & consumables*) | 26.488.865 | 26.410.000 | 78.865 |
| Amafaranga y'amazi n'umuriro | 15.000.000 | 14.995.715 | 4.285 |
| Amafaranga y'itumanaho | 66.846.096 | 66.817.358 | 28.738 |
| Amafaranga y'ubwishingizi (*Insurances and Licences*) | 1.242.585 | 1.159.600 | 83.985 |

| **Imirongo y'Ingengo y'Imari** | **Ingengo y'imari 2021-2022 (Frw)** | **Amafaranga yakoreshejwe (Frw)** | **Amafaranga yasigaye (Frw)** |
|---|---|---|---|
| Amafaranga ya banki (*Bank charges*) | 34.000 | 34.000 | 0 |
| Amafaranga yo guhugura abaturage, ibiganiro n'inama zitandukanye (*Public Relations and Awareness*) | 40.084.181 | 39.853.290 | 230.891 |
| Amafaranga y'impuguke na serivice zinyuranye (*Professional and Contractual Services*) | 20.047.565 | 19.852.120 | 195.445 |
| Amafaranga y'ubutumwa n'ay'ingendo mu gihugu no hanze yacyo (*Transport and Travel*) | 294.968.396 | 294.800.000 | 168.396 |
| Amafaranga yo gufata neza ibikoresho no gusanisha ibyangiritse (*Maintenance and Repairs*) | 16.583.725 | 16.558.145 | 25.580 |
| Amafaranga yo kugura ibikoresho bisimbura ibyangiritse (*Spare Parts*) | 1.633.000 | 1.586.900 | 46.100 |
| Amafaranga y'iperereza n'umutekano (*Security and Social Order*) | 47.902.136 | 47.902.136 | 0 |
| Amafaranga y'ibikoresho bijyanye n'ikoranabuhanga (*ICT Equipment, Software and* | 3.515.000 | 3.437.630 | 77.370 |

| **Imirongo y'Ingengo y'Imari** | **Ingengo y'imari 2021-2022 (Frw)** | **Amafaranga yakoreshejwe (Frw)** | **Amafaranga yasigaye (Frw)** |
|---|---|---|---|
| *Other ICT Assets*) | | | |
| Amafaranga y'ibindi bintu bitandukanye (*Miscellaneous Other Expenditures*) | 1.002.000 | 998.410 | 3.590 |
| **Igiteranyo ku Ingengo y'Imari ya 2021/2022** | **1.285.127.874** | **1.277.813.052** | **7.314.822** |
| **Ingengo y'imari ikomoka ku nkunga y'Umuryango w'Ubumwe bw'Ibihugu by'Uburayi ( EU)** | | | |
| Amafaranga yo kugura ibikoresho byo mu biro (*Office supplies &consumables*) | 18.100.000 | 18.019.232 | 80.768 |
| Amafaranga y'itumanaho | 16.880.000 | 16.873.488 | 6.512 |
| Amafaranga yo guhugura abaturage, ibiganiro n'inama zitandukanye (*Public Relations and Awareness*) | 450.523.860 | 449.681.360 | 842.500 |
| Amafaranga y'impuguke na serivice zinyuranye (*Professional and Contractual Services*) | 206.541.198 | 196.213.715 | 10.327.483 |
| Amafaranga y'ubutumwa n'ay'ingendo mu gihugu no hanze yacyo (*Transport and Travel*) | 182.247.620 | 182.204.405 | 43.215 |
| Amafaranga y'ibikoresho bijyanye | 403.463.440 | 403.462.461 | 979 |

| Imirongo y'Ingengo y'Imari | Ingengo y'imari 2021-2022 (Frw) | Amafaranga yakoreshejwe (Frw) | Amafaranga yasigaye (Frw) |
| --- | --- | --- | --- |
| n'ikoranabuhanga (*ICT Equipment, Software and Other ICT Assets*) | | | |
| **Igiteranyo cy'amafaranga y'abaterankunga** | **1.277.855.440** | **1.265.953.983** | **11.901.457** |
| **Igiteranyo cy'amafaranga yose** | **2.562.983.314** | **2.543.667.035** | **19.316.279** |
| **Ijanisha** | **100%** | **99,25%** | **0,75%** |

Urwego rw'Umuvunyi rwakoresheje ingengo y'imari rwagenewe na Leta hamwe n'Umuryango w'Ubumwe bw'Ibihugu by'Uburayi ku kigero cya 99,25%. Amafaranga atarakoreshejwe ni 19.316.279 Frw angana na 0,75%, arimo ayasigaye ku mishahara y'abakozi basezeye bakaba batarasimburwa n'ayasigaye ku bikorwa byatangiye ariko bitararangira birimo inyigo.

## 8. INZITIZI

Ku bufatanye n'Inzego za Leta, iz'Abikorera, Sosiyete Sivile no ku nkunga y'Umuryango w'Ubumwe bw'Ibihugu by'Uburayi, Urwego rw'Umuvunyi rwashyize mu bikorwa inshingano ruhabwa n'Itegeko mu buryo bukwiye. Icyakora, hari ibikorwa bitagezweho 100% ari byo: amahugurwa, gukusanya amakuru ku nyigo zagombaga gukorwa, gukemura ibibazo by'abaturage n'ibindi.

Ibikorwa bitagezweho nk'uko byateguwe byatewe n'inzitizi zikurikira:

1. Icyorezo cya COVID-19;
2. Ivugurura ry'imyanya y'imirimo y'Urwego ritararangira;
3. Abaturage batitabira bihagije gutanga amakuru kuri ruswa n'akarengane;
4. Inzego zimwe na zimwe zidakemura ibibazo by'Abaturage ku gihe;
5. Inyubako Urwego rw'Umuvunyi rukoreramo irashaje kandi ni ntoya ugereranyije n'umubare w'abakozi.

**UMWANZURO**

Mu mwaka wa 2021-2022, Urwego rw'Umuvunyi rwashyize mu bikorwa inshingano ruhabwa n'amategeko rubifashijwemo n'abaturage n'abafatanyabikorwa batandukanye.

Mu rwego rwo gukumira akarengane na ruswa no gutoza Abanyarwanda indangagaciro zo kwanga, gukumira, kwirinda no kurwanya akarengane na ruswa hakozwe amahugurwa, ubukangurambaga hifashishijwe uburyo butandukanye burimo kwitabira ibikorwa byo mu cyumweru cyo kurwanya ruswa n'iby'icyumweru cy'ubwangamugayo, gukoresha itangazamakuru, ikinamico y'uruhererekane, amarushanwa y'abanyamakuru n'ay'indirimbo n'ibindi. Ibi byazamuye imyumvire y'abaturage ku bubi bw'akarengane na ruswa, bifasha kwimakaza ubwangamugayo, guteza imbere imiyoborere myiza n'umuco wo gukorera mu mucyo.

Urwego rw'Umuvunyi rwashyize mu bikorwa inshingano yo kurwanya akarengane na ruswa. Mu kurwanya akarengane, Urwego rw'Umuvunyi rwakomeje kwakira no gukemura ibibazo by'akarengane rufatanyije n'Inzego bireba, rusesengura ibibazo byerekeye gusubirishamo imanza ku mpamvu z'akarengane runabifatira imyanzuro. Mu kurwanya ruswa rwakiriye amakuru ruranayasesengura agaragayemo ibyaha cyangwa amakosa ashyikirizwa Inzego zibishinzwe. Kurangiza neza iyi nshingano bituma abaturage basubirana uburenganzira bari baravukijwe kandi abagize uruhare mu byaha bagakurikiranwa, bikabera isomo abandi n'umutungo ufitanye isano n'icyaha ukagaruzwa.

Urwego rw'Umuvunyi rwashyize mu bikorwa inshingano yo kwakira no kugenzura imenyekanishamutungo ry'Abayobozi n'abakozi bo mu Nzego za Leta n'Ibigo Leta ifitemo imigabane n'iry'Imitwe ya Politiki. Ibi bikorwa byagize akamaro kuko byafashije kubahiriza amategeko mu Bayobozi n'abakozi ba Leta bireba n'Imitwe ya Politiki, kwimakaza

ubwangamugayo, gukorera mu mucyo no gushyikiriza amakuru no kuyashyikiriza Inzego bireba.

Mu kurangiza inshingano yo kugira inama Guverinoma mu gushyiraho no guteza imbere politiki n'ingamba byo gukumira, kurwanya no guhana akarengane na ruswa, Urwego rw'Umuvunyi rwakoze igenzura ku mikorere y'Inzego za Leta no ku ishyirwa mu bikorwa rya gahunda za Leta hagamijwe kureba niba nta byuho by'akarengane cyangwa ruswa hatangwa inama zigamije kunoza imikorere. Igenzura ry'Inzego na Gahunda za Leta rigira uruhare mu kunoza imikorere yabyo kuko Urwego rw'Umuvunyi rutanga inama zigamije gukosora ibitagenda byagaragaye, gukaza ingamba, gukemura ibibazo by'akarengane no gukurikirana ibyaha bya ruswa byagaragaye.

Urwego rw'Umuvunyi rurashimira uruhare buri wese yagize mu gutuma rwuzuza inshingano rwahawe by'umwihariko Leta n'Umuryango w'Ubumwe bw'Uburayi kandi rwizeza gukomeza kwesa imihigo mu gushyira mu bikorwa inshingano zarwo mu mwaka w'Ingengo y'Imari wa 2022-2023.

# IMIGEREKA

**UMUGEREKA WA I**

| N° | Imyanzuro-nama yatanzwe/ Ibyagaragajwe n'Urwego rw'Umuvunyi | Uko yashyizwe mu bikorwa | Ibisobanuro (Comments) |
|---|---|---|---|
| | **AKARERE KA GICUMBI** | | |
| 1. | Kwakira no kwinjiza inyemezabuguzi (Invoice) mu bitabo byabugenewe zikigera mu Karere | | Akarere gafite igitabo cyagenewe kwandikwamo inyemezabuguzi (register invoice) kakiriye. Icyo gitabo gikubiyemo amakuru yose yerekeye inyemezabuguzi (itariki yinjiriyeho, Nimero yayo, uyitanze, uwakurikiranye ibikorwa, amafaranga yishyuzwa n'itariki yishyuriweho). |
| 2. | Gushyira ku nyandiko zishyuza ibiteganywa byose mu masezerano kugira ngo dosiye yishyurwe | | Byashyizwe mu bikorwa. Amasezerano aba akubiyemo ibikenerwa mu kwishyurwa |
| 3. | Kwishyura ba Rwiyemezamirimo Akarere gafitiye ibirarane hitawe ku bimaze igihe kirekire kandi hashingiwe ku nyandiko zujuje ibisabwa mu kwishyura | | Hari imyenda Akarere kagifitiye ba Rwiyemezamirimo. Zimwe mu mpamvu zibitera ni uko hakiri dosiye zishyuza zitujuje ibisabwa bikaba ngombwa ko hategerezwa inyandiko z'inyongera. |

| Nº | Imyanzuro-nama yatanzwe/ Ibyagaragajwe n'Urwego rw'Umuvunyi | Uko yashyizwe mu bikorwa | Ibisobanuro (Comments) |
|---|---|---|---|
| 4. | Kwirinda ubukererwe mu kwishyura ba Rwiyemezamirimo hagendewe mu kubahiriza ibikubiye mu masezerano yashyizweho umukono n'impande zombi | | Umwanzuro washyizwe mu bikorwa. |
| | **IPRC KARONGI** | | |
| 5. | Kuvugurura imikorere cyane cyane ku birebana no kwishyurira ku gihe imyenda mu rwego rwo gusigasira ubwangamugayo ndetse no kwishyuriza ku gihe imyenda baberewemo | | Nta bukererwe bukigaragara mu kwishyura inyemezabuguzi za IPRC Karongi. Bigaragara ko nta mwenda ikigo gifitiye abantu uretse amafaranga 26,653,000 (caution money) y'abanyeshuri bakiga, hategerejwe ko barangiza bakayasubizwa. |
| 6. | Umugenzuzi w'imbere (internal auditor) akwiye kujya yubahiriza igihe mu gukora ubugenzuzi kugira | | Byashyizwe mu bikorwa kuko:<br>Ubugenzuzi bw'imbere busigaye bukorwa uko bikwiye ndetse na raporo zigatangwa n'Inama zatanzwe |

| Nº | Imyanzuro-nama yatanzwe/ Ibyagaragajwe n'Urwego rw'Umuvunyi | Uko yashyizwe mu bikorwa | Ibisobanuro (Comments) |
|---|---|---|---|
| | ngo inama atanga zifashishwe mu micungire myiza y'Ikigo, ndetse n'Ikigo kikitabira gushyira mu bikorwa inama z'ubugenzuzi cyahawe | | zashyizwe mu bikorwa |
| 7. | IPRC Karongi *Consulting Company Ltd* ikwiye kujya yubahiriza amategeko agenga *Company,* igashyira ibirango ku bikoresho byayo kandi ifatanyije na IPRC bigomba gushyiraho umurongo ngenderwaho mu mikorere yayo | | IPRC Karongi *Consulting Company Ltd* yakuweho isimburwa na *Rwanda Polytechnic Company Limited*. Amabwiriza y'Ishuri Rikuru ry'u Rwanda ry'imyuga n'Ubumenyingiro (RP) yemeje ko habaho *Company* imwe iri ku rwego rw'Igihugu ikagira Ubuyobozi bumwe buri ku rwego rwa RP. Byatangiye gushyirwa mu bikorwa ndetse n'Abayobozi bayo bashyizweho |
| **IPRC HUYE** | | | |
| 8. | IPRC HUYE ikwiye kuzuza imyanya y'akazi iburamo abakozi kugira ngo biyifashe kurangiza | | Mu myanya 55 y'abakozi ba IPRC HUYE, 35 ni yo irimo abakozi, 2 iri gushakirwa abakozi na ho 18 nta bakozi barimo. |

| Nº | Imyanzuro-nama yatanzwe/ Ibyagaragajwe n'Urwego rw'Umuvunyi | Uko yashyizwe mu bikorwa | Ibisobanuro (Comments) |
|---|---|---|---|
| | neza inshingano zayo | | |
| 9. | MINEDUC ikwiye gutegura ihererekanyabubasha hagati ya Kavumu School na IPRC HUYE | | Ihererekanyabubasha hagati ya Kavumu School na IPRC HUYE ryarakozwe |
| 10. | IPRC HUYE ikwiye gukurikirana imyenda ifitiwe na MINADEF ikishyurwa vuba | | IPRC HUYE imaze kwishyurwa amafaranga angana na 288,623,000Frw k'umwenda wa 574,417,000Frw yari ifitiwe na MINADEF, asigaye yavuze ko izayishyura bitarenze ukwezi kwa 8. |
